

## *Iriburiro*

Inyandiko ikurikira igizwe n'umwandiko wateguriwe Kairos oral bible. Umwandiko w'iyi bibiliya wakozwe hifashishijwe The King James Bible, The New International Version, The Living Bible, The New American Standard Bible, The English Standard Bible, byaba ngombwa hagakoreshwa inyandiko remezo z'ikigereki, igiheburayi, n'ikilatini arizo zikoreshwa kugira ngo habone ke inyandiko zisemuye z'icyongereza

Bibiliya The Kairos Oral Bible igizwe n'inkuru 66 zituruka ku ntangiriro zikagera ku byahishuwe kugira ngo hatangwe ishusho y'ijambo ry'Imana ku bigishwa bateze amatwi. Ntabwo irimo inkuru zose za bibiliya nukuvuga ko hari ibintu bitagaragara mo. Ariko hakorezwe ibishoboka mu guhitamo inkuru fatizo za bibiliya kandi zinerekana ubutumwa shingiro bwa bibiliya bw'icungurwa, n'ubwiyunge. Yesu yagize ati : «Muri intumwa zanjye by'ukuri nimuguma mw'ijambo ryanjye » Intego ya Bibiliya mvugo ni uguha umwigishwa uteze amatwi amahirwe yo kumva ijambo ry'Imana kugira ngo nawe ashobore kuba umwigishwa wa Yesu. Amahitamo y'iri huriro ry'inkuru 66 yari itangiriro. Uzifuzza kugira icyo yongerera kuri iyi nyandiko arabyemerewe.

Inyandiko nyinshi za Bibiliya mvugo zagiye zigirwa ngufi kugira ngo umwigishwa uteze amatwi ashobore kuzifata mumutwe. Urugero mu nkuru ya Nowa ibika bitatu byashyizwe kurupapuro rumwe. Birashoboka rero kwiga kuvuga inkuru ya Nowa mu buryo bwuzuye, ariko hadakoreshejwe ariko hadakoreshejwe amagambo yatuma inkururu irushya gufata mumutwe. Nubwo inkuru zagiye zigirwa ngufi, ntacyahinduwe cyangwa se ngo cyongerwe mo. Zimwe mu nkuru zakuwe mubutumwa bwiza bukubiye mu ma vanjiri ane. Nk'ibatizwa rya Yesu, aho Luka wenyine atanga ikiganiro hagati ya Yohana n'abantu bari bamaze kubatizwa, mugihe Matayo wenyine atanga muri rusange urugendo rwa Yesu aha i Galileya aje kubatizwa na Yohana muri Yorodani, ariko muri yohana 1 :29 haravugaga ngo : « Ngyu Ntama w'Imana ukiza ibyaha by'isi.» Muri make mugukora Bibiliya Mvugo Kairos twakoresheje ubutumwa bwiza buva mu mavanjiri uko ari ane kugira ngo hatangwe ishusho yuzuye ishoboka kubateze amatwi.

Kubwo uko iyu mwandiko wakozwe kugira ngo utangwe mu buryo bw'imvugo, rimwe na rimwe insimbura zina zagiye zihindurwa mu mazina ajyanye nazo. Ibi byakozwe kugira ngo bifashe kumva neza uteze amatwi. Iriburiro ritanga ku nkuru nyinshi kugira ngo rihuze iyo nkuru n'indi yarangiye, cyangwa kugira ngo ritange ubusobanuro bwa ngombwa.

Ihuriro ry'inkuru 66 rirahagije gutanga ishusho mbonera y'ibyanditswe byera, ikaba na ngufi bihagije kuwiga ateze amatwi kugira ngo agire ishusho y'aho birangirira agana aho bitangirira. Muyandi magambo, intego za Bibiliya Mvugo Kairos ni ugutanga inkuru zihagije mu cyongereza zakwifashishwa mu gukora Bibiliya Mvugo muzindi ndimi. Kugeza uyu muni wa none miringo itandatu na gatanu ku ijana y'abantu batababayeho neza bigira mu mvugo. Bibiliya bazatunga ni iyo bazashobora kumva bakayibika mu mitima yabo ndetse bakayifata mu mutwe. Bibiliya itubwira ko ijambo ry'Imana rifite ubushobozi bwo guhindura ubuzima bw'abantu. Bibiliya Mvugo n'ikwire ku isi yose, bityo abantu bamenye Imana kandi babeho bakurikiza ijambo ryayo.

## ISHAKIRO

Iriburiro .....	i
ISHAKIRO .....	ii
Isezerano rya kera .....	1
Irema .....	1
Adamu na Eva .....	1
Ukugwa kwa muntu .....	2
Kayini na Abeli.....	3
Nowa .....	4
Satani n’umwuka isi .....	5
Aburamu .....	5
Sarayi, Hagari Ishimaeli .....	6
Isezerano n’ivuka rya Isaka .....	7
Inzosi za Yakobo .....	11
Yakobo na Esawu biyunga.....	13
Yozefu umurosi .....	14
Mose-Igihuru cyak’umuriro na Farawo.....	17
Amategeko icumi .....	19
Abatasi .....	20
Yosuwa .....	22
Dawidi na Goliyati .....	22
Dawidi yanga gukurah’ubugingo bwa sawuli.....	23
Eliya .....	24
Yona .....	25
Daniyeli .....	27
Itanura ry’umuriro ryaka.....	28
Nehemiya .....	30
Isezerano rishya .....	32
Ibyatangajwe.....	32
Ivuka rya Yesu .....	32

Ibatizwa rya Yesu .....	33
Intumwa za mbere .....	34
Gukiza abaremaye.....	35
Umubibiyi Mariko .....	35
Yesu acubya umuhengeri.....	36
Uwahanzweho w’i Gerasa.....	36
Yayiro .....	37
Nikodemu.....	38
Umugore ku iriba .....	38
Umusamariya mwiza.....	40
Umuntu wamugaye ikiganza.....	40
Uburyarya bw’Abafarisayo.....	41
Ukugaburira 4000 .....	41
Umwana w’ikirara .....	42
Uri kristo.....	43
Lazaro n’umukungu.....	43
Imbabazi.....	44
Abafarisayo n’abasoresha.....	45
Zakayo .....	45
Kwinjira nk’uwatsinze .....	46
Mariya asiga amavuta Yesu.....	46
Igaburo rya nyuma .....	47
Urubanza.....	48
Ibambwa .....	49
Izuka .....	50
Pentekote.....	51
Gukiza ku irembo Ryiza .....	52
Petero na Yohana mu rukiko.....	53
Ananiya na Safira .....	54
Simoni umukonikoni .....	56
Inzira igana i Damasiko .....	57
Petero na Koruneliyo .....	58

Umurinzi w'uburoko w'Umunyafilipini .....	60
Ku Mana itazwi.....	61
Iyahishuwe .....	62
Gukora inkuru yo muri Bibiliya Mvugo .....	64

## Isezerano rya kera

### Irema-<sup>Itangiriro.1</sup>

<sup>1</sup>Muntangiriro Imana yaremeye ijuru n'isi. <sup>2</sup>Isi yari ikivangavange kitagira ishusho, kandi iriho ubusa. Umwijima wari ubundikiriye inyanja y'amazi, n'umwuka w'Imana wagendagenda hejuru y'amazi. <sup>3</sup>N'uko Imana iravuga iti:"Nihabeho urumuri" nuko urumuri rubaho. <sup>4</sup>Imana ibona ko urumuri ari rwiza n'uko itandukanya urumuri n'umwijama. <sup>5</sup>Urumuri irwita amanywa maze umwijima iwita ijoro.

<sup>6</sup>Imana irema ijuru. <sup>9</sup>Nuko itandukanya amazi n'ubutaka bwumye. <sup>11</sup>Uhoraho aravuga ati:"Ubutaka ni bumere ubwatsi butoshye, n'ibyatsi bifite imbuto zibyara ibindi, n'ibiti byera imbuto zifite umurama, bikurikije ubwoko bwa buri giti." <sup>12</sup>Imana ibona ari byiza.

<sup>14-16</sup>Imana yaremeye izuba, ukwezi n'inyenyeri kugira ngo bitange urumuri, bibe ibimenyetso birango ibihe by'amakoraniro, bijye kandi biranga iminsi n'inyaka. <sup>20</sup>yaremeye ifi zo mumazi n'inyoni zo mukirere ikurikije ubwoko bwabyo. <sup>21</sup>Imana ibona ko ari byiza. <sup>22</sup>Imana ibiha umugisha iravuga iti:"Nimwororoke mugwire mwuzure amazi y'inyanja, n'ibiguruka bigwire kw'isi." <sup>25</sup>Imana ihanga inyamaswa zose hakurikijwe ubwoko bwazo maze biba bityo. Imana ibona ko ari byiza. <sup>26</sup>Noneho duhange umuntu mwishusho ryacu, mumisusire yacu, maze ategeke ifi zo mu nyanja, ibiguruka byo mukirere, inyamaswa zose ndetse n'isi yose. <sup>27</sup>N'uko Imana irema umuntu mwishusho ryayo, yaba umugabo cyangwa umugore. <sup>28</sup>Imana ibaha umugisha maze irababwira iti:"Nimwororoke mugwire maze mukwire isi yose kandi muyiteze imbere. Nimutegeke ifi zo mu nyanja n'inyoni zo mukirere, ndetse n'ikizima cyose cyukurura ku butaka. <sup>29</sup>Nuko Imana iravuga iti,"Mbahaye icyatsi cyose cyera imbuto kw'isi yose, n'igiti cyose cyera imbuto zifite mo umurama. Bizaba ibiribwa byanyu. <sup>30</sup>Inyamaswa zose zo mugasozi, ibiguruka byo mukirere byose, icyukurura hasi cyose, icyifite mo ubuzima cyose, mbihaye ibimera bitohagiye ngo birishe." Nuko biba bityo. Uwiteka areba ibyo yari amaze gukora byose asanga ari byiza rwose. Ibi byose byaremwe mu minsi itandatu.

### Adamu na Eva-Itangiriro 2

<sup>1</sup>Ijuru n'isi bimaze kuremwa, ku muni wa karindwi Imana iruhuka umurimo yari maze gukora. <sup>3</sup>Uwiteka aha umugisha umuni wa karindwi, araweza, kuko ari umuni yaruhutse ho nyuma y'umurimo w'iremwa yari amaze gukora.

<sup>7</sup>Imana imaze kurema ijuru n'isi yakoze umuntu mw'ibumba rivuye mu gitaka, imuhaha mumazuru umwuka w'ubuzima, nuko umuntu aba muzima. <sup>8-14</sup>Imana itera ubusitani bwitwa Edeni burimo impumuro nziza, ibihingwa ibiti ndetse na zahabu. Imana irema imigezi ine inyura mu busitani, kandi hagati y'ubusitani hari hateye mo igiti cy'ubugingo n'igiti cy'ubumenyi bw'icyiza n'ikibi.

<sup>15</sup>Nuko Imana ifata muntu imushyira mu busitani kugira ngo abwite ho. <sup>16</sup>Imana itegeka umuntu iti, "Ushobora kurya ku giti cyose cyo muri ubu busitani. <sup>17</sup>ariko ntuzarye kugiti cy'ubumenyi bw'icyiza n'ikibi, kuko umunsi umunsi uzakirya ho uzapfa nta kabuza."

<sup>18</sup>Imana iravugaga iti, "sibyiza umugabo aba wenyine, ngiye kumugenera umufasha umukwiye."

<sup>19</sup>Uwiteka yegeranya inyamaswa zose zo mu ishyamba, n'inyoni zo mu kirere. Azizanira muntu ngo arebe uko muntu azita amazina, maze buri kinyabuzima kigira izina cyiswawe.

<sup>20</sup>Nuko muntu yita ibinyabuzima byose, inyoni zo mukirere n'inyamaswa zo mu ishyamba. Ariko muntu ariwe Adamu ntiyabona mo umufasha.<sup>20</sup> Nuko muntu yita ibinyabuzima byose, inyoni zo mu birere n'inyamaswa zo mu ishyamba. Ariko muntu ariwe adam ntiyabonamo umugisha. <sup>21</sup>Nuko Immana itera muntu kuja mu bitotsi bikomeye, maze mu gihe yari asinziriye, <sup>22</sup>Ifata rumwe mu mbavu z'umugabo ikoramo umugore maze imuzanira umugabo. <sup>23</sup>Nuko umugabo aravugaga, « Noneho, uyu ni igufwa ryo mu magufwa yanjye, n'umubiri uvuye mu mubiri wanjye ; Azitwa « Umugore kuko yavuye mu mugabo. » <sup>24</sup>Nicyo gituma umugabo asiga Se na Nyina agasanga umugore we, maze bombi bakaba umubiri umwe. <sup>25</sup>Umugore n'umugabo bari bambaye ubusa ariko ntibyari bibateye isoni.

### **Ukugwa kwa muntu.** INTANGIRIRO 3

<sup>1</sup> Inzoka yari inyaryenga kurusha izindi nyamaswa zo mu gasozi Imana yaremeye. Ibwira umugore iti, « Koko Immana yaravuze ngo ntimuzagire igiti cyo mu busitani muryaho ? « Umugore asubiza inzoka ati : « Dushobora kurya imbuto zo mu biti byo muri ubu busitani, ariko Immana yaravuze ngo « Ntimugomba kurya imbuto zo mu giti kiri hagati y'ubusitani, ntimuzazikoreho kuko muzapfa. »

<sup>4</sup> « Ntabwo muzapfa, « Inzoka ibwira umugore. <sup>5</sup> Imana izi ko umunsi mwakiriye amaso yanyu azahumuka, maze mukamera nk'Imana mukamenya icyiza n'ikibi. » <sup>6</sup> Umugore abonye ko imbuto za cya giti ari nziza kandi zibereye amaso abonye kandi ari ngombwa mu kwongera (gutanga) ubuhanga asoroma ho ararya. Ahaho n'umugabo we bari kumwe. Nawe ararya. <sup>7</sup> Nuko amaso yabo yombi arahumuka bamenya ko bambaye ubusa, maze bafatanyaga amababi y'umutini bayirenzaho.

<sup>8</sup>. Nuko umugabo n'umugore ngo bumve ijwi ry'Uhoraho ryagendagenda mu busitani mu mafu y'igicamunsi, bayihisha uko bita by'ubusitani.

<sup>9</sup>. Ariko Uhoraho ahamagara umugabo, « Urihe ? » Umugabo arasubiza ati : Numvise mu busitani, ngira ubwoba kuko nambaye ubusa, ndihisha. « Immana iramubaza iti : « Ninde wakubwiye ko wambaye ubusa ? wariye ku mbuto y'igiti nakubujije kurya ho ?

<sup>12</sup> Umugabo arasubiza ati, « Umugore wampaye ngo tubane yampaye ku mbuto zo ku giti, ndarya. »

<sup>13</sup>. Immana ibaza umugore iti, »Wakoze ibiki ? » Umugore arasubiza ati" Inzoka yampenze ubwenge, ndarya.

<sup>14</sup>. Maze Immana ibwira inzoka iti, “ Uravumwe, uzakurura inda hasi, maze urye umukungugu iminsi yose yo kubaho kwawe. <sup>15</sup>. Nzashyira urwango hagati yawe n’umugore hagati y’urubyaro rwawe n’urwe, ruzakujanjagura umutwe, urukomeretse agatsinsino.

<sup>16</sup> Uhoraho abwira umugore ati, “Nzongera ububabare bwawe igihe utwite, unabyare mu mubabaro. Uzahora wifuza umugabo wawe, nawe agutegeka. <sup>17</sup> Uhoraho abwira umugabo “kubera ko witaye ku magambo y’umugore wawe ukarya ku giti nakubujije kurya, “Ubutaka buravumwe ku bwawe. Uzabukuramo ikizagutunga bikugoye iminsi yose yo kubaho kwawe. <sup>18</sup>. Ifunguro ryawe uzarirya wiyushye akuya kugeza ubwo uzasubira mu gitaka, kuko uri umukungugu, uzasubira mu mukungugu”.

<sup>20</sup> adamu yita umugore we Eva, kuko ariwe wabaye nyina w’abazima bose. <sup>21</sup> Uhoraho akanira adamu n’umugore we impu arazibambika. Nuko Immana iravuga iti, “Ubu umuntu azi ikibi n’icyiza. Ntagomba kwemererwa gusingira igiti cy’ubugingo akakiryaho maze akazabaho iteka. <sup>23</sup> Nuko Uhoraho yirukana umugabo n’umugore mu busitani maze ashya ho Malayika ufite inkota y’umuriro wakaragaga imbere n’inyuma ngo irinde inzira igana ku giti cy’ubugingo

### **Kayini na Abeli** Intangiriro 4

<sup>1</sup>.Adamu abonana na Eva umugore we, maze arasama abyara Kayini.

<sup>2</sup>.Nyuma azakubiyara umuvandimwe we Abeli. Abeli aba umushumba <amatungo naho Kayini aba umuhinzi w’ubutaka.

<sup>3:5</sup> Igihe kirahita Kayini ashya amaturu avuye mu myaka y’imirima ye naho Abeli azana amaturu avuye mu matungo ye. Imana ishima Abeli n’amaturu ye ariko ntiyashima Kayini n’amaturu ye. Kayini biramurakaza cyane yubika umutwe.

<sup>6</sup>Uhoraho abwira Kayini ati, “Kuki urakaye? Kuki wubitse umutwe ? Nugenza neza ntuzubura umutwe se? Naho nutangenza neza, itonde kuko icyaha kirakomanga ku muryango wawe ngo kigusumire ariko wowe ugomba kukirusha imbaraga.”.

<sup>8</sup>.Kayini abwira umuvandimwe we Abeliati, “Tujoyane mu murima” mu gihe bari mu murima Kayini asimbukira murumuna we Abeli maze aramwica. <sup>9</sup>.Nuko Immana ibaza Kayini iti, “Umuvandimwe wawe Abeli arihe ?” Kayini arasubiza ati, “simbizi mbese ndi umurinzi wa murumuna wanjye?

<sup>10</sup>.Nuko Uhoraho aramubaza ati, “Wakoze ibiki ? Amaraso y’umuvandimwe wawe arantabariza mu gitaka. <sup>11</sup> Kuva ubu ubaye ikivume ku butaka, bwo kwasamye ukabwuhira maraso ya murumuna wawe. <sup>12</sup> Uzahora uri inzererezi yangara ku isi.”

<sup>13</sup>Kayini abwira Uwitaka ati, “ Igihano umpaye kirakabije. <sup>14</sup> Unciye kuri ubu butaka kandi ngomba kujya kure yahoo uri, nzahora ndi inzererezi nangara ku isi yose, kandi uzambona wese azanyica.” Ariko Uwitaka ramubwira ati, “Ashwi, uzica Kayini azabihanirwa karindwi.”Nuko Uhoraho ashya ikimenyetso kuri Kayini kugirango uwo bazahura wese atazamwica.

<sup>16</sup>Nuko Kayini ava mu maso y'Uwiteka.

## **Nowa** – Intangiriro 6-9

<sup>1</sup>Abantu batangira kugwira ku isi. Uwiteka arareba asanga ububi bw'abantu bwkwiriye ku isi, kandi ibitekerezo byo mu mitima yabo ari bibi gusa. <sup>6</sup>Uwiteka yicuza kuba yarashyize umuntu ku isi. <sup>7</sup> Nuko Uwiteka aravuga ati, « Nzatsemba abantu naremye mbavane ku isi, aribo ari n'inyamaswa, ari ibikururanda, cyangwa ibiguguka mu kirere kuko nicuza impamvu nabiremye. »

<sup>8</sup> Ariko Nowa agira ubutoni mu maso y'Uwiteka. <sup>9</sup> Nowa yari umuntu w'intungane mu bantu bo mu gihe cye kandi agendana n'Immana. <sup>10</sup> Nowa yari afite abahungu batatu : Semu, Kamu, na Yafeti. <sup>13</sup>Imana ibwira Nowa iti, « ngiye gutsemba abantu bose, kuko isi yuzuyemo ubwicanyi kubera bo. Iyubakire inkuge mu biti by'imizonobari ; koramo ibyumba hanyuma ubuhomeshe ubujeni imbere n'inyuma. Ubwato buzagira uburebure bw'ibirenge 450 n'ubugari bw'ibirenge 45 n'ubuhagarike bw'ibirenge 75. Uzabohe igisenge kandi ushyiremo umuryango. <sup>19</sup> Uzinjize mu bwato bibiri bibiri mu byaremwe byose ibigabo n'ibigore kugirango birokokane nawe. Bibiri muri buri bwoko bw'inyoni, muri buri bwoko bw'inyamaswa no muri buri bwoko by'ibikururanda bizagusanga kugirango bibashe kubaho. <sup>21</sup>Uzafate ibishobora kuribwa byose, ubihunike bizakubere ifunguro rizagutunga wowe n'izo nyamaswa. » Nowa agenze uko Immana yamutegetse.

<sup>11</sup> Maze mu mwaka wa magana atandatu w'ubuzima bwa Nowa, ku muni wa cumin a karindwi w'ukwezi kwa kabiri, amasoko yose aravubura n'ibigomera amazi byose by mu ijuru birafunguka. <sup>12</sup> Imvura igwa ku isi iminsi mirongo inre n'amajoro mirongo ine.

<sup>13</sup> Kuri uwo muni Nowa yinjira mu nkuge <sup>16</sup>Immana ikinga urugi. <sup>17</sup>Imvura igwa iminsi mirongo ine. <sup>19</sup> Imisozi miremire yose irengerwa n'amazi.

<sup>23</sup> Ikizima cyose cyagendaga ku isi kirarimbuka. Hasigara Nowa n'abari kumwe mu bwato gusa. <sup>24</sup> Amazi yagumye ku isi iminsi ijana na mirongo itanu.

8:1 Imana yohereza umuyaga ku isi maze amazi aratuzza.

<sup>5</sup>Impinga z'imisozi ziragaragara <sup>13-14</sup> Ku muni wa makumyabiri na karindwi w'ukwezi ka kabiri umwaka wa magana atandatu n'umwe w'ubuzima bwa Nowa isi yari yumutse neza. <sup>15</sup>Imana ibwira Nowa iti, "Sohoka mu bwato n'abo muri kumwe bose."

Nuko Nowa n'umuryango we n'inyamaswa zose hakurikijwe aoko yazo basohoka hanze.

<sup>20</sup>Nuko Nowa yubaka urutambiro, maze mu matungo atazira no mu nyoni zitazira ahitamo izo gutura ibitambo bitwikwa.



<sup>8:2</sup> Imana iha umugisha Nowa n'abahungu be, ivuga iti," Nimwororoke, mugwire mu mubare kandi mwuzure isi. Sinzongera kurimbura ibyaremwe igihe cyose isi izamara, ibiba n'isarura, imbeho n'ubushyuhe, iki n'itumba, amanywa n'ijoro ntibizigera bivaho.

<sup>9:3</sup>Ibyaremwe byifitemo ubuzima ndabibahaye ngo bibabere ibiribwa kimwe n'ibimera bitohagiye. Ariko ntimungomba kurya inyama ikifitemo amaraso.

<sup>5</sup> Nzahora maraso ya muntu.

<sup>6</sup> Uzamena amaraso ya muntunaye azamenwa n'undi muntu. Kuko Immana yaremye umuntu mu ishusho ryayo.

<sup>7</sup>Naho mwebwe nimwororke mugwire mwuzeure isi."

### **Satani n'umwuka isi.** Is 14:12-15; Ezek 28:12-19

*Iriburiro:* Iyi nkuru ivuga uburyo Satani yabaye umwanzi w'Immana na muntu.

<sup>12</sup> "Wamanutse ute mu ijuru Rusufero mwana w'umuseke weya ! waba se warahanutse ukagwa ute ku isi,

<sup>13</sup> Wowe wavuze mu mutima wawe uti, "Nzazamuka mu ijuru, nzashyira intebe yanjye hejuru y'inyenyeri z'Immana; nzanature ku musozi w'ihuriro ry'amamana. <sup>14</sup> Nzazamuka njye ku mpera z'ibicu maze ndeshye n'umusumba byose. <sup>15</sup> Ariko mu by'ukuri uzamanurwa kwa nyira rupfu, mu muhenengero w'ikuzimu.<sup>13</sup>Wari utuye muri Edeni mu busitani bw'Immana, wisesuye igishura gitatse amabuye y'agaciro ndetse ukikijwe na zahabu, ibyo byose byarateguwe umunsi w'iremwa ryawe. <sup>14</sup> Wowe wari umukerubimu naragushyiriyeho kuba umurinzi. Wari ku musozi wera w'Immana ukagenda genda rwagati mu makara agurumana. <sup>15</sup> Wari intangarugero kuva ukiremwa kugeza aho utahuwemo ubwo bugome. <sup>16</sup> Kubera imihihikano y'ubucuruzi bwawe, wigwijemo ubugome n'icyaha. Nibwo nguhanuye hejuru y'umusozi w'Immana nkugira igicibwa wowe mukerubimu nari narashyiriyeho kuba umurinzi, nkwirukana rwagati mu makara agurumana. <sup>17</sup> wagize ubwibone kubwo ubwiza bwawe, uyobya ubwenge bwawe kubwo ubwamamare bwawe. Mpera ko nkujugunya ku isi maze ngutanga imbere y'abanzi ngo bagushungere." Abazajya bakubona bazajya bakwitegereza bavuga bati;"Uyu ni wawundi waterga isi gutitira, wanyeganyezaga amahanga, wagize isi ishyamba agasenya imijyi yayo, utajyaga areka imbohe ngo zitahe ?

<sup>19</sup> Amahanga yose yari akuzi yakutse umutima kubera ko wahindutse ikintu giteye ubwoba kandi ukaba utazongera kubaho ukundi.

### **Aburamu** Intangiriro 12, 13, 15

*Iriburiro* : Nyuma y’imyaka myinshi Nowa n’abahungu be bavuye mu bwato Imana yabonekeye umugabo witwa Aburamu.

Iyi ni inkuru iva mu ijamba ry’Imana.

<sup>12:1</sup> Uhoraho abwira Aburamu ati, « Genda, va mu gihugu cyawe, siga umuryango wawe n’ingo za so ujye mu gihugu nzakwerekana. <sup>2</sup> Nzaguhindura ubwoko bukomeye kandi nzaguha umugisha . Nzogezza izina ryawe maze uzabe umugisha. <sup>3</sup> Nzaha umugisha uzaguha umugisha, kandi nzavuma uzakuvuma ; kandi muri wowe imiryango yo ku isi izahabwa umugisha. » <sup>4</sup> Aburamu aragenda nkuko Uwiteka yamutegetse. Aburamu yari afite imyaka mirongo irindwi n’itanu ubwo yavaga i Harani kandi n’umwishywe we Roti barajyanye. <sup>5</sup> Ajjana umugore we Sarayi n’umwishywe we Roti, umutungo bari bamaze kugira n’abagaragu bari bararonkeye i Harani berekeza mu gihugu cy’i Kanani. <sup>7</sup> Uwiteka abonekera Aburamu maze aramubwira ati, « Urubyaro rwawe nzaruha iki gihugu. » Nuko ahubaka urutambiro rw’Uwiteka wamubonekeye.

<sup>13:2</sup> Aburamu agira ubutunzi bwinshi bw’amatungo ndetse na feza na zahabu.

<sup>5</sup> Roti nawe yari afite imikumbi n’amashyamba n’amahema ku buryo icyo gihugu kitabakwiraga igihe bari baturanye. <sup>7</sup> Intonganya zitangira kubaho hagai y’abashumba ba Aburamu na Roti. <sup>8</sup> Nuko Aburamu abwira Roti ati, « He kubaho intonganya hagati yawe nanjye, cyangwa hagati y’abashumba bawe n’abanjye, kuko turi abavandimwe.

<sup>9</sup> Igihugu cyose nti kiri imbere yawe ? Reka dutandukane. Nujya ibumoso nzajya iburyo, nujya iburyo nzajya ibumoso.” <sup>10</sup> Roti arareba asanga ikibaya cy’umugezi Yorodani kinese hose hose nuko aba aricyo yihitiramo.

<sup>14</sup> Roti amaze gutandukana na Aburamu, Uwiteka aramubwira ati, “Rambura amaso urebe uhare aho uri hano mu majyaruguru no mu majyepfo, iburasirazuba no mu burengerazuba. Igihugu ubonye ni wowe nzagihaha n’urubyaro rwawe iteka ryose.”

<sup>15:5</sup> Uwiteka asohokana Aburamu maze aramubwira ati, “ubura amaso urebe ijuru maze ubare inyenyeri niba wazibara.” Arongera ati, “urubyaro rwawe niko ruzamera.”

<sup>6</sup> Nuko yizera Uwiteka, abimuhwaniriza no gukiranuka.

## **Sarayi, Hagari Ishimaeli.** Intangiriro 16 1-16

*Iriburiro*: Imana iratubona kandi izi aho duherereye.

<sup>1</sup> Aburamu na Sarayi nta rubyaro bari bafite, Sarayi yari afite umuja w’umunyagiputa witwaga Hagari. <sup>2</sup> Nuko Sarayi abwira aburamu ati, “dore Uwiteka yanyimye urubyaro wari ukwiye kugira umuja wanjye inshoreke ahari nabonera urubyaro kuri we.” Aburamu aryamana na

Hagari, maze arasama. Hagari amaze kumenya ko yasamye bimutera gusuzugura nyirabuja. <sup>5</sup> Sarayi abwira Aburamu ati, "ndasuzuguwe mu maso y'umuja wanjye, Uwiteka abariwe uca urubanza hagati yawe nanjye." Ariko Aburamu aramusubiza ati, "dore umuja wawe mwitegekere umugire uko ushatse kwose." Sarayi afata Hagari nabi nawe aramuhunga. <sup>7</sup> Malayika w'Uwiteka asanga Hagari, ku isoko y'amazi mu butayu <sup>8</sup> Maze aramubwira ati, "Hagari muja wa Sarayi, urava he ukajya

He ? "Hagari arasubiza at, "mpunze mabuja Sarayi." <sup>9</sup> Malayika w'Uwiteka ramubwira ati, "subira kwa nyokobuja kandi wemere ibyo akugirira." <sup>10</sup> Malayika w'Uwiteka arongera aramubwira ati, "nzagwiza cyane urubyaro rwawe rwe kubarika. Dore uratwite uzabyara umuhungu; uzamwite Ishimayeli kuko kuko Uwiteka yumvise kurira kwawe.

<sup>12</sup> Umuhungu wawe azamera nk'imparage mu Bantu azaba umubisha w'undi muntu wese kandi abantu bose bazamugira umubisha wabo azatura imbere ya bene se bose."

<sup>13</sup> Hagari yita izina Uwiteka yavuganye nawe ati, "uri Imana ireba." Ati, "kuko nkiriho nyuma yo kuyibona." Nuko Hagari abyara umuhungu, Aburamu amwita Ishimayeli.

<sup>16</sup> Aburamu yari afite imyaka mirongo inani n'itandatu ubwo Hagari yamubyariraga Ishimayeli.

## **Isezerano n'ivuka rya Isaka.** Intangiriro : 17: 1-16; 18:1-19;21:1-6

*Iriburiro:* Imana yahinduye izina rya Aburamu ibigira Aburahamu ndetse na Sarayi iwmita Sara kandi ibasezeranya umwana w'umuhungu.

<sup>17:1</sup> Ubwo Aburamu yari amaze imyaka mirongo urwenda n'icyenda y'amavuko Uwiteka yaramubonekeye aramubwira ati, " nijye Mana ishobora byose, jya ugendera imbere yanjye maze ube intungane rwose. <sup>4</sup> Dore isezerano ryanjye ni wowe ndihaye, nawe uzaba sekuru w'amahanga menshi. <sup>5</sup> Ntuzongera kwitwa Aburamu, ahubwo uzitwa Aburahamu. Nzatuma amahanga agukomokaho, n'abami bazagukomokaho. <sup>8</sup> Nzaha wowe n'urubyaro rwawe igihugu cy'i Kanani ngo kibabere gakondo y'Uwiteka, nanjye nzaba Imana yabo. <sup>10</sup> Umugabo wese muri mwe azakebwa. <sup>11</sup> Kizaba ikimenyetso cy'isezerano ryanjye namwe. <sup>15</sup> Imana yongera kubwira Aburahamu iti, "Sarayi umugore wawe izina rye rizaba Sara nzamuha umugisha kandi nzaguha koko umwana w'umuhungu kuri we. Nzamuha umugisha koko azaba nyiana w'amahanga, abami b'amahanga bazakomoka kuriwe."

<sup>18:1</sup> Nyuma y'ibi gato Uwiteka abonekera Aburahamu yicaye muni y'igiti mu muryango w'ihema rye ku manywa y'ihangu. <sup>2</sup> Aburahamu yubura amaso abona abagabo batatu bahagaze imbere ye. Ababonye arihuta arabasanganira, yikubita hasi.

<sup>3</sup> Aravuga ati, "niba nagize ubutoni mu maso yawe databuja, ntuze ku mugaragu wawe.

<sup>4</sup> Reka bazane utuzi mwoye ibirenge muruhukire muni y'iki giti. Reka mbazanire utwo kurya mwice isari, mubone kugenda ubwo muje ku mugaragu wanyu." Baramusubiza bati, "ubigenze

uko uvuze.”<sup>6</sup> Aburahamu arihuta yinjira mu ihema abwira Sara ati, “tunganya vuba indigo n’umucagate by’amafu meza, uvugemo umutsima;” Nuko ariruka ajya mu bushyamba azana ikimasa cyoroshye agiha umugaragu yihuta kugitegura.

<sup>8</sup>Yenda amavuta, amata n’inyama z’icyo kimasa yatetse abishyira imbere yabo, ahagarara iruhande muni y’igiti. <sup>9</sup>Nuko baramubaza bati, “umugore wawe Sara ari he?” Aburahamu arabasubiza ati, “hariya mu ihema.” <sup>10</sup> uwiteka aravugaga ati, “nzagaruka hano nk’iki gihe umwaka utaha, kandi Sara umugore wawe azaba afite umuhungu.” Ubwo Sara yarumvaga ahagaze mu muryango w’ihema.” <sup>11</sup> Aburahamu na Sara bari bashaje bafite imyaka myinshi kandi Sara yari yararengeje imyaka yo kubyara. <sup>12</sup> Nuko Sara asekeraga mu mutima yibwirira ati, “ubu ko nashaje, nashobora nte kugira ibi byishimo kandi ko na databuja ashaje.” Nuko uwiteka abwira Aburahamu ati, “ni iki giteye Sara guseka akanavugaga ati, ‘nabona koko umwana n’ingano yanjye?’” <sup>14</sup> Hari ikintu gikomereye uwiteka? Nibyo koko nzagaruka hano igihe nk’iki umwaka utaha kandi Sara azaba afite umwana w’umuhungu. Sara ahakana agira ati, “sinigeze nseka” kuko yari afite ubwoba. uwiteka aravugaga ati, “yego wasetse.”

<sup>16</sup> Igihe ba bagabo bahagurukaga bagiye Aburahamu arabaherekeza.

<sup>17</sup> uwiteka aravugaga ati, <sup>18</sup> Aburahamu azaba umuryango munini unakomeye maze amahanga yose y’isi azamuherwamo umugisha.

<sup>19</sup> Kuko naramutoye kugirango azatoze abana be nabo mu nzu ye kuzakomeza inzira y’uwiteka bakurikiza ubutabera n’ubutungane bityo uwiteka azabone kugirira Aburahamu icyo yamusezeranyije.”

<sup>21:1</sup> Nuko uwiteka agenzereza Sara uko yari yarabimusezeranyije. <sup>2</sup> Sara arasama maze abyarira Aburahamu umwana w’umuhungu mu gihe cy’ubusaza bwe, ku gihe Imana yari yavuze. <sup>3</sup> Aburahamu yita umwana Sara yamubonyiye Isaka. <sup>4</sup> Aburahamu agenyaga Isaka ku muni wa munani nkuko Uhoraho yari yarabimutegetse. <sup>5</sup> Aburahamu yari afite imyaka ijana ubwo Isaka yavukaga.

<sup>6</sup> Sara aravugaga ati, “Imana inteye guseka n’undi wese uzabyumva azansekeraga.” Arongera ati, “ninde wigeze abwira Aburahamu ngo Sara azonsa abana? Nyamara dore mubonyiye umuhungu mu za bukuru.

## Aburahamu na Isaka Itangiriro 22:1-18

*Iriburiro:* Hashiz’ igihe, Aburahamu yirukanira Ishimayeli kujya gutangiza ubwoko bw’abazamwitirirwa, asiga Aburahamu n’umuhungu we w’isezerano.

<sup>1</sup>Igihe kiragera Imana igerageza Aburahamu. Iramuhamagara igir’iti: “Aburahamu!” asubiza agira ati, “karame.” <sup>2</sup> Nuko Imana iramubwirira iti: “Jyan’umwana wawe w’ikinege, Isaka, uwo ukunda nuko umutambeho igitambo gitwikwa n’umuriro kuri umwe mu misozi nzakwerweka.”

<sup>3</sup>Karekare, bucyeye bwaho, Aburahamu arabyuka ashyira intebe ku ndogobe ye. Aburahamu aiyana babiri mu bagaragu be n'umuhungu we Isaka. Nuko Aburahamu yasa inkwi zo gutwika igitambo maze afata urugendo agana aho Imana yari yamubwiye.

<sup>4</sup>Kumunsi wa gatatu, Aburahamu yubura amaso abona umusozi urikure yabo. Abwira abagaragu be ati: "Musigarane hano n'indogobe, jye n'uyu muhungu tujye kuri uriya musozi. Tugiye gusenga kandi nyuma yaho tuzagaruka aho muri."

<sup>6</sup>Aburahamu afata inkwi zo gutwika igitambo azikoreza umuhungu we Isaka, kandi yitwaza n'umuriro n'icyuma. Uko bagendanaga bombi ari babiri, Isaka ahamagara ise aburahamu ati: "Data?" Aburahamu aramuz' ati: "Yego muhungu wanjye" Isaka aramubwira ati "umuriro n'inkwi birahari", "ariko igitambo cy'umwana w'intama cyo gutwikwa n'umuriro kirihe?"

<sup>8</sup>Aburahamu aramusubiza ati: "Muhungu wanjye, Imana niyo ubwayo niyo iributange igitambo cyo gutwikwa n'umuriro." Nuko bombi bakomeza urugendo.

<sup>9</sup>Ubwo bari bageze aho Imana yari yababwiye, Aburahamu yubaka igicaniro aho hantu, maze ashyir' inkwi hejuru yacyo. Azirik'umuhungu we

arangije amurambika kugicaniro hejuru y'inkwi.

<sup>10</sup>Nuko arambura ikiganza cye maz' afata icyuma ngo asogote umuhungu we. <sup>11</sup>Ariko malayika w'Umwami Imana amuhamagara ari mw'ijuru agir'ati: "aburahamu! Aburahamu!" aritab'ati: "Karame"

Aramumbwir'ati: "Nturamburire ukuboko kuri uwo muhungu". "Ntugire icyo umutwara". Ubungubu menyeko utinya Imana, kuko utanyimye umuhungu wawe w'ikinege." <sup>13</sup> Aburahamu yitegereje, abona umwana w'intama amahembe yayo wafashwe mugihuru. Ahegera yitonze nuko afata uwo mwana w'intama maze awutambaho igitambo cyoswa n'umuriro mucyimbo cy'umuhungu we. <sup>14</sup> Aburahamu yita aho hantu ngo Imana izitangira Igitambo.

<sup>15</sup> Malayika w'Umwami Imana ahamagara Aburahamu ari mw'ijuru ubwa kabiri agir'ati <sup>16</sup>: "Ndirahiye ,niko Uhoraho avuga, kuko ukoze utya ,ntunyime umwana wawe w'ikinege, <sup>17</sup>nzaguha umugisha kandi nzagwiza urubyaro rwawe kuburyo ruzangana nk'inyenyeri zo mukirere n'umusenyi wo kunkombe y'inyanja. Abazagukomokaho bazigarurira ubutunzi bwo mumijyi y'abanzi babo. <sup>18</sup> kandi binyuze mubazagukomokaho ,abo mubihugu byose byo kw'isi bazahabwa umugisha ,kuko wumviye ijwi ryanjye."

**Yakobo n'umugisha wibwe** Itangiriro 25:20-34; 27:1-42; 28:5

*Iriburiro:* Isaka yar'afite abana babiri, umwe yitwaga Yakobo bisobanuye 'umuriganya' n'undi witwaga Esawu.

<sup>20</sup>Isaka yar'afite imyaka mirongwine y'ubukuru ubwo yarongoraga Rebeka .<sup>21</sup>Kuberako Rebeka yar' ingumba

Isaka yasabiye umugore we k'Uhoraho nuko Uhoraho aramwumvira maze Rebeka arasama. <sup>23</sup>Hanyuma Uhoraho abwira Rebeka, ati: "Amahanga abiri ari munda yawe .Kandi ubwoko bumwe buzarusha imbaraga ubundi; Umukuru azaba umugaragu w'umuto"<sup>24</sup> Ubwo igihe cyokubyara cyari gisohoye,<sup>25</sup>gakuru avuka utukura afite icyoya ;maze bamwita Esawu.<sup>26</sup>Hakurikiraho umuvandimwe we avuka afashe agatsitsino,nuko izina rye yitwa Yakobo; Isaka yar'afite imyaka mirongwitandatu y'ubukuru ubwo Rebeka yabyaraga.Esawu aba umuhigi w'umuhanga,ariko Yakobo yari umunyamahoro kandi akaguma murugo.<sup>28</sup>Esawu yanyurag'umutima wa Isaka kuko yakundaga inyama zo ku muhigo wa Esawu,ariko Rebeka agakunda Yakobo.

Igihe kimwe ubwo Yakobo yaratetse imboga, Esawu arinjir' avuye mw'ishyamba,abwira Esawu ati: "Reka ndye kuri izo mboga zitukura ,kuko nshonje!"<sup>31</sup> Yakobo aramusubiz'ati: "Banza ungurisheho ubutware bwo kuba umwana w' imfura bwawe",<sup>32</sup>Esawu aramusubiz'ati "Ngiye gupfa; none ubutware bwanjye bumariye iki?" Nuko Esawu agurisha ubutware bwo kuba umwana w' imfura bwe isahane y'imboga.<sup>34</sup>Uko niko Esawu yanenze ubutware bw'umwana w'imfura.

<sup>1</sup>Ubwo Isaka yari ageze muzabukuru amaso ye ntiyar'akibasha kubona, ahamagara imfura Esawu aramubwir'ati: "Mwana wanjye .Ndashaje kandi sinzi umunsi w'urupfu rwanjye.<sup>3</sup> "None ndakwinginze fata ikirimba cyawe n'umuheto wawe, ujye guhiga <sup>4</sup> maze untegurire ibyo kurya kandi nkunda, ubinze mbirye nuko nguheshe umugisha mbere yuko mpfa." <sup>5</sup>Rebeka yarimo yumva ubwo Isaka yabwiraga Esawu.Nuko ubwo Esawu yar'amaze kugenda, Rebeka abwira Yakobo ati; <sup>9</sup> "Genda nonaha ujye mu mukumbi maze unzanire abana babiri b'ihene bo gutegurira so. "Nuko uri bubashyire so,<sup>10</sup> maze nawe aguhe umugisha mbere y'urupfu rwe"

Maze Rebeka afata imyambaro myiza ya Esawu, umwana w'imfura, ayambika Yakobo.<sup>16</sup>Kandi ashyira impu z'abana b'ihene ku ntoki ze no kw'ijosi rye aharembekereye.<sup>17</sup>Ah'umwana we Yakobo bya byokurya bihumura n'umutsima yari yamutekeye.<sup>18</sup>Nuko Yakobo asanga se aramubwir'ati: "Data." Aramusubiz 'ati: "Karame .Ur'inde mwana wanjye?" <sup>19</sup> Aramusubiz'ati,"Ndi Esawu imfura yawe ;Nakoze ibyo wambwiye .Ndakwinginze ,icara urye maze umpe umugisha" <sup>20</sup>Isaka aramubaz'ati, "Bimeze bite ko ugize vuba, mwana wanjye?Aramusubiz'ati, "Ni kubw'Uhoraho Imana yawe yabinshoboje." <sup>22</sup>Isaka aramubwir'ati, "Ijwi ni irya Yakobo, ariko intoki ni intoki za Esawu. <sup>24</sup>Muby'ukuri uri umwana wanjye Esawu?" maze Yakobo aramusubiz'ati, "Ndiwe." <sup>25</sup>Isaka aramubwir'ati, "Nzanir'ibyo kurya wanteguriye, maze nguhe umugisha."Nuko Isaka aramubwir'ati, "Mwana wanjye, Igira hino

maze unsome.”<sup>27</sup> Nuko Yakobo aramusoma ,nuko Isaka yihumuriye imyambaro ye ,ah’umugisha Yakobo aramubwir’ati, “ Ndabona impumuro y’umwana wanjye ari nk’uy’umurima Uhoraho yahaye umugisha; <sup>28</sup>Nukw’Imana iguhe ikime kiva mw’ijuru ,no kuburumbuke bw’ubutaka ,No kumyaka y’impeke myinshi na vino nshya nyinshi;<sup>29</sup>Abantu bose bazagukorere,amahanga yose yunamire imbere yawe ,Ube umutware wa bene so ,kandi bene nyoko bunamire imbere.Havumwe uzakuvuma wese ,kandi umugisha uzabe kuzawukwifuriza wese.

<sup>30</sup> Igihe kiragera,ubwo Isaka yar’amaze guh’umugisha Yakobo,Yakobo akimara gusohoka,Esawu ahinguka,avuye guhiga nuk’ategura ibiryo,maz’abizanza Isaka ;agir’ati, “Data nyemerera ubyuke nuko urye maze’umpe umugisha.”<sup>32</sup>Isaka aramubaz’ati, “Urinde?” Esawu aramusubiz’ati, “Ndi Esawu, umwana wawe w’imfura.”<sup>33</sup>Nuko Isaka ahind’umushyitsi bikabije, aravug’ati, “Ninde wahize umuhigo akawunzanza, maze nkarya kuri byos’ utaraza, nkamuh’umugisha?” Nibyo, azab’umunyamugisha.”

<sup>34</sup>Ubwo Esawu yumvaga amagambo ya se, arirana ijwi ry’umubabaro mwinshi, abwira s’ati, “Nanjye mp’umugisha, Data wambgaye!”<sup>35</sup>Isaka aramubwir’ati, “Mwene so, yaje yiyoberanyije kandi yatway’ umugisha wawe.”<sup>41</sup>Nuko Esawu yanga Yakobo kuko ise yari yamuhaye umugisha;maze Esawu aribwir’ati, “Iminsi yo kuririra urupfu rwa Data iri bugufi;nibwo nzica mwene data Yakobo.”

## **Inzosi za Yakobo** Itangiriro 29:10-22

<sup>10</sup>Nuko Yakobo ahaguruka i Berisheba yerekeza i Harani.<sup>11</sup>Ager’ahantu araharara,kuko izuba ryari rimaze kurenga; maze afata rimwe mumabuye yaho hantu araryisegura,maz’araharara.<sup>12</sup>Arot’inzosi,abona urwego rushinze hasi umutwe warwo ukagera kw’ijuru ;abon’abamalayika b’Uhoraho bazamuka kandi bamuka kuri urwo rwego.<sup>13</sup>Abona Imana ihagaze kumutwe warwo maze iravug’iti, “Nd’Uhoraho ,Imana ya sogokuru Aburahamu n’Imana ya Isaka ;iki gihugu uryamyemo,nzakiguha wowe n’urubyaro rwawe.<sup>14</sup>Abazagukomokaho bahwana n’umukungugu wo hasi, uzakwira iburengerazuba n’iburasirazuba n’amajyaruguru no mumajyepfo ; kandi muri wowe no mubazagukomokaho nimo imiryango yose yo mw’isi izahererw’ umugisha.<sup>15</sup> “Dore,Ndikumwe nawe nzakurinda ah’uzajya hose kandi nzakugarura mur’iki gihugu ;kuko ntazagusiga kugez’igihe nzasoherez’ibyo nagusezeraniye.”

<sup>16</sup>Nyumayibyo Yakobo arava munzosi ze aravug’ati, “Ntagushidikany’Imana iri’ahahantu, nanjye sinarimbizi.” <sup>17</sup>Agir’ubwoba maz’aravug’ati, “Mbeg’ukuntu ahahantu hatey’ubwoba! Aha s’ikindi ni urusengeru rw’Imana, kandi ni irembo ry’ijuru.”

<sup>18</sup>Nuko Yakobo abyuka karekare mugitondo,afata ryabuye yari yaraye yiseguye maze’arishyiraho nk’inkingi kand’asukaha amvuta kumutwe waryo.<sup>19</sup>Yita izina ryaho hantu ngo Beteli;nubwo,izina ryambere ry’uwo muji ryari ryarahoze ari Luzi.<sup>20</sup> Yakobo

ahig'umuhigo ati, "Imana nigumana nanjye kand'ikandinda muri ururugendo rwanjye ngiyemo, ikazampa icyo kurya no kwambara,<sup>21</sup>maze nkagaruka munzu ya data amahoro,Uhora azaba Imana yanjye.<sup>22</sup>Iri buye,iry nashyizeho nk'inkingi,izab'inzu y'Imana ,kandi kubyo Uzampa byose, ntagushidikanya nzaguha kimwe mw'icumi cyabyo."

## Yakobo arongora Rasheli na Leya <sup>Itangiriro 29</sup>

*Iriburiro:* Yakobo arona icya yakoreye.

<sup>1</sup>Yakobo akomez'urugendo rwe, agera mugihugu cy'abantu b'iburasirazuba.<sup>2</sup>Aritegereza, abona iriba mu gasozi.Imikumbi itatu y'intama yari iryanye iruhande rwa ryo.<sup>4</sup>Yakobo abaz'abunger'ati, "Bavandimwe, muturutse ahaganahe?"Baramusubiza bati, "Turi Abanyaharani."

<sup>5</sup>Nuko Yakobo arababaz'ati, "Muzi Rabani mwene Nahori?"Baramusubiza bati, "Turamuzi."<sup>6</sup>Maze Yakobo arababwir'ati, "Araho?" Baramusubiza bat'araho, dore umukobwa we Rasheli azanye'intama."

<sup>10</sup>Nuko Yakobo abonye Rasheli, umukobwa wa Labani musaza wa nyina azany'intama, Yakobo arahaguruka asunik'ibuye ryari ku munwa w'iriba maz'ah'amaz'umukumbi.<sup>11</sup>Yakobo asoma Rasheli, nuko azamur'ijwi ararira.<sup>12</sup>Yakobo abwira Rasheli ko abonye mwenewabo kwase kw'ari mwene Rebeka, arirukanka abibwira se.

Nuko Labani yumvish'inkuru yuko Yakobo, umwana wa mushiki we yaje, arirukanka ngo amusanganire maze aramuhobera, aramusoma maz'amujyan'ive.<sup>14</sup>Yakobo agumana nawe mugihe cy'ukwezi.<sup>15</sup>Nuko Labani abwira Yakobo ati, "Ko uri mwene wacu, ntukwiye kugir'icyo umarira? Mbwira, ibihembo byawe bizaba ibihe?"<sup>16</sup>Icyo gihe Labani yar'afite abakobwa babiri; izina ry'umukuru ryari Leya, naho izina ry'umutoya rikaba Rasheli.<sup>17</sup>Leya yar'afite amaso atarabagirana, ariko Rasheli yar'ateye neza kandi afite mumaso heza.

<sup>18</sup>Nuko Yakobo akunda Rasheli, maze aravug'ati, "Nzagukorera imyaka irindwi kugirango umpe umukobwa wawe mutoya Rasheli."<sup>19</sup>Labani aravug'ati, "Nibyiza ko nzamuguha kuruta kumuha undi muntu; gumana nanjye."<sup>20</sup>Nuko Yakobo akora imyaka irindwi ngo ahabwe Rasheli maz'imubera nk'iminsi mike kubw'urukundo yar'amufitiye.<sup>21</sup>Yakobo abwira Labani ati, "imp'umugore wanjye, kuberako igihe cyanjye kirangiye, kuburyo nshobora kumushyingirwa."<sup>22</sup>Labani akorany'abantu baho hantu bose nukw'abagiria'ibirori.

<sup>23</sup>Bigeze nimugoroba Labani azan'umukobwa we Leya, amushyingira Yakobo mw'ihema rye, nuko Yakobo aramurongora.<sup>25</sup>Maze bukeye abona yari Leya! Yakobo abwira Labani ati, "Kuki wankoz'ibingibi? Ntabw'ari kubwa Rasheli nakoreye? None ni kuki wandiganyije?"<sup>26</sup>Ariko Labani aravug'ati, Ntabw'ar'umuco wacu ko dushyingira umuto mbere y'umukuru."<sup>27</sup>"Mar'icyumweru cy'uwo, nuko undi nawe tuzamuguha kubw'umurim'uzankorer' indi myak'irindwi."<sup>28</sup>Yakobo abigenz'atyo amar'icyumweru,nuko amuh'umukobwa we Rasheli nk'umugore we.<sup>30</sup>Yakobo arongora na Rasheli,akamukundwakaza kumurutisha Leya ,maz'akorera Labani indi myak'irindwi.



<sup>31</sup>Nuko Uhoraho abona ko Leya yar'adakunzwe, Izibur' inda y'ibyara, ariko Rasheli we yar'ingumba.<sup>32</sup>Leya arasama abyar'umuhungu nuk'amwita Simeyoni.<sup>34</sup>Arongera abyar'undi muhung'amwita Lewi.<sup>35</sup>Leya abyar'undi muhungu amwita Yuda risobanurwa ngo, "Igihe nkiki nzahimbaz'Uhoraho."Nukw'arekeraho kubyara.<sup>30:22</sup>Imana yibuka Rasheli,imwitaho.<sup>23</sup>Nukw'arasama abyar'umuhungu, arvug'ati, "Uhoraho yankuyeho igisuzuguriro."Nukw' amwita Yosefu.

## **Yakobo na Esawu biyunga** Itangiriro 32

*Iriburiro:* Yakobo abana na nyirarume Labani imyaka makumyabiri.Ubwwo Yakobo yar'agarutse yar'afit'abahungu cumi n'umwe n'umukobw'umwe.Dore inkuru yo mw'ijambo ry'Imana.

<sup>3</sup>Ikihe Yakobo aragaruka uvuye kwa nyirarume Labani uwo babanaga, nuko yoherez'intumwa imbere ye ngo zibwire Esawu, umuvandimwe we ziti, <sup>4</sup>"umugaragu wawe Yakobo agutumyeho intumwa ngo nkubwire databuja ko ndi munzira ngarutse ngo undeban'amaso y'impuhwe.<sup>6</sup>Nukw'intumwa zigaruka kuri Yakobo, ziramubwira ziti, "Tuvuye kumuvandimwe wawe Yakobo kand'araza kugusanganir'azanye n'abantu maganane."

<sup>7</sup>Yakobo agir'ubwoba bwinshi maz'araseng'ati, "Mana ya sogokuruza aburahamu kandi Manaya data Isaka,sinkwiriye kugirirw'impuhwe na busa n'ukuri werekanye muriyeye; navuye kwa data amara masa ,nambuka uyu mugezi Yorodani;None dore mfite imitw'ibiri y'abantu.Ndagusabye,Nkiz'amaboko y'umuvandimwe wanjye Esawu kuko mfit'ubwoba ko azantera,n'abagore n'abana babo.Wavuze ko ntakabuza uzangir'ibyiza,kandi urubyaro rwanjye rukangana n'umusenyi wo kunyanjya,umunt'atabasha kubara.

<sup>13</sup>Yakobo yoherez'amaturo k'umuvandimwe we Esawu;Ihene magabiri,intama maganabiri,ihene makumyabiri z'amapfizi n'intama makumyabiri z'amapfizi,ingamiya z'ingore mirongwitatu hamwe n'imicanda yazo yonkaga ,n'inka mirongwine n'amapfiz'icumi,n'indogobe z'ingore makumyabiri.Nuko Yakobo atum'abagaragu be kuri Esawu ati, "Iyi ni impano noherereje databuja,dore yakobo aje'inyuma yacu.<sup>21</sup>Nukw'izo mpano zimuji'imbere.<sup>23</sup>Iryo joro ,Yakobo afat'abagore be n'abana nukw'abambuts'umugezi witwa Yaboku.<sup>24</sup>Nuko Yakobo asigara wenyine.

<sup>25</sup>Haz'umugabo ,aramukiranya kugeza mu museke.Nuk'uwo mugab'abonyeko atabashije kunesha Yakobo, amukora kumutsi wo kunyonga y'itako rye maz'urareguka.<sup>26</sup>Nuk'uwo mugabo, aramubwir'ati, "Ndekura njyende kuk'umusek'utambitse."Yakobo aramubwir'ati, "Sinkurekura, keretse umpaye umugisha."<sup>27</sup>Uwo mugabo aramubwir'ati, "Witwa nde?" aramusubuz'ati,Yakobo.<sup>28</sup>Nuk'uwo mugabo aramubwir'ati, Ntuzitwa Yakobo ukundi, ahubw'uzitwa Isirayeli: kuko waneshej'Imana n'abantu.Nuk'uwo mugabo ahaher'umugisha Yakobo.<sup>30</sup>Yakobo aravug'ati, "Mbonye mu maso w'Uhoraho,sinapfa.<sup>31</sup>Nuko Yakobo yambuk'umugezi, izuba riramurasira, kandi yarimo acumbagira kubw'umutsi wo kunyonga y'itako rye.

<sup>33:1</sup>Nuko Yakobo yubur'amaso abona Esawu azanye n'abantu maganane.<sup>3</sup>Yakobo yubarara hasi inshuro zirindwi, kugera hafi yah'umuvandimwe we ari.<sup>4</sup>Esawu arirukanka ngw'amusanganire, aramuhobera, beganirany'amajosi, nukw'aramusoma: maze bararira.<sup>5</sup>Esawu yubur'amaso, abon'abagore n'abana; nukw'aravug'ati, "Aba murikumwe ni bande?"Yakobo aramusubiz'ati, "Ni abana, ab'Imana yahay'umugaragu wawe kubw'ubuntu bwayo.

<sup>8</sup>Esawu aravug'ati, "Ni ubuhe busobanuro bw'aya matungo yose wanyoherereje?"Yakobo aramusubiz'ati, "Byari byo gutuma ngirirwa impuhwe mumaso yawe databuja.<sup>9</sup>Esawu araseke nukw'aravug'ati, "Muvamdimwe mfite byinshi, igumanire iby'ufite."<sup>10</sup>Ariko Yakobo aravug'ati, "Oya, niba mpiriwe mumaso yawe, ndakwinginze akir'impano nguhaye kuko mbonye mumaso hawe, sikintu cyoroshye nkuko nabonye mumaso y'Imana kuko wanezerewe."<sup>11</sup>Nuko Yakobo aramuhata, Esawu yakira'impano.<sup>16</sup>Hanyuma yaho, Esawu asubira iwe i Seyiri.

## **Yozefu umurosi** Itangiriro 37, 39

*Iriburiro:* Umusore Yozefu ashikama mu gukiranuka.

<sup>2</sup>Ubwo Yozefu,mwene Yakobo waramaz'imyaka cuminirindwi avutse yaragiraganaga na benese umukumbi w'intama maz'akajy'abarira se iby'inkuru z'abavandimwe be .<sup>3</sup>Yakobo atonesha Yozefu kumurutish'benese bese nukw'amudodesherez'ikanzu y'amabara y'igiciro.<sup>4</sup>Ubwo bene se babonako se amukunze cyane kurut'uw'ariwe wese,baramwanga ntibashobora kugir'icyo bongera kumubwira.

<sup>5</sup>Nuko Yozefu arot'inzozi, azibwira bene se ati, "Mwumv'ibyizi nzozi narose:<sup>7</sup>Twarimo duhambir'imiba turi mu murima, ubw'umuba wanjye wahagararaga wemye, naho imiba yanyu agakikiz'uwanyje, ikawikubita imbere."<sup>8</sup>Bene se baramubwira bati, "Ese waba ugiye kuba umwami wacu?"<sup>9</sup>Nuko Yozefu arot'izindi nzozi maz' arazirotor'ati, "Noneho, izuba n'ukwezi n'inyenyeri cuminimwe byanyikubus'imbere."<sup>10</sup>Ise aravug'ati, "N'ukuri jyewe na nyoko na bene so tuzaza tukwikubit'imbere?"<sup>11</sup>Bene se wa Yozefu bamugirir'ishyari ariko se akabizirikana.

<sup>18</sup>Umuns'umwe bene se wa Yozefu bamubona az'abasanga nuko baravuga bati,<sup>19</sup> "Dore karosi araje!<sup>20</sup>Nimuze tumwice maze tumjugunye muri rimwe mur'ayamariba maze tuvuge kw'inyamaswa yamuriye.<sup>24</sup>Nuko bafata Yozefu bamujugunya mw'iriba ryakamye.

<sup>25</sup>Abavandimwe bicaye hasi barimo barya, bubuy'amaso babona'abacuruzi baturutse i Galeyadi.Ingamiya zabo zari zikorey'ibyo bajyanaga mw'Egiputa.<sup>27</sup>Umwe mubavandimw'aravug'ati, "Nimuze tugurisha Yozefu nabariya bacuruzi kugirango tutamurambuir'amaboko yacu; turets'ibindi,ni mwene data ,turi akara kamwe n'amaraso

amwe.” Bene se baramwumvira.<sup>28</sup>Nukw’abacuruzi bahageze, bene se bakura Yozefu mw’iriba maze bamugurisha ibice by’ifeza makumyabiri nab’abacuruzi bamujyana mw’Egiputa.

<sup>39:1</sup>Bageze mw’Egiputa,abacuruzi bagurisha Yozefu kuri Potifari,umutware wabarinzi b’umwami wa Egiputa.<sup>2</sup>Ariko Imana ibana nawe n’icy’akoze kikamuhira.<sup>3</sup>Potifari abonakw’imana iri kumwe na Yozefu kandi ko yamuhaye guhirwa muby’akoze byose,Yosefu agirirwiimpuhwe mu maso y’kumutware we.<sup>5</sup>Nuko Potifari ashinga Yosefu ibyo murugo rwe byose,amwizera mubyo yamuhaye ngo yitehe byose.Maz’Uhoraho ahira ibyo murugo rwa Potifari,umunyegiputa, kubwa Yozefu.

<sup>6</sup>Yosefu yar’afite mu maso heza, nuko umugore wa Potifari aramubwir’ati, “Ngwino, turyamane!”<sup>8</sup>Yosefu arang’aramusubiz’ati, “Nahangara nte gukora’iryo shyano ngacumura k’Uhoraho?”<sup>10</sup>Ariko umugore wa Potifari akajya abibwira Yozefu, umunsi ku munsi.

<sup>11</sup>Umuns’umwe yinjira munzu gukora imirimo ye, umugore wa Potifari amufata kumwambaro we, aramubwir’ati, “Ngwino turyamane.”Ariko Yozefu asohoka yiruka,amusigir’umwenda.<sup>16</sup>Agumisha we iruhande rwe kugez’igihe Potifari yagarukiye murugo.<sup>17</sup>Abwira Potifari uko byagenz’ati, “Wa mugaragu w’umuheburayo yagerageje kumfata kungufu.<sup>18</sup>Ariko ntabaje, ansigir’umwenda we, asohoka munzu yiruka.”<sup>19</sup> Potifari yumvish’inkuru y’umugore we yicwa n’uburakari.

<sup>20</sup>Nuko Potifari afata Yozefu maz’amushyira munzu y’imbohe .<sup>21</sup>Arik’ubwo Yazefu yaari munzu y’imbohe, Imana yari kumwe nawe; imwerekana kugira neza kwayo kandi imwizeza kuzahirwa mu maso y’umurinzi w’inzu y’imbohe.<sup>22</sup>Nuko uwo murinzi ashinga Yozefu ibyari munzu y’imbohe byose.<sup>23</sup>Yozefu ashingw’ibyari munzu y’imbohe byose kuko Uhoraho yari kumwe nawe kandi akamuha guhirwa mucyo yakoraga cyose.

## Yosefu ahinduka Igisonga cy’Umwami Itangiriro 41,42,45,46

*Iriburiro:* Ubwo Yozefu yari mu nzu y’imbohe Farawo yarose inzosi.

<sup>1</sup>Hashiz’igihe ,Farawo umwami wa Egiputa ararota: arot’ahagaze ku ruzi rwa Nile,maze mu ruzi havamo inka zirindwi zibyibushye.<sup>3</sup>Nyuma y’inka zibyibushye ,haz’inka zirindwi mbi, zinanutse nazo ziva mu ruzi.<sup>4</sup>Nuko za nka mbi ziminanu zirya zazindi zirindwi zibyibushye ariko zikomeza kuba mbi nokunanuka.Bimuter’ubwoba ,arakanguka.

<sup>5</sup>Farawo yongera kurota bwa kabiri: noneh’abon’amahundo ahunze neza kugitikimwe.N’and’ arindwi y’iminambe yameze kumbuto imwe, nuko yayandi y’iminamb’amira yayand’arindwi abyibushye.Nuko Farawo arakanguka; abona yukw’ari nzosi.

<sup>8</sup>Bukekeye Farawo atuma ku bakonikoni n’abanyabwenge bose bo mw’ Egiputa,ababwira inzosi ze, ariko ntiyagira umuntu n’umwe ubasha kuzimusobanurira.<sup>9-13</sup>Nuk’umuhereza wa vino mukur’abwira Farawo yuko har’umucakara w’umuheburayo uri mu munzu y’imbohe,ashobora kuzimusobanurira.<sup>14-24</sup>Nuko Farawo atuma kuri Yozefu ,amurotorera inzosi

ze, Yozefu aramubwir'ati, "Inzosi za Farawo ni zimwe kandi zivuga bimwe.Imana yeretse Farawo ibyo igiye gukora.<sup>26</sup>Inka nziza zirindwi ni imyak'irindwi ,kandi umahundo arindw'ashishe ni imyak'irindwi;ni kimwe kandi ni inzosi zimwe.<sup>27</sup>Inka zirindwi mbi ziminanu zaje nyuma ni imyak'iringwi,ni nayo yamahundo y'iminambe arindwi yumishijwe n'umuyaga uturuts'iburasirazuba:Ni imyak'irindwi y'inzara.<sup>28</sup>Uhoraho yeretse Farawo iby'agiye gukora.<sup>29</sup>Imyak'irindwi y'umusaruro mwisnhi igiye kuza mu gihugu cya Egiputa,ariko izakurikirwa n'imyak'irindwi y'amapfa.

<sup>33-37</sup>None Farawo nashake umuntu w'umunyabwenge,amugir'umutware mw'Egiputa azahunike kimwe cya gatanu cy'umusarur'uzera mugihugu mugihe cy'imyak'irindwi y'uburumbuke.Ibiribwa bizahunikirw'abaturage ,ngo bizabatunge mugihe cy'imyak'irindwi y'inzara izaza mw'Egiputa .<sup>39</sup>Farawo abwira Yozefu ati, "Kuberako Imana yakumenyesheje ibi byose nta wundi munyabwenge nkawe uhari.<sup>41</sup>Nuko Farawo abwira Yozefu ati, "Kubw'ibyo,ngushinz'igihugu cyose cya Egiputa."<sup>42</sup>Farawo yiyambura impet'iriho ikimenyetso cy'ubutegets, ayambika Yozefu.Amwambika n'imyenda myiza kandi amwambika n'umukufi w'izahabu mu ijosi, amushyira mu igare rikurikir'irye, abantu bakamuvuga bati, "Nimumupfukamire!"Uko niko Farawo yeguriye Yozefu igihugu cya Egiputa.<sup>46</sup>Yozefu yar'afite imyaka mirongwitatu y'ubukuru, ubwo yatangiraga umurimo wa Farawo, umwami wa Egiputa.

<sup>42:1</sup>Se wa Yozefu amenyako muri Egiputa har'icyo kurya, abwir'abana b'ati, "Nimumanuke mujye mw'Egiputa mugir' icyo mutugurirayo."<sup>6</sup>Icyi gihe Yozefu yari umutware wa Egiputa, niwe wagurishaga imyaka y'impeke ku bantu bose.Nuko bene se wa Yozefu bagera mw'Egiputa, bunam'imbere ye, imitwe yabo iri kubutaka.<sup>45:1</sup>Yozefu aravug'ati, "Nta wundi muntu uhari?"<sup>3</sup>Nukw'abwira bene s'ati, "Ndi Yozefu! Ese data yab'akiriho?"Ariko bene se bagir'ubwoba bwinshi kuburyo kumusubiza byabananiye.<sup>4</sup>Yozefu abwira bene s'ati, "Munyegere, ndi umuvamndimwe wanyu Yozefu, uwo mwagurishije mw'Egiputa!<sup>5</sup>Ntimutinye cyangwa ngo mwirakarire mwebw'ubwanyu kubw'uko mwangurishij'ino,kuko byar'umugambi w'Imana ngo nzakize'ubugingo bwanyu ,nicyo cyatumye inyohereza ngo mbabanzirize kuza.<sup>8</sup>"Nuko rero simwe mwanoyhereje ino,ahubwo ni Uhoraho."

<sup>9</sup> "Nimwihute musubire kwa data kuko hariho indi myaka itanu y'inzara,niyo mpamvu mugomba kuz'inaha mudatinze."<sup>25</sup>Nukw'abavandimwe bava mw'Egiputa,bagera kwaseYakobo mu gihugu cy'iKanani.<sup>26</sup>baramubwira bati, "Yozefu aracyariho!Nukuri,ni umutware w'igihugu cyose cya Egiputa."Yakobo biramutangaza ntiyabyizera.<sup>27</sup>Ariko Yakobo abony'amgare Yozefu yohereje yo kumutwara, umutima we urahembuka.<sup>46:2</sup>Uhoraho abwira Yakobo munzosi nijor'ati, "Yakobo, ntutinye kujya mw'Egiputa, kuko nzahaguhindurira'ubwoko bukomeye.Nzajyana nawe mw'Egiputa, kandi nzakugarura mur'iki gihugu.Kandi Yozefu niw'uzabumb'amaso yawe."

## Mose-Igihuru cyak'umuriro na Farawo Kuva 3,7,8,9

*Iriburiro:*Nyuma yuko Yozefu azanye se na bene se mw'Egiputa ngw'abakiz'inzara, abamukomokaho bagumye mw'Egiputa imyaka maganane namirongwitatu. Farawo mushya utaramenye Yozefu, yima mw'Egiputa maz'atangira gutotez'abana ba Isirayeli. Umwe muribo yitwaga Mose wari warahungiyeye Farawo mu butayu. Dore inkuru yo mw'ijambo ry'Imana.

<sup>3:1</sup>Ubwo Mose yararagiye umukumbi w'intama yaje kugera kumusozi. <sup>2</sup>Mukanya gato, malayika w'Imana aramuboneker'ari mu gihuru cyak'umuriro. Mose arebye abona nubwo igihuru cyarim'umuriro kitahiye. <sup>3</sup>Mose aratekerez'ati, "Reka negere iruhande ndebe iki gitangaza -kuki igihuru kidashya." <sup>4</sup>Nukw'Uhoraho avugira muri cyagihuru ati, "Mose! Mose!" Mose aritaba ati, "Karame." <sup>5</sup>Imana iramubwir'iti, "Ntiwigire hino ukundi," "Kuram'inkweto, kuko uhagaz'ahantu hera." <sup>6</sup>Nukw'Imana iramubwir'iti, "Ndi Imana ya so, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka n'Imana ya Yakobo. Mbony'umubabaro w'abantu banjye none ngiye kubakura mu gihugu cy' Abanyegiputa mbajyane mu gihugu cyiza kandi kinini, igihugu gitemb'amata n'ubuki." <sup>10</sup>Ngutumye kwa Farawo gukur'abantu banjye mw'Egiputa." <sup>11</sup>Ariko Mose aravug'ati, "Ndu muntu ki wo kujya gukur'ubwo bwanjye mw'Egiputa?" <sup>13</sup>Mose aravug'ati, "Mugihe Abisirayeli bambaza bati, 'Izina ry'iyoye Mana ni irihe?' Nzabasubiz'iki?" <sup>14</sup>Imana iramubwir'iti, NDI UWO NDIWE. Ab'ariko uzabwir'abant'uti, NDI yabantumyeho."

<sup>7:6</sup>Nuko Mose asubira mw'Egiputa, ajyana na mwene se Aroni kwa Farawo maze babikor'uko Uhoraho yabibategetse. <sup>8</sup>Uhoraho abwira Mose na Aroni ati, "Ubwo Farawo abarimo kuvuga, 'Mukor'igitangaza, uzavugana na Aroni," Ufate inkoni yawe uyijugunye hasi imbere ya Farawo, arahindik'inzoka." <sup>10</sup>Nukw'Aroni ajuguny'inkono has'imbere ya Farawo n'ibisonga bye, ihindik'inzoka. Nuko Farawo atumiza abakonikoni bo mw'Egiputa nabo barabikora mubuhanga bwabo. <sup>12</sup>Buri wese ajuguny'inkoni ye hasi zihindik'inzoka. Ariko inkoni y'Aroni imir'inkoni z'abakonikoni ba Farawo. <sup>13</sup>Umutima wa Farawo ukomeza kwinyangira, ntiyumvira Mose n'Aroni.

<sup>16</sup>Mose abwira Farawo ati, 'Uhoraho aravuzengoz'abantu banjye bagende, kugirango bandamye. <sup>19</sup>Uhoraho aravug'ati, "Bwira Aroni uti, 'Fata inkoni yawe urambur'ukuboko kwawe hejuru y'amazi yao mw'Egiputa maz'arahindik'amaraso." <sup>20</sup>Mose n'Aroni babikor'uk'Uhoraho yabategetse. Aroni ahagarara imbere ya Farawo n'ibyegera bye, azamura inkoni ye akubita amazi y'uruzi rwa Nile, amazi yose ahindik'amaraso. <sup>21</sup>Amafi yo muruzi rwa Nile arapfa, uruzi ruranku kubury'Abanyegiputa batari bakibasha kunywa amazi yarwo. Egiputa yuzur'amaraso.

<sup>8:6</sup>Aroni arambur'inkoni hejuru y'amazi yo mw'Egiputa, ibikeri bivamo byuzura ku butaka. <sup>8</sup>Farawo atumaho Mose n'Aroni arababwir'ati, "Munsabire k'Uhoraho adukiz'ibikeri, jyewe n'abantu banjye, nuko nzarekur'ubwoko bwaawe bujye gutambir' Uhoraho ibitambo." <sup>12</sup>Mose n'Aroni bavuye kwa Farawo, Mose yinging'Imana kubw'ibikeri yateje Farawo. <sup>15</sup>Ariko Farawo abonye ntabikiri ku butaka, anangir'umutima we maze yanga kumvira Mose n'Aroni, ukw'Imana yabatumye.

<sup>9:13</sup>Uhoraho abwira Mose ati, “Ugende mugitondo karekare nuk’ubwire Farawo uti, “Rekur’abantu banjye bagende ,nah’ubund’uzabon’imbaraga nyinshi zanjye;nzaguteza ibyago.<sup>15</sup>Kuko nonaha mba nkuramburiy’ukuboko nkagukaraho wowe n’abantu bawe nkabateza icyorezo kikabatsemba kw’isi.<sup>16</sup>Arikw’iki nicyo gitumye guhagarika ngo nkwereke imbaraga zanjye kand’izina ryanjye ryogezwe kw’isi yose.”

## Pasika no Kwambu k’inyanj’itukura Kuva 11, 12, 14

*Iriburiro:* Uhoraho atez’ibyago cumi Abanyegiputa.Iyi nkuru itangirira kucyacumi aricyo cyago cyanyuma.

<sup>11:1</sup>Uhoraho abwira Mose ati, “Nzatez’ikindi cyorezo Farawwo n’Abanyegiputa.”<sup>12:21</sup>Mose ahamagar’abakuru bose bo mw’Isirayeli arababwir’ati, “Mugende murobanure,itungo ukw’imiryango yany’iri ,mutambe umwana w’intama wa Pasika.<sup>22</sup>Mufat’umukamato w’ezobu,muwinike mu maraso yo murwabya maze mwende kur’ayo maraso muyasige mu ruhamo ry’umuryango no ku nkomanizo zombi.Ntihagire usohoka munzu ye kugeza mugitondo.<sup>23</sup>Uhoraho nanyura mugihugu aje kwic’Abanyegiputa,arabona amaraso ku nkomanizo nukw’anyureho ntibitume umurimbuzi yinjira mu ngo zanyu ngo abice.<sup>28</sup>Abisirayeli babikora’uko Uhoraho yabategetse.<sup>29</sup>Mugicuk’umurimbuzi yic’ikintu cy’imfura cyo mw’Egiputa.<sup>30</sup>Farawo n’abatware be bose n’Abanyegiputa bose barabyuka nijoro,hab’umuborog’ukomeye mw’Egiputa,kuko ntanzu nimwe itari yapfuyem’umuntu.<sup>31</sup>Mur’iryo joro,Farawo ahamagara Mose n’Aroni arababwir’ati, “Muhaguruke,muve gihugu cyanjye.Mujye kuramy’Uhoraho nkuko mwabisabye.”

<sup>37</sup>Hari nk’abagab’ibihumbi maganatandatu murugendo,utabariyemo abagore n’abana.<sup>40</sup>Ubwoko bwa Isirayeli bwabaye mw’Egiputa imyaka maganane na mirongwitatu.

<sup>14:5</sup>Nuko Farawo n’abatware be babwiwekw’Abisirayeli bagiye, Farawo n’ibyegera bye byisubiraho baravuga bati, “Twakoz’ibiki?”Twarets’Abisirayeli baragenda none ibyo badukoreraga biragenda bite?”<sup>6</sup>Ategur’igare rye ry’intambara ajyana n’abasirikare be.<sup>7</sup>Farawo ayan’amagare y’intambara maganatandatu bakurikir’Abisirayeli,nuko babona bakambitse mu kibaya cy’inyanj’itukura.<sup>10</sup>Abisirayeli bagir’ubwoba nuko batakambir’Uhoraho.Mose arababwir’ati, “Ntimutinye.<sup>14</sup>Uhoraho ari buba rwanire;mwicecekere gusa.”

<sup>15</sup>Uhoraho abwira Mose ati, “<sup>16</sup>Rambur’inkoni ufite muntoki zawe hejuru y’inyanza , ugabanye amazi kugirango Abisirayeli bambuk’inyanja bagend’ahumutse.<sup>21</sup>Nuko Mose arambur’inkoni yarafite hejuru y’inyanja ,iryo joro ryos’Uhoraho azan’umuyag’uturuts’Iburasirazuba,usubiz’amazi y’inyanj’inyuma maz’ihinduka ubutaka bwumutse.Amazi yigabanyamo kabiri,nukw’Abisirayeli bambuk’inyanja bigenza kubutaka bwumutse,bakikijwe n’inkike z’amazi iburyo n’ibumoso.

<sup>23</sup>Abanyegiputa barabakurikira,amafarashi n’amagare y’intambara bya Farawo n’abahetswe n’amafarashi birabakurikira munyanja hagati.<sup>26</sup>Nukw’Uhoraho abwira Mose ati, “Rambur’ukuboko kwawe hejuru y’inyanja kugirang’amazi atemban’Abanyegiputa n’amagare

y'intambara n,abahetswe n'indogobe."<sup>27</sup>Mose armbur'ukuboko hejuru y'inyanja ,nuko murukerera amazi yongera gutemba uko asanzwe,atwar'amagare y'intambara n'abahekwa n'amafarashi n'ingabo zose za Farawo zari zakurikiy'Abisirayeli mu Nyanja.Nta numwe muribo warokotse.

### **Amategeko icumi**-Kuva 19:1- Kuva 20:23

*Iriburiro*:Uhoraho arera n'abantu bagomba Kwera.

<sup>19:1</sup>Mukwezi kwa gatatu nyuma yukw'Abisirayeli bava mw'Egiputa,bagera mu butayu bwa Sinayi.Abisirayeli bakambika mu butayu bitegey'umusozi Sinayi.<sup>3</sup>Nuko Mose azamuk'umusozi ngw'ajy'ah'Imana iri,Uhoraho aramubwir'ati, "Ibi niby'ukwiye kubwir'ubwoko bw'Isirayeli:<sup>4</sup> Mwebw'ubwanyu mwiboney'ibyo nakorey'Abanyegiputa,nuburyo nabatwaye nk'ubatwaz'amababa y'ikizu nkabizanira.<sup>5</sup>None nimumyumvira muri byose mukitonder'isezerano ryanjye ,muzamber'abigicro mu mahanga yose kandi muzamber'ubwami bw'abatambyi n'ubwoko bwera.' Aya niyo magambo yo kubwir'Abisirayeli.

<sup>7</sup>Mose asubirayo ahamagara abakuru b'ubwoko arababwira iby'Uhoraho yamubwiye byose kubabwira .<sup>8</sup>Abantu bose basubiriza rimwe bati, "Tuzakor'iby'Uhoraho yavuze byose."Nuko Mose ajyan'igisubizo cyabo k'Uhoraho.

<sup>9</sup>Uhoraho abwira Mose ati, "ku muni wa gatatu nzaz'ah'uri ndi mugicu cyinshi,kubury'abantu bazanyuma mvugana nawe maze bakajya bakumvira.<sup>10</sup>Sang'abantu ubabwire bitegure uyumunsi n'ejo.Bames'imyenda yabo nuko babe bitegure ku muni wa gatatu,kuko kur'uwo muni nzamanukira k'umusozi Sinayi imbere y'abantu bose.<sup>12</sup>Shyirah'urubibi ruzenguruts'umusozi kand'ubwir'abantu uti, 'Mwirinde mutazamuk'umusozi cyangwa ngo mukore kurubibi rwawo.Ukora kumusozi wese azapfa ntakabuza.<sup>13</sup>Nibumva ijwi ry'impanda,ab'aribwo bazamuke beger'umusozi."

<sup>14</sup>Nyuma yuko Mose avuye kumusozi, asang'abantu,arabeza,bames'imyenda yabo.<sup>15</sup>Nukw'abwir'abantu ati, "Mwitegure umunsi wa gatatu.Ntihagire ubonana n'umugore we."

<sup>16</sup>Mugitondo cy'umunsi wa gatatu hab'urusaku rw'inkuba n'imirabyo,bivanze n'igicu kiremereye hejuru y'umusozi,nuko ijwi riranga ry'impanda riravuga.Umuntu wese munkambi ahind'umushyitsi.<sup>17</sup>Mose avan'abantu mu mkambi ngo bajye kubonana n'Imana,maze bahagarara kurubibi rw'umusozi.<sup>18</sup>Umusozi Sinayi utwikirwa n'umwotsi,kuko Uhoraho yari yamanukiye mumuriro.Umwotsi waw'ucumba nk'uw'itanura,umusozi wose uratigitabikomeye,<sup>19</sup> nukw'ijwi ry'impanda riravuga cyane.Mose aravuga

<sup>20</sup>Uhoraho yari yamanukiye ku musozi Sinayi maz'ahamagara Mose amusanga kumusozi hejuru.Mose azamuk'umusozi nukw'Uhoraho aramubwir'ati, "Manuk'umusozi, wihanangirize abantu bategera urubibi,be kugir'ishyaka ryinshi ngo ribatere gushaka kureba Uhoraha bikabazanira kurimbuka."Nuko Mose amanuk'umusozi abibwir'abantu.

<sup>20:1</sup>Imana ivuga ayamagambo yose iti:

<sup>2</sup> “Ndi Uhoraho Imana yawe, yagukuye mw’Egiputa, mu gihugu cy’ubucakara.Ntuzagire izindi mana mu maso yanjye.

<sup>4</sup> “Ntuziremere igishushanyo gisengwa mw’ishusho y’ikintu cyose kiri mw’ijuru cyangwa hejuru cyangwa kw’isi cyangwa mu mazi yo munsu y’ubutaka.<sup>5</sup>Ntuzabyubame imbere cyangw’ubiramye; kuko, jyewe, Uhoraho Imana yawe, ndi Imana ifuha.

<sup>7</sup> “Ntuzakoreshe nab’izina ry’Uhoraho Imana yawe, kuko Imana itazabara nk’umukiranutsi,umutu wes’ukoresh’izina rye nabi.

<sup>8</sup> “Wibuke kwerez’umunsi w’isabato.Ujy’ukora imirimo yawe mu mins’itandatu, ukorem’akazi kawe kose ariko umunsi wa Karindwi uzajy’uwuruhukaho.

<sup>12</sup> “Wubahe so na nyoko.

<sup>13</sup> “Ntukice.

<sup>14</sup> “Ntugasambane.

<sup>15</sup> “Ntukibe.

<sup>16</sup> “Ntuzatang’ubuhamywa bw’ibinyoma kuri mugenzi wawe.

<sup>17</sup> “Ntuzifuz’inzu ya mugenzi wawe.Ntuzifuz’umugore we, cyangw’umugaragu cyangw’umuja we,inka ye cyangw’indogobe ye ,cyangw’ikintu cyose cya mugenzi wawe.”

<sup>22</sup>Uhoraho abwira Mose ati, ‘Bwir’Abisirayeli uti: ‘Mwiboney’uko mvuganye namwe ndi mw’ijuru; <sup>23</sup>Ntimuzagire izindi mana mumbanyikanya nazo;ntimuziremer’imana zicuzwe mw’ifeza cyangwa mw’izahabu nanjye nzaguh’umugisha.

## **Abatasi** Kubara 13-14

*Iriburiro:* Abisirayeli bamara igihe cy’umwaka kumusozi bahabw’amabwiriza yo mubuturo bwera no kuvaho bejwe, nukw’Imana irabayobora kugera bageze hafi y’igihugu cy’isezerano.

<sup>13:1</sup>Uhoraho abwira Mose ati, “Uherez’abantu bajye gutata igihugu cy’iKanani,icyo mpay’Abisirayeli.<sup>17</sup>Nuko Mose arababwir’ati, “Muzanuke mujye mu gihugu.<sup>18</sup>Mwitegerez’ uko kimeze kandi murebe nib’abantu baho tubarush’imbaraga cyangwa nib’ar’ abanyantegere nke,nib’ari benshi cyangwa bake.Har’ibiti cyangwa ntabyo ? Mukor’uko mushoboye muzane ku mbuto zo mur’icyo gihugu.



<sup>21</sup>Nuko barazamuka baja gutat' igihugu.<sup>23</sup>Banyura mu kibaya kimwe ,batem'ishami ririho iseri ry'inزابibu ,abagabo babiri bariheka ku rutugu hagati yabo.<sup>25</sup>Iminsi mirongwin'ishize bava gutata igihugu bagera kuri Mose n'Aroni n'umuryango wa Isirayeli mu butayu.Babarir'iteraniro ryos 'ibyo babonyeyo nanabereka ku mbuto zo mu gihugu.<sup>27</sup>Babwira Mose bati, "Twagiye mugihugu watwoherejemo,ni igihugu gitemb'amata n'ubuki!Dore imbuto zacyo.<sup>28</sup>Arikw'abantu bagituye ni abanyambaraga n'imigi yaho igoswe n'inkuta zikomeye kandi nini cyane.Ndetse twanahabonye abakomoka kumunyembaraga Anaki.

<sup>30</sup>Nuko Karebu acecekesha abant'imbere ya Mose aravug'ati, "Tuzazamuka twigarurire ubutunzi bya kiriya gihugu,kuko tubishoboye ntagushidikanya." Arikw' abagabo bajyanye nawe baravuga bati, "Ntitwashobora gutera bariya bantu; ni abanyambaraga kuturuta." Nuko bakwiz'inkuru mbi mub'Isirayeli kuby'igihugu bari batase.

<sup>14:1</sup>Mur'iryo joro abantu bose bo mur'uwo muryango batera hejuru nuko baraborogoa.<sup>2</sup>Abisirayeli bose bitotombera Mose n'Aroni ,iteraniro ryose rirababwira riti, "Iyaba twarapfiye mw'Egiputa! Cyangwa mur'ubu butayu!<sup>3</sup>Kuki Uhoraho yatuzanye kwicirwa n'inkota mur'iki gihugu?Abagore n'abana bacu bazajyanyw'ah'iminyago.Ntibyari kutubera byiza gusubira mw'Egiputa ?"<sup>4</sup>Barabwirana bati, "Dukwiye gushak'undi wo kutujy'imbere tugasubira mw'Egiputa."

<sup>5</sup>Mose n'Aroni bikubit'imbere y'iteraniro ryose ry 'Isirayeli bubamwe.<sup>6</sup>Yosuwa na Karebu ,abari mu bantu bagiye gutata igihugu,bashishimur'imyambaro yabo nuko babwir'iteraniro ry'Abisirayeli, "Igihugu twanyuzemo ni cyiza by'intangarugero.Nib'Uwiteka atwishimira, azatugeza mur'icyo gihugu, igihugu gitemb'amata n'ubuki, kand'azakiduha.<sup>9</sup>Kimwe cyo,ntihagire uwigomeka k'Uhoraho. "<sup>10</sup>Arikw'iteraniro ryose rivuga ibyo gure'amabuye Yosua na Karebu.

Nukw'icy'ubahiro cy'Uhoraho kigaragara kw'ihema ry'ibonaniro mu maso y'Abisirayeli bose .<sup>11</sup>Uhoraho abwira Mose ati, "Ubu bwoko buzageza he kunsuzugura? Buzageza ryari kutanyizera, nibitangaza n'ibimenyetso byose nakoreye hagati muribo? 12Nzabukurimbura maze nguhindur'ubwoko bukomeye kurut'ubwabo."<sup>13</sup> Ariko Mose abwir'Uhoraho ati, "<sup>15</sup>Niwic'aba bantu, ukabamaraho, amahang'azumv'iby'iyi nkuru azavug'ati, '<sup>16</sup>Uhoraho yananiwe kubageza mu gihugu yabasezeranishij' indahiro ;nicyo cyatumye abicira mu butayu.<sup>17</sup> "Non'Uhoraho niyi yerekan'imbaraga ze,yukw'atinda kurakara, agir'urukundo kand'akababarir'icyaha no kwigomeka.Nta tsindishiriz'uwo gutsindwa.'<sup>19</sup>Kubw'urundo rwawe ruhebuje,babarir'icyaha cy'ubu bwoko,nkuko wagiy'ububabarira kuv'igihe baviriye mw'Egiputa ukagez'ubu."

<sup>20</sup>Uhoraho aramusubiz'ati, "Nabababariye nk'uko wabinsabye.<sup>22</sup>Kubw'ibyo,nta muntu numwe mubabony'icyubahiro n'ibimenyetso bikomeye nakoreye mw'Egiputa no mu butayu uzagera mu gihugu nasezeraniye basogokuru ndahira.<sup>31</sup>Arik'ubwo bavuze kw 'abana babo bazabanyaga,nzajyan'abana babo kunezererw'igihugu banze.<sup>34</sup>Nkuko batase icyo gihugu mu minsi mirongw'ine,nik'umunsi uzahwan'umwaka ,niyo abana babo bazamara bababarira mu butayu kubw'ibyaha by'ababyeyi babo.<sup>38</sup>Karebu na Yosua nibo bonyine bazagera mu gihugu.

## Yosuwa Yosuwa 6

*Iriburiro:* Ubwo Mose yarageze muzabukuru, mbere yo gupfa, atoranya Yosuwa kuzamusimbura akayobora ubwoko bw'Imana mu gihugu Imanayasezeraniye urubyaro rw'Aburahamu.

<sup>6:1</sup>Yeriko hari hakinzwe cyane kuber'Abisirayeli. Nyawinjiraga ntawasohokaga muriyo. <sup>2</sup>Nukw'Uhoraho abwira Yosuwa ati, 'Dore, nshyize Yeriko mubiganza byanyu, umwami wayo hamwe n'ingabo ze. <sup>3</sup>Muzazenguruke umuwa rimwe muri kumwe n'ingabo zose. Muzabikore iminsi itandatu. <sup>4</sup>Muzajyane n'abatambyi barindwi bafite amahemb'arindwi y'amapfizi y'intama, imbere y'isanduku. Ku munsu wa karindwi, muzazenguruk'umurwa inshuro zirindwi, muri kumwe n'abatambyi bavuz'amakondera. <sup>5</sup>Amakondera navuga cyane, mukumva amajwi yayo, abantubose bazasakurize rimwe; nukw'inkuta z'umurwa zizasaduka, abantu bose bazurire, umuntu wes'imbereye."

<sup>10</sup>Yosuwa ateguk'abantu ati, "Ntimuzasakuzwe urusaku rw'intambara, ntimuzazamure amajwi yanyu, ntimuzagire ijambo muvug'umuns'utaragera, ubwo nzababwira mugasakuza." <sup>11</sup>Yosuwa azenguruk' inshur' imwe umurwa atway, isanduku y'Uhoraho. Maz'abantu basubira mu nkambi baraharara.

<sup>12</sup>Yosuwa azinduka karekare mugitondo Abatambyi bikorer'isanduku y'Uhoraho. <sup>13</sup>Abatambyi barindwi batwaye amakondera bajy'imbere, bagend'imbere y'isanduku y'Uhoraho bavuz'amakondera. Babaikor'iminsi itandatu. <sup>15</sup>Ku munsu wa karindwi, Abisirayeli babyuka mu mumuseke nuko bazenguruka umurw'inshuro zirindwi. <sup>16</sup>Ku nshuro ya karindwi, ubw'abatambyi baavuzag'amakondera cyane, Yosuwa ateguk'abantu ati, "Mutere hejuru! Kuk'Uhoraho yabahay'umurwa! <sup>17</sup>Umurwa urashinganye n'ikiwurimo cyose n'icy'Uhoraho. <sup>19</sup>Ifeza yose n'izahabu n'ibintu byose by'imiringa n'ibyuma byose birera k'Uhoraho; bizashyirwa mububiko bw'Uhoraho."

<sup>20</sup>Ubwo amakondera yavugaga, abantu barasakuje, maz'inkuta z'I Yeriko zirariduka, umuntu wese areb'imbere ye nuko bafat'umurwa. <sup>21</sup>Nuko barawutwika wose, ikintu cyose kiwurimo, ariko bashyira ifeza n'izahabu n'ibintu byose by'imiringa mububiko bw'inzu y'Uhoraho. <sup>27</sup>Uhoraho abanaga na Yosuwa, nukw'arogera mugihugu cyose.

## Dawidi na Goliyati 1 Samweli 17

*Iriburiro:* Imyaka myinsh'ishize umuntu witwa Sawuli ab'Umwami mw'Isirayeli. icyo gih'ingabo z'Abafilisitiya za rwanaga n'Abisirayeli. Dore inkuru yo mw'ijambo ry'Imana.

<sup>17:1</sup>Abafilisitiya bateraniriza ingabo zabo kurwana. <sup>2</sup>Sawuli n'Abisirayeli barakorana ngo barwanye'Abafilisitiya. <sup>4</sup>Intwari yitwa Goliyati ituruka mu nkambi y'Abafilisitiya. Yari munini

afite mikono icyenda z'uburebure.<sup>8</sup>Goliyati arahagarara arakanamira ingabo za Isirayeli ati, "Kuki m mwaje kurwanira'ahongaho?Ntabwo nd'Umufilisiya ,namwe ntimur'abagaragu ba Sawuli? Mutorany'umuntu nukw'az'ahondi.<sup>9</sup>Nashobora kundwanya akanyica tuzab'abagaragu banyu;ariko ni mimutsinda nka mwica ,muz'abagaragu bacu maze mudukorere."<sup>10</sup>Umufilisiya aravug'ati, "Uyu muni nsuzuguy'ingabo z'Abisirayeli! Mwitorem'umuntu wo kurwana nanjye."<sup>11</sup>Sawuli n'abantu be bumvish'aya magambo bagir'ubwoba.

<sup>14</sup>Dawidi yari muto mubana ba seYesayi<sup>15</sup>yityaga kun tama za se iBetelehemu.<sup>17</sup>Yesayi abwira Dawidi ati, "Shyir' aya marobe icumi y'imitsima bene so.Bene so bari kumwe na Sawuli n'Abisirayeli kurugamba ,barwany'Abafilisiya."<sup>20</sup>Kare kare mugitondo Dawidi aragenda.Agez'aho bakambits'asang'ingabo zavuye mubirindiro byazo ,zifit'urusaku rw'intambara.<sup>23</sup>Ubwo yarimo avugana na bene se ,Goliyati atera hejuru avugan'agasuzuguro nkuko yarasanzwe maze Dawidi arabyumva<sup>26</sup>Dawidi arabaz'ati, "Uyu Mufilisiya usuzugur'ingabo z'Imana Ihoraho ni mintu ki?<sup>31</sup>Nukw'ibyho Dawidi avuze byumvikana ahantu hose bigera kuri Sawuli,nuko Sawuli amutumaho.<sup>32</sup>Dawidi abwira Sawuli ati, "Umugaragu wawe nzagenda ndwanye uyu Mufilisiya."<sup>33</sup>Sawuli aramusubuz'ati, Wowe uri umwana muto.<sup>36</sup>Ariko Dawidi abwira Sawuli ati, "Umugaragu wawe yishe intare n'ikirura none uyu Mufilisiya azaba nka kimwe cyo muri byo,kuko yasuzuguy'ingabo z'Imana Ihoraho.'

<sup>40</sup>Dawidi yitwaza inkoni ye yarafite anatorany'amabuye atanu meza mu mugezi,abishyira muruhago n'umuhumetso we awufata mu ntoki ,Dawidi asatira wa Mufilisiya.<sup>42</sup>Nuko Goliyati abona ko Dawidi ar'umusore muto,avuma Dawidi mw'izina ry'imana ze.aravuga'ati, "Ngwino hano,"ndakubag'irinyoni zo mukirere!"<sup>45</sup> Dawidi asubiz 'Umufilisiya ati, "Unteye witwaj'inkota n'icumu,ariko jyeweho nguteye mw'izina ry'Uhoraho Ushoborabyose,Imana y'ingabo za Isirayeli,izo wasuzuguye.<sup>46</sup>Uyu muni Uhoraho yakungabije,ndakwica nguc'umutwe.Uyu muni isi yose iramenya ko mw'Isirayeli har'Imana kuko uru rugamba ar'urw'Uhoraho,kandi yagabij'amaboko yacu ingabo zanyu.

<sup>48</sup>Uk'Umufilisiya yavag'aho yari ngw'amutere,Dawidi niko yirukaga asanga ingabo ze ngw'ahure n'Umufilisiya.<sup>49</sup>Akora mu ruhago rw'akuram'ibuye,ararikaraga arikubut'Umufilisiya muruhanga nuko Goliyati yikubita hasi yubanye.<sup>51</sup>Dawidi ahagarara hejuru y'aumufilisiya afat'inkota ya Goliyati amuc'umutwe we.Abafilisiya babony'intwari yabo ipfuye,basubir'inyuma barirukanka.<sup>52</sup>Nukw'Abisirayeli babavugiriz'induru bakurikir' Abafilisiya maz'ubw'Abisirayeli bari bavuye kumenesh 'Abafilisiya,<sup>53</sup>basahur'inkambi zabo.

### **Dawidi yanga gukurah'ubugingo bwa sawuli** 1 Sam. 24

*Iriburiro:*Uko Dawidi yakomezaga koger mu bantu nik'umwami Sawuli yagendag'amugirir'ishyari nukw' ashaka kwica Dawidi.Dor' inkuru yo mw'ijambo ry'Imana.

<sup>24:2</sup>Sawuli afat'abant'ibihumbi bitatu barobanuwe maze bajya gushaka Dawidi n'abanru be mu gasozi.<sup>3</sup>Sawuli agera ku buvumo yinjiramo ngo yikiz'umwanda, ntiyamenyako Dawidi

n'abantu be barimo ahagan'inyuma.<sup>4</sup>Abantu ba Dawidi baramubwira bati, "Uyu muns'Uhoraho yagabij'abanzi bawe amaboko yawe ngo ubagenz'uk'ushaka."Nuko Dawidi aromboka akeba agatanbaro kumwambaro wa Sawuli.<sup>6</sup>Dawidi abwir'abantu b'ati, "Uhoraho aziririza ko naramburir'ibiganza byanjye kurwanya Sawuli kuk'Uhoraho yamusiz'amavuta."<sup>7</sup>Akivug'aya magambo, Dawidi yangir'abantu bari kumwe nawe gutera Sawuli.Nuko Sawuli ava mubuvumo akomez'urugendo rwe.

<sup>8</sup>Dawidi ava mubuvumo ahamagara Sawuli ati, "Nyagasani mwami wanjye!" Sawuli areby'inyuma ye ,Dawidi arunama maz'avuga yubits,amaso.<sup>9</sup>Abwira Sawuli ati, "Kuki wumvir'abakubwira ngo, 'Dawidi arashaka kukwica'?"<sup>10</sup>Uyu muni wiboneye n'amaso yawe ,uburyo'Uhoraho yakugabij'amaboko yanjye uri mubuvumo.Abantu bamwe bampatiye ku kwica ,ariko nanga gukurah'ubugingo bwawe;ndavuga nti, 'Sinaramburira amaboko yanjye kugirira nabi databuja,kuko yasizw'amavuta n'Uhoraho.'<sup>11</sup>Dore dawwe,reb'agatambaro ko kumwabaaro wawe muntoki zanjye! Nagacyeh'ariko sinakwishe.Ub'usobanukirwe kand'uzirikane ko ntakibi nishinja habe no kugoma.

<sup>16</sup>Dawidi amaze kuvug'atyo,Sawuli aramubaz'ati, "Iryo jwi ni ryawe,Dawidi mwana wanjye?"nuko Sawuli ararira cyane.<sup>17</sup> Aravug'ati, "Undushije gukiranuka." "Ungiriye neza ,ariko jyewe nakugiriye nabi.<sup>18</sup>umaze kumbwir'ibyziza wangiriye;Uhoraho yangabije mu maboko yawe ,ariko ntiwanyica.<sup>19</sup>Uhoraho akugirire neza kubw'uko wangiriye uyu muni.<sup>20</sup>Nzi neza ko uzab'umwami kandi k'uzahabw'ubwami bwa Isirayeli.<sup>21</sup>None rahir'Uhoraho ko utazatsembah'urubyaro rwanjye cyangwa ngo usibangany'izina ryanjye mu muryango wa data."<sup>22</sup>Nuko Dawidi agirir'indahiro Sawuli maze Sawuli asubira iwe,arikko Dawidi n'abantu be barazamuka bajya mu mutamenywa.

## **Eliya** -1Abami 18

*Iriburiro:*Nyuma ya Dawidi habayeho umwami umwami mubi witwaga Ahabu.Nukw'Umwami-Imana itum'umuhanuzi Eliya kubonana n'umwami.Dor'inkuru yo mw'ijambo ry'Imana.

<sup>17</sup>Ahabu abony'Eliya aramubwir'ati, "Ese ni wowe,watej'akaga mw'Isirayeli?"<sup>18</sup> Eliya arasubiz'ati,"Si nigeze ntez'ibiyag'Isirayeli," Ahubwo ni wowe n'umuryango waso.Mwateshutse ku mategeko y'Uhoraho maze mukurikir'ikigirwamana Baali.<sup>19</sup>Nuko mimumpamagarir'Abisirayeli bose duhurire ku musozi Karumeli.Muzan'abahanuzi ba Baali maganane na mirongwitanu n,abahanuzi maganane ba Ashera, basangirira ku meza ya Yezebeli."<sup>20</sup>Ahabu yohereza intumwa mw'Isirayeli yose ,bateraniriz'abantu ku musozi Karumeli.

<sup>21</sup>Nukw'abantu bamaze guterana Eliya aji'imbere yabo aravug'ati, "Muzageza ryari kuba mumayir'ibiri?Nib'Uhoraho ariwe Mana,ni mumukurikire ;ariko niba Baali ariwe mana ,mumukurikire."Nukw'abantu ntibamusubiza.

<sup>22</sup>Eliya arababwir'ati, "Ni jye gus'usigaye wo mubahanuzi b'Uhoraho,ariko Baali ifit'abahanuzi maganane na mirongwitanu.<sup>23</sup>Munzanir'imfiz'ebyeri nuko bihitirem'imfizi yabo,bayitemaguremo ibice bito babishyire hejuru y'inkwi ariko ntibashyireh'umuriro.Nuko nanjye nzatungany'indi mfizi nyishyire ku nkwi ariko sinshyireh'umuriro.<sup>24</sup>Batakambir'amazina y'imana zabo,nanjye ndatabaz'izina ry'Uhoraho nuko Imana iri busubirish'umuriro,niyo Mana."Abantu baramusubiza bati, "Iby'uvuze nibyo."

<sup>26</sup>Abahanuzi b'ikigirwamana Baali bategur'igitambo maze batakambir'izina rya Baali kuva mugitondo kugeza kumanywa y'ihangu.Baterahejuru bati, "O Baali,twumvire!"Habur'agisubizo,ntihabonek'uwo gusubiza.Babyinir'imbere y'igicaniro bari bubatse.<sup>27</sup>Kumanywa y'ihangu,Eliya atangira bashinyagurira ati, "Musakuze cyane!" "Ntagushidikanya ni imana!Ahubwo yatwawe n'ibitekerezo,cyangwa irahuze ,cyangwa yagiye.Bishoboka ko isinziriye nimuyikangure."<sup>28</sup>Batera hejuru cyane ndetse barikebagurish'inkota n'amacumu,nkuko bari basanwe babigenza,kugez'amaras'avuye.Ariko igisubizo gikomeza kubura,habur'uwasubiza,cyangw'uwo kubyitaho.

<sup>30</sup>Nukw'Eliya abwir'abantu bos' ati, "Munyegere" baramwegera nuko asan'igicaniro cy'Uhoraho,cyari cyarasenyutse <sup>31</sup>Eliya yend'amabuye cumi nabiri nkukw'imiryango ya Yakobo iri,uw' Ijambo ry'Uhoraho ryagezeho rikamubwira riti, "Izina ryawe rizaba Isirayeli."<sup>32</sup>Yubakisha ayo mabuye igicaniro mw'izina ry'Uhoraho,acukur'umwobo iruhande rwacyo.<sup>33</sup>Agerekah'inkwi,ya mfiz'ayitemaguramo ibice maz'abishyira hejuru y'inkwi.Abwir'abant'ati, "Mwuzuz'intangw'eny'mazi maze muyasuke kigitambo no ku nkwi."<sup>34</sup> Aravug'ati, "Nimwongere" nuko barongera .Arategeka ati, "Mwonger'ubwa gatatu,"maze bonger'ubwa gatatu.<sup>35</sup>Amaz'asendera ku gicanir'ameneka hasi ndetse yuzura na wamwobo.

<sup>36</sup>Igihe cyo gutamb'igitambo kigeze,umuhanuz'Eliya yigir'imbere maz'arasenga: "Uhoraho,Mana ya Aburahamu ,Isaka na Isirayeli,reka bimenyekan'uyu muni k'uri Imana mw'Isirayeli nkab'umugaragu wawe kandi kw'ibyose nakoze byos'ari wowe wa bimtumye<sup>37</sup>Uhoraho nsubiza,nyumvira ngw'aba bantu bamenyekw'ari wowe mana y'ukuri.<sup>38</sup>Nuk'umuriro w'Uhorah'uramanuk'utwik' igitambo,inkwi,amabuye n'igitaka,ukamy'amzi yo muri wa mwobo.<sup>39</sup>Abantu babonye ibi,bikubita hasi batera hejuru bati, "Uhoraho! Niwe Mana! Uhoraho! Niwe Mana!"

## **Yona** 1,2,3,4

*Iriburiro:*Nyuma ya Eliya Imana ihaguruts'abandi bahanuzi.Umwe muribo yari Yona.Mugihe cya Yona Ninewe yar'umugi n'umurwa n'umwanzi ba Isirayeli,Asiriya.

<sup>1:1</sup>Ijambo ry'Uhoraho rigera kuri Yona riti, <sup>2</sup>"Haguruka,ujy'iNinewe umurwa munini maz'uwuburire ,kuko ugukiranirwa kwabo kugez'imbere yanjye."<sup>3</sup>Ariko Yona aramanuk'ajy'iYopa ahasang'ubwato bugiy'I Tarushishi,uhungiray'Uhoraho.<sup>4</sup>Uhoraho atez'umuyaga udasanze munyanya hab'umuraba mwinshi kubury'ubwato bwendaga gusaduka.<sup>7</sup>Umutware w'ubwato yegera Yona aramubwir'ati "Takambir'imana yawe.Wend'imana yawe iri butwiteho, bitume tutarimbuka."<sup>8</sup> "Ukomoka mubuhe

bwoko?"<sup>9</sup>Yona ati, "Nd'Umuheburayo,kandi nubah'Uhoraho Imana yo mw'ijuru yaremy'inyanja n'ubutaka."<sup>10</sup>Nukw'abo bantu baratinya cyane kuko Yona yababwiye ko ahunz'Uhoraho.

<sup>12</sup>Nuko Yona aravug'ati, "Nimunkuremo maze munjugunye munyanja, nukw'iri bubaturize,kuko nziko ariye wabatej'uyu muraba mwinshi."<sup>15</sup>Bafata Yona bamujugunya mu nyanja maz'iratuza.<sup>17</sup>Uhoraho yoherez'urufi runini rumira Yona ,maz'amar'ins'itatu n'amajor'atatu ari munda y'urwo rufi runini.

<sup>2:1</sup>Nuko Yona yambaz' Uhoraho ari munda y'urufi runini,aravug'ati, "Nahamagay'Uhoraho ndi mubyago,aransubiza.<sup>5</sup>Urwuya rwizungurije ku mutwe wanjye .<sup>7</sup>Ubwo narimo njya mumizi y'imisozi nibuts'Uhoraho maz'gusenga kwanjye kugera kuri Wowe.<sup>9</sup>Agakiza gaturuka k'Uhoraho."<sup>10</sup> Maz'Uhoraho ategok'urufi ,ruruka Yona kubutaka.

<sup>3:1</sup>Ijambo ry'Uhoraho riza kuri Yona ubwa kabiri,riti, <sup>2</sup>"Haguruk'ujy'iNinewe umurwa munini uwuburire ,umuburo ngiye kukubwira."<sup>3</sup>Nuko Yona arahaguruka'ajy'i Ninewe akurikij'ijambo ry'Uhoraho.Ninewe yar'umurwa munini cyane.<sup>4</sup>Yona atang'umuburo avug'ati, "Mu ninsi mirongwine Ninewe izarimburwa."<sup>5</sup>Maz'abantub'i Ninewe bemer'Imana; bashyiraho kwiyiriz'ubusa no kwambar'ibigunira, uhereye k'ukomey'ukageza kuworoheje muribo.

<sup>7</sup>Umwami w'i Ninewe shyirahw'itegek'ati, "Ntimukundir'umuntu wese kurya cyangw'itungo kurisha.Ntihagire uwo mwemerera kurya haba no kunyw'amazi.<sup>8</sup>Abantu bose batakamir'Imana bashimikiye buriwese ahindukire ave munzira ze mbi n'urugom'akora.<sup>9</sup>Wenda, Imana yahindukira, ikoroha kand'ikarek'umujinya wayo bigatuma tutarimbuka."<sup>10</sup>Iman'ibony'imirimo yabo,ko bavuye munzira yabo mbi,nuko ihagarik'ibyago yari yari kubateza,uko yari yabivuze.Ntiyabikora.<sup>4:1</sup>Ariko bibabaza Yona cyane maz'arakara.<sup>2</sup>Aravug'ati, "Uhoraho,ibi sibyo navugaga ko bizaba?Kuko narinzi ko ur'Imana igir'ubuntu n'imbabazi,itinda kurakara,ifite kugira neza kwinshi ,ikibuza kuzan'ibyago.<sup>3</sup>Ndakwinginze Mana,kurah'ubugingo bwanjye kuko gupfa bindutiye kubaho."<sup>4</sup>Uhoraho aramubwir'ati, "Es'ufit'impamvu nziza yo Kurakara?"

<sup>5</sup>Nuko Yona asohoka mu murwa yicara has' awitegeye ngw'arebe uko bizakugenda .<sup>6</sup>Maz'Uhoraho Imana ategok'igiti gukurira hejuru ya Yona ngo kimuber'igicucu kimurinde kubangamirwa.Nuko Yona biramunezeza cyane <sup>7</sup>Bukeye bwaho,Imana yohereza umunyorogoto ury'icyo giti kiruma.<sup>8</sup>Izuba rivuye,Imana yoherez'umuyaga wots'uturuts'Iburasirazuba,izuba ricana ku mutwe wa Yona acik'intege,maze yisabira gupfa,aravug'ati, "Urupfu rundutiy'ubuzima."

<sup>9</sup>Imana ibwira Yona iti, "Es'ufit'ishingiro kubabazwa nicyo giti?"Arasubiz'ati, "Yego mfit'ishingiro kubabara, ndetse nanapfa."<sup>10</sup>Uhoraho aravug'ati, "Wababajwe n'igit'utigez'ukorera ndets'utanamejeje,cya mez'ijoro rimwe nuko kikum'irindi.<sup>11</sup>Ese sinarinkwiriye kubabazwa n'iNinewe,umurwa munini urim'abantu barenga ibihumb'ijana na makumyabiri batazigutandukany'indyo n'imoso,hakabamo n,amatungo menshi?"

## Daniyeli Dan. 1-2

*Iriburiro:* Kukw'ubwoko bw'Isirayeli bwakomeje kuseng'ibigirwamana, Imana Yohereza Nebukadinezari umwami w'I Babuloni kubanyaga.

<sup>1:1</sup>Nebukadinezari umwami w'iBabuloni ater'iYerusalemu maz'arayiagota nuk'Uhoraho agabiz'amaboko y'umwami w'Abayuda,ajyana na bimwe mubintu byo munzu y'Imana.Nebukadinezari ashvir'ibi bintu munzu y'ububiko y'imana ye i Babuloni.<sup>3</sup>Nuk'umwami ategakako bamuzanira bamwe mu b'Isirayeli bo mumuryango wa cyami badafit'inenge-bakiri bato,baz'ibw'ubwenge kandi bajijutse,bumva bitabagoye,kandi babareye gukora mu ngoro y'umwami.<sup>6</sup>Bamwe muri bo bari Daniyeli,Saduraka,Meshaki na Abedenego.

<sup>2:1</sup>Kumaka wa kabiri w'ingoma ye, Nebukadinezari yaros'inzozi; ahagarik'umutima cyane ntiyasinzira.<sup>2</sup>Nuk'umwami, atumah'abakonikoni,abapfumu,abashitsi n'abakarudaya ngo bamubwire ibyo yarose.Umwam' arababwir'ati, "Naros'inzozi zintera guhangayika none ndashaka kumeny'ubusobanuro bwazo."<sup>4</sup>Maz'abakarudaya baramusubiza bati, "Mwami,bah'ibihe byose!Rotorer' abagaragu baw'inzozi,turazisobonura."

<sup>5</sup>Arabasubiz'ati, "Nimutandotorera inzozi,muzatemagurwa.<sup>9</sup>Mumbwir'izo nzozi,ndamenyako mubasha no kizisobanura."<sup>10</sup>Abakarudaya basubiz'umwami bati, "Nta muntu kw'isi ushobora gokor'icy'umwam'asabye!Nta mwami, yab'ubukomeye n'utegeka wigez'abaz'ikintu nk'icyo."<sup>12</sup>Birakaz'umwami cyane maz'ategeka kw'abanyabwenge bose b'I Babuloni bicwa.<sup>16</sup>Nuko Daniyeli asab'igihe, ngw'azamusobanurire inzozi.

<sup>17</sup>Nuko Daniyeli asubiriwe maz'asobanurir'inshitize Saduraka,Meshaki n'Abedenego,ukw'ikibazo giteye.<sup>18</sup>Abasaba kwinging'Imana kubw'ubuntu bwayo ngo yite kur'ara mayobera,kugirango we na bagenzi be baticanwa n;abandi banyabwenge b'I Babuloni.<sup>19</sup>Nijoro Daniyeli agir'iyerekwa, ahishirirwa ya mayobera.Nuko Daniyeli ahimbaz'Imana yo mw'ijuru ati, "<sup>23</sup>Ndagushima kandi ndaguhimbaza,Mana ya basogokuru:wampay'ubwenge n'imbaraga,umenyesh'ibyo nagusabye ,utumenyesh'inzozi z'umwami."

<sup>24</sup>Daniyeli abwir'abarinzi b'umwam'ati, "Ntimugir'umunyabwenge w'iBabuloni mwica .Munshvir'umwami,maze musobanurir'inzozi ze."<sup>25</sup>Nukw'umurinzi w'umwami ashvir'umwami Daniyeli avug'ati, "Nabony'umuntu wo muri ba banyamahanga bavuy'iYudaya ushobora kubwir'ubusobanuro bw'inzozi."

<sup>26</sup>Umwam'abaza Daniyeli ati, "Ushobora kumbwir'ibyo nabonye mu nzozi kand'ukanabisobanura?"<sup>27</sup>Daniyeli arasubiz'ati, "Nta munyabwenge,umupfumu ,umukonikoni cyangw'umuhanuzi ushobora gusobanurir'umwami ibihishwe yabajije,ariko mw'ijuru har'Imana ihishur'ibihishwe.Niyo yerets'umwami Nebukadinezari ibizaba migihe kizaza.<sup>29</sup>"Ubwo war'uryamywe kuburiri bwawe ,mwami,<sup>31</sup> "Wabony'imbere yawe hahagaz'igishushanyo

kinini, icyo gishushanyo cyari kinini cyane, gitangaje kandi gitey'ubwoba.<sup>32</sup> Umutwe wicyo gishushanyo war'izahabu nziza, igituza cyacyo n'amaboko byacyo byar' ifeza, inda yacyo n'ibibero byacyo byar'imiringa,<sup>33</sup> Amaguru yacyo yar'ibyuma, ibirenge byacyo byar'icyuma igice kimwe, n'ibumba kukindi.<sup>34</sup> Ubwo witegerezaga haj'ibuye rinini, ritarimbuwe n'intoki z'umuntu. Ryikubita kugishushanyo, kubirenge byacyo by'icyuma kivanze n'ibumba rirabimenagura maz'icyuma, ibumba, umuringa, ifeza n'izahabu biramenagurikir' icyarimwe bihinduka nk'umurama waho bahurir'ingano. Umuyaga urabigurukana ntihashigara nakamwe. Ariko rya buye ryakubis'igishushanyo, rihinduk'umusozi munini, ukwir'isi yose."

<sup>37</sup>Nyagasani, wow'uri umwami w'abami. Imana yo mw'ijuru yaguhaye kuganzan'imbaragan'ubushobozi n'icyubahiro; Ni wowe mutwe wizahabu.

<sup>39</sup>Nyuma yawe, ubundi bwami buzaza, budahwanije n'ubwawe gukomera. Hazakurikirah'ubwa gatatu, bugereranwa n'umuringa, buzateguk'isi yose.<sup>40</sup> Hanyuma hazaz'ubwami bwa kane, bukomeye nk'icyuma -nkuko icyuma kimenagura kand kikajanjagur'ikintu cyose, niko buzamenagura ubundi bwose.<sup>41</sup> Nkuko mwabony'ibirenge n'amano ari icyuma n'ibumba bivanze, niko ubwobwami buzigabanyamo.

<sup>44</sup> "Mugihe cyabo bami bose, Imana yo mw'ijuru izashyirah'ubwami butazahanguk'ukundi, cyangwa ngo bugir'undi muhabwa. Buzakuraho buriya bwami bwose bubushyirehw'iherezo, ariko bwo buzahorahw'iteka ryose.<sup>45</sup> Ubwo nibwo busobanuro bw'iyerekwa n'ibuye rinini ryarimbuwe kumusozi, ariko ritarimbuwe n'intoki z'umuntu-ibuye ryamenaguye icyuma, umuringa, ibumba, ifeza n'izahabu bigahinduk'ubuvungu. Imana yerets'umwami, ibizaba mugihe kizaza. Inzozo ni izukuri kandi n'ubusobanuro bwazo n'ubwokwemerwa."

<sup>46</sup>Nuk'umwami Nebukadinezari, yikubita hasi yubits'umutwe ambere ya Daniyeli aramuramya, amuh'icyubahiro, ategekako bamutambira igitambo bakanamwoserez'imibavu.<sup>47</sup> Umwam'abwira Daniyeli ati, "Ntagushidikanya, Imana yawe ni Imana irut'izindi mana ni Umwami w'abami kand'umuhishuzi w'ibihishwe."<sup>48</sup> Maz'umwami azamura Daniyeli, amugira umutware w'igihugu cy'iBabuloni cyose ndets'umugir'umukuru w'abanyabwenge bose.<sup>49</sup> Ikinki kandi, kubw'icyifuzo cya Daniyeli, umwami agira Saduraka, Meskaki n'Abedenego abatware b'intara za Babuloni, Daniyeli we yigumira iBwami.

## **Itanura ry'umuriro ryaka** - Dan. 3

*Iriburiro:* Inkur' ikurikiyeho yabayeh'ubw'Abisirayeli bar'abanyagano iBabuloni. Bamaze m'ubunyage imyaka mirongwirindwi.

<sup>1</sup>Nuk'umwami Nebukadinezari arem'igishushanyo, gifite mikono mirongwicyenda z'igihagararo na mikono icyenda z'ubugari.<sup>2</sup> Nukw'ahamagara abatware be, abjyanama, ababitsi, abacamanza, n'abatware bose bo muntara ngo baze gutaha icyo gishushanyo yari yakoze, nuko bagihagarar'imbere.<sup>4</sup> Nuk'umuntu utangaz'icy'umwami yategetse, ararangurur'ati, "Iki nicyo mutegekwa gukora, abo mumahanga y'indimi zitandukanye.<sup>5</sup> Mukimara kumv'ijwi ry'ihembe n'indi bintu by'ubwoko byose bicurangwa



,muhite mwubarara hasi muramye igishushanyo cy'izahab'umwami Nebukadinezari yakoze.<sup>6</sup>umuntu wes'utari bwubarare hasi ngw'aramy'igishushanyo,arayita ajugunywa mw'itanura rigurumana."<sup>7</sup>Nukw'abantu bakimara kumv'ijwi ry'ihembe,abantu bose bikubita hasi bubamye baramy'igishushanyo cy'izahab'umwami Nebukadinezari yari kakoze.

<sup>8</sup>Nuko bamwe mu batware be basanga Nebukadinezari baramubwira bati,  
<sup>9</sup>"Mwami,nyaguhoraho!12haribamwe mu Bayuda bo muntara za Babuloni-Saduraka,Meshaki n'Abedenego-banze kuramy'imana zawe habe no kuramy'igishushanyo cy'izahabu wakoze."

<sup>13</sup>Nebukadinezari agir'ubrakari bwinshi atumizahoSaduraka, Meshaki n'Abedenego<sup>14</sup>. "Ese nikuri ngo mwanze gukorer'imana zanjye no kuramy'igshushanyo cy'izahabu nakoze?<sup>15</sup>Nimutakiramya, murajugunwa mw'itanura rigurumana.Ese hari imana azashobora kubakura mumaboko yanjye?"<sup>16</sup>Saduraka,Meshaki,n'Abedenego basubiz'umwami bati,  
"Nebukadinezari,ntidukeneye gusubiz'icyo kibazo."<sup>17</sup>Nitujugunwa mw'itanura ryak'umuriro,Imana dukorera ishoboye kudukiza,kand'izadukiz'amaboko yawe,nyagasani.<sup>18</sup>Ariko naho itabikora,turakumenyesha nyagasani ko tutazakorer'imana zawe cyangwa ngo turamye igishushanyo cy'izahabu wakoze."

<sup>19</sup>Nebukadinezari ararakara cyane maz'ategekako bonger'umuriro w'itanura inshuro zirindwi kuwar'usanzwe<sup>20</sup> nukw'ategeka zimwe mungabo ze zinyembaraga kuboha Saduraka,Meshaki n,Abedenego babajugunya mw'itanura rigurumana.<sup>21</sup>Nukw'aba bagabo bari bambaye amakanzu yabo,amapantaro,amafurebo n'indi myenda,barababoha babajugunya mw'itanura ryak'umuriro.<sup>22</sup>Itanura ryari rishyushye kuburyo ibirimi by'umuriro byishe ingabo zafashe Saduraka,Meshaki,n'Abedenego,<sup>23</sup>nukw,aba bagabo batatu,bari baboshywe bikomeye,bagwa mw'itanura ryak'umuriro.

<sup>24</sup>Umwami Nebukadinezari asimbukira kubirengebye atera hejur'abwir'abajyanama b'ati,  
"Ntabwo abagabo bata'aribo twaboshye tukabajugunya mu muriro?"Baramusubiza bati,  
"Nibyo,nyagasani."<sup>25</sup>Aravug'ati, "Nimurebe! Ndabona abagabo bane barimo bagenda genda mu muriro, bataboshye kandi ntacyo babaye,kand'uwa kane asa nk'umwana w'imana."<sup>26</sup>Nebukadinezari yegera kumunywa w'itanura rigurumana arahamagara cyan'ati,  
"Saduraka,Mishaki n'Abedenego,bagaragu b'Imana isumb'izindi,musohoke! Muze hano!"  
Nukw'abo bagabo batatu bava mumuriro, maz'abatware n'abajyanama b'umwami barabakikiza.Basanga ntacy'umuriro wabatwaye,hahe n'umusatsi wo kumitwe yabo wababutse;n'imyenda yabo ntayashya ,ndetse nta n'umunuko w'umuriro war'ubariho.

<sup>28</sup>Nuko Nebukadinezari aravug'ati, "Ishimwe ni iry'Imana ya Saduraka, Meshaki,n'Abedenego,Yo,yohereje malayika wayo, agakiz'abagaragu be! Bizey'Imana yabo maze basuzugur'itegeko ry'umwami kandi bemera no kubur'ubugingo bwabo aho gukorera cyangwa kuramy'indi mana itari Imana yabo.<sup>29</sup>Kubwiby ntegetse kw'abantu bo mugihugw'icy'aricyo cyose, n'indimi zitandukanye,abazavug'ikibi ku Mana ya Saduraka,Meshaki n'Abedenego bazatemagurwa n'ingo zabo zihahindurwa nk'umukungugu,kuko nta yindi mana ishobora gukiza ben'aka kageni."

## Nehemiya 1,2,4,6

*Iriburiro:* Inkuru ya Nehemiya yabayeho nyuma gato y'igihe cya Daniyeli ubw'Abayuda bari bamaze kwemererwa gusubir'iwabo.Nehemiya araturwira ibyamubayeho.

<sup>2:1</sup>Kungoma y'umwami Aritazeruzi wo muba Perisi,jyewe Nehemiya,nar'umuhereza w'inzoga w'umwami.Enda vino mperez'umwami.Sinari narigeze ngaragaz'umubabaro turikumwe mbere y'iki gihe,maz'umwam'arambaz'ati, "Kuk'ugaragara nk'ubabaye mu maso kand'utarwaye?Ibi ntakindi cyabitera kitar'umubabaro w'umutima."<sup>3</sup> "Umwam'arakarama! Mbabajwe kuko umurwa uwo basogokuru bahambwemo wabay'amatongo, amarembo yawo yarimbuwe n'umuriro."<sup>4</sup> Umwam'arambaz'ati, "N'iki ushaka?" Ndasenga, nuko nsubiz'umwami nti, "Nib'umwam'abikunze kand'umugaragu we nkamugirah'umugisha, nyohereza mu murwa iBuyuda aho basogokuru bashyinguye ngo mbon'uko nywubaka."<sup>6</sup>Maz'umwami yishimira kunyoheza.

<sup>9</sup>Nuko ntegura igihe n'iyiYerusalemu ndikumwe n'abatware b'ingabo n'abagenda kumafarashi baramperekeza.<sup>11</sup>Mazey'imins'imins'itatu<sup>13</sup> Ntangira kwitegerez'inkike za Yerusalemu zari zarashenywe n'amarembo yayo,yari yararimbuwe n'umuriro.<sup>16</sup>Nta mumtu wameny'aho nagiyeye cyangw'icyo narimo nkora,kuko ntacyo nari nakabwir'Abayuda cyangwa abatambyi cyangw'abakomeye cyangw'abatware cyangw'abandi bahakorera'umurimo.<sup>17</sup>Nuko ndababwira nti, "Murabon'amakuba turimo:Yerusalemu yabay'amtungo,amarembo yayo yaratwitswe.Muze dusan'inkike za Yerusalemu,ntituzongerukundi kugibwaho n'umugayo."<sup>18</sup>Barasubiza bati, "Mureke dutangire gusana."Nuko batangir'umurimo mwiza.

<sup>19</sup>Arikw'abantu bamwe bo mubihugu bihakikije, birimo Sanibalati,na Tobiya naGeshumu babyumvishe ,baraseka baradusuzugura bati, "<sup>4:2</sup> "N'iki bariya Bayuda b'imburamumaro bari gukora?bashobora gusan'inkike? Bazatamb'ibitambo? Ese bashobora gutabur'amabuye mazima bayakuye muri ririya vu ry'ibishingwe kandi yarahiye?"<sup>3</sup>Barubak'ibiki? Ndetse n'ingunz'ihuriye yagush'inkuta zabo z'amabuye!"

<sup>4:4</sup>Nuko Nehemiya araseng'ati, "Tumve, Mana, kuko tur'insuzugurwa.<sup>5</sup>Ntutwikire gukiranirwa kwabo cyangwa ng'uhanagur'ibyaha byabo mumaso yawe,kuko batukanye mumuso y'abubatsi."<sup>6</sup>Nuko dusan'inkike kugez'ubwo yageze muri kimwe cya kabiri cy'uburebure bwayo, kukw'abantu bakoranag'umutima wabo wose.

<sup>7</sup>Ubwo Sanibalati na Tobia bumvishe k'umurimo wo gusan'inkuta zaYerusalemu wakomeje nkandi kw'ibyuho biri kwicwa,bararakara cyane maze bose bacur'umugambi wo hujya kurwa ny'ab'iYerusalemu.<sup>9</sup> Ariko duseng'Imana yacu kandi nshyirah'abantu bamwe bajy'innyuma y'inkike ahitaruye,<sup>14</sup>Nitegereje ndahaguruka mbwir'abantu nti, "Ntimubatinye.Mwibuk'Uhoraho,arakomeye kand'atey'ubwoba,maze murwanir'abavandimwe banyu, abahungu banyu,abakobwa banyu,abagore banyu n'ingo zanyu.<sup>16</sup>Uherey'uwo muni icya kabiri cy'abantu banjye bakubaka, ikindi cyakabiri cyabo bafatag'amacumu n'ingabo n'imiheto n'amafurebo.Abatware bakajy'innyuma yab'abantu bose bari nkike z'innyubako.<sup>17</sup>Abari bafit'intwaro bakorag'umurimo wabo bagakoresh'ukuboko kumwe bafash'intwaro mukundi,kandi buri mwubatsi yari yitwaje inkota murukenyerero rwe,ukw'arimo

yubaka.<sup>23</sup>Yaba jyewe cyangwa bene data cyangw'abagaragu banjye,cyangw'abarinzi,nta mumtu wiyamburaga;buri wese yabag'afit'intwaro ye ,ndetse n'igihe agiye gushak'amazi.

<sup>6:2</sup>Nuko Sanibalati anyoherez'ubutumwa ati: "Ngwino, reka duhuriye mu kiorero kimwe."Ariko bashakaga kungirira nabi;nukko mbatumahw'intumwa nti, "Har'umurimo ukomeye ndikora ,sinshobora kugenda.Kuk'akazi kahagarara igihe naba nkavuyeho nkaz'aho muri?"<sup>4</sup>Banyohereza ubwo ubutumw'ishuro enye,kuri buri nshuro nkabasubiz'igisubizo kimwe.<sup>9</sup>Kandi ndasenga nti, "Uhoraho ,komez'amaboko yanjye."

<sup>10</sup>Umuns'umw'umunt'arambwir'ati, "Reka tuyje munzu y'imana, dufung'inzugi z'urusengero,kuko abantu bashaka kukwica."<sup>11</sup>Ariko ndamubwira nti, "Ese byashobok'umugab'umeze nkanjy'ahunga? cyangw'umunt'umeze nkanjye yajya murusengero gukiz'ubugingo bwe? Sinzajyayo!<sup>12</sup>Menyakw'atari Imana yamutumye,ahubwo kw'ari Tobia na Sanibalati bamuguriye ngw'anter'ubwoba.Nuko bamp'izina ribi ngo bansebye.<sup>15</sup>Nukw'inkike yari yuzuye muni mirongw'itanu n'ibiri. <sup>16</sup>Maz'abanzi bose bumvishe ibyabaye,abo mumahanga yos'atuzengurutse baratinya nuko bitakariz'icyizere,kuberako bamenyek'uyu murim'ar'Imana yawudufashijemo.

## Isezerano rishya

### Ibyatangajwe – Luka 1:26 / Matayo 1:18

*Iriburiro:* Mu myaka magana ane Abahanuzi bakomeje guhanura ivuka ry'imbuto y'umugore, iyo mbuto ni yo yavuyemo Mesiya. Hahanuwe ko azabyarwa n'isugi mu mugi w'ibetelehemu kandi akaba uwo mu muryango wa Dawidi. Iyi ni inkuru iva mu ijamba ry'Imana.

Luke 1:26 Imana yohereje marayika Gaburiyeri i Nazareti mu mugi wa Galilaya,<sup>27</sup>ku isugi yari yarasabwe na Yosefu wo mu nzu ya Dawidi. Iyo sugi yitwaga Mariya. <sup>28</sup>Marayika arayisanga nuko ayibwira ati: “Ndakuramutsa, wowe uhebuje ubutoni! Nyagasani ari kumwe nawe.”

<sup>29</sup>Mariya yakutse umutima kubera ayo magambo, anibaza ubwoko bw'iyi ndamutso. <sup>30</sup>Ariko Marayika aramubwira ati: “Witinya, Mariya, kuko uri umutoni ku Mana. <sup>31</sup>Uzasama inda kandi uzabyara umuhungu, uzamwita Yesu. <sup>32</sup>Azakomera kandi azitwa umwana w'Isumbabyose. Nyagasani Imana izamuha ubwami bwa se Dawidi, azayobora inzu ya Yakobo iteka ryose, kandi ubwami bwe ntibuzashira.”

<sup>34</sup>“Mariya abaza Marayika ati: “Ibi bizashoboka bite, kandi nkiri isugi?”

<sup>35</sup>Marayika aramusubiza ati: “Umwuka wera azakumanukira, maze ububasha bw'Isumbabyose bukubundikire. <sup>37</sup>Koko nta kinanira Imana. Luke 1:26-35

Mt 1:18 Ubwo Yosefu wari warasabye Mariya amenye ko atwite, <sup>19</sup> yahise yigira inama yo kumusenda mu ibanga. <sup>20</sup> Akibitekereza, Marayika amubonekera mu nzozi, agira ati: “Yozefu, mwene Dawidi, witinya kurongora umugeni wawe Mariya; kuko Umwana atwite ari uw'Umwuka wera. <sup>21</sup> Azabyara umuhungu; uzamwite Yesu, kuko azakiza abantu be ibyaha byabo.”

<sup>22</sup>Ibi byabereyeho kuzuzwa ibyari byaravuzwe n'Imana ikoresheje umuhanuzi ngo:

<sup>23</sup>“Dore, Umwari w'isugi azabyara umwana”.

<sup>24</sup> Nuko Yozefu akangutse abigenza uko Marayika wa Nyagasani yari yamutegetse, arongora umugeni we Mariya, ariko ntibaryamana kugeza ubwo yibarutse umuhungu; maze amwita Yesu.

### Ivuka rya Yesu- Luka 2

*iriburiro:* Nyuma y'igihe kirekire, nkuko byari byarahanuwe, Yesu yaravutse.

<sup>1</sup> Muri iyo minsi Kayisari Awugusito yaciye iteka rivuga ngo ibarura rikorwe mu bihugu byose bigengwa na Roma.<sup>3</sup>Buri wese rero yagiye kwiyandikisha mu mugi w'ivuko.

<sup>4</sup>Yosefu rero yavuye mu mugi wa Nazareti ho i Galilaya ajya i Yudeya mu muji wa Dawidi witwa Betelehemu, kuko yari uwo mu muryango wa Dawidi. <sup>5</sup>Yagiyeyo kwiyandikisha na Mariya uwo yari yarasabye kandi wari utwite. <sup>6</sup>Bakiriyo, igihe cyarageze ngo abyare, nuko yibaruka imfura ye y'umuhungu. Yamworoshe imyenda maze amuryamisha mu muvure, kuko nta wundi mwanya ukwiye bari babonye aho bacumbika.

<sup>8</sup>Ku gasozi hafi aho hari abashumba, barinze amatungo yabo nijoro. <sup>9</sup>Marayika wa Nyagasani arababonekera, ikuzo ry'Imana rirarabagirana ribagote impande zose, nuko bashya ubwoba. <sup>10</sup>Ariko Marayika arababwira ati: "Mwitinya. Mbazaniye inkuru nziza y'umunezero mwinshi uzagera ku bantu bose. <sup>11</sup>None, mu murwa wa Dawidi umukiza yabavukiye; ni Kristo Umwami. <sup>12</sup>Dore ikiri bubabera ikimenyetso: murasanga uruhinja rufubitswe imyenda kandi ruryamye mu muvure."

<sup>13</sup>Muri ako kanya haza inteko y'ingabo zo mu ijuru zifatanye na Marayika, zisingiza Imana zigira ziti: <sup>14</sup>"Imana nikuzwe mu bushorishori bw'ijuru, kandi mu isi, amahoro abe kubo yishimira."

<sup>15</sup>Abamarayika bamaze gusubira mu ijuru, abashumba baja inama bati: "Mureke tuje i Betelehemu kureba ibyo Nyagasani amaze kutubwira."

<sup>16</sup>Nuko bagenda bihuta basanga Mariya na Yozefu, n'uruhinja ruryamye mu muvure. <sup>17</sup>Bamaze kumubona, bakwirakwije inkuru y'uwo mwana babwiwe na Marayika, <sup>18</sup>abumvise abo bashumba bose batangajwe cyane n'ibyo bavugaga.

<sup>19</sup>Mariya we yashyinguye ayo magambo mu mutima we kandi akajya ayazirikana. <sup>20</sup>Abashumba bataha bakuza kandi basingiza Imana, babitewe n'ibyo bari babonye kandi bumvise bihuje n'uko bari babibwiwe.

**Ibatizwa rya Yesu-** Luka 3: 1-15; Matayo. 3:13; Yohani 1:29

*Iriburiro:* Dore Umwana w'intama w'Imana

<sup>1</sup>Ubwo Pontiyo Pilato yatwaraga Yudeya, ijambo ry'Imana ryageze ku mugabo witwaga Yohana. <sup>3</sup>Yohana atangira kwigisha iby'umubatizo wo kwihana ngo babarirwe ibyaha; <sup>4</sup>nkuko byari byaranditswe mu gitabo cy'amagambo y'umuhanuzi Yesaya,

"Ijwi ry'urangurira mu butayu, <sup>5</sup>Imanga yose izuzuzwa, umusozi wose n'akanunga bizasizwa, ibigoranye bizagororoka, n'inzira z'urubuye zizatunganywa; <sup>6</sup>maze abantu bose babone agakiza k'Imana."

<sup>7</sup>Nuko Yohana atangira kubwira imbaga y'abamusangaga ngo ababatize ati: "Mwa nyoko z'impiri mwe, ni nde wababuriye ngo muhunge uburakari bwegereje? <sup>8</sup>Mwikwitwaza ngo, "Aburahamu ni we mubyeyi wacu," ndetse mbiberurire, aya mabuye, Imana ishobora kuyabyutsamo abana ba Aburahamu. <sup>9</sup>N'ubu intorezo irarambitse ku mizi y'ibiti; kugira ngo igiti cyose kitera imbuto, gitemwe maze kijugunywe mu muriro."

<sup>10</sup>Imbaga y’abantu imubaza iti: “Nonese, ni iki twakora?” <sup>11</sup>Nuko abasubiza agira ati: “Umuntu ufite amakanzu abiri ayagabane n’utagira n’imwe; n’ufite ibyo kurya nawe agenze atyo.”

<sup>12</sup>Abasoresha nabo baje kwibatirisha, baramubaza, “Mwigisha, ni iki twakora?” <sup>13</sup>Nuko ababwira ngo: “Ntimugasoreshe ibirenze ibyategetswe.”

<sup>14</sup>Abasirikare nabo baramubaza bati: “Naho se twebwe, dukore iki?” Maze arababwira ati: “Ntimukagire uwo mwambura amafaranga ku ngufu, cyangwa ngo mumubeshyere, kandi muje munyurwa n’igihembo cyanyu.”

<sup>15</sup>Abantu bari bategereje, kandi bibaza mu mutima wabo yuko Yohana yaba ari we Kristo.

<sup>16</sup>Yohana abasubiza agira ati: “Jyewe ndababwirisha amazi ariko hazaza undi undusha ububasha. Azababwirisha Umwuka wera n’umuriro”

<sup>Mt.3:13-17</sup> Nuko Yesu ava i Galilaya ajya kuri Yorodani kubatizwa na Yohana. Ariko Yohana ashaka kumwangira agira ati: “Ni jye ukeneye kubatizwa nawe, none uransanze?” Yesu aramusubiza ati: “Emera ubikore, kuko ari byo bidukwiriye bityo dusohoze gukiranuko kose.” Nuko Yohana aramwemerera maze ijuru rirakinguka, Umwuka w’Imana umanukira Yesu usa nk’inuma, ijwi rituruka mu ijuru rivuga riti: “Uyu ni umwana wanjye nkunda cyane kandi unyizihira.”

<sup>Jn.1:29</sup> Bukeye bw’aho Yohana abona Yesu aje amusanga, avuga ati: “Dore umwana w’intama w’Imana, ukoraho icyaha cy’isi.

### **Intumwa za mbere-** Mariko 1:16-28

*Iriburiro:* Yesu yari afite imyaka mirongo itatu ubwo yatangiraga umurimo wo kwamamaza inkuru nziza. Yatangiye atoranya intumwa ze.

<sup>16</sup>Ubwo Yesu yanyuraga impande z’inyanja ya Galilaya, abona Simoni na Andereya mwene se bariho baroha inshundura mu nyanja kuko bari abarobyi. <sup>17</sup> Yesu arababwira ati: “Nimuze, munkurikire nzabagira abarobyi b’abantu.” <sup>18</sup>Ako kanya basiga inshundura zabo baramukurikira.

<sup>19</sup> Yigiye imbere gatoya, abona Yakobo mwene Zebedayo na Yohana mwene se, mu bwato bategura inshundura zabo.<sup>20</sup>Ako kanya arabahamagara, basiga se Zebedayo mu bwato baramukurikira.

<sup>21</sup>Bajya i Kaperinawumu, nuko ku isabato, Yesu yinjira mu isinagogi atangira kwigisha.

<sup>22</sup>Abantu batangaririga inyigisho za Yesu, kuko yabigishaga nk’umuntu ufite ububasha, utameze nk’abigishamategeko babo.

<sup>23</sup>Ubwo nyine mu isinagogi yabo hari umuntu wawe n’Umwuka mubi, arataka cyane ati:

<sup>24</sup>“Uradushako aho iki, Yesu w’i Nazareti? Uje kuturimbura? Nzi uwo uri we: Uri intungane y’Imana!”

<sup>25</sup>Yesu arawukangara, ati: “Ceceka kandi uve muri uwo muntu!” <sup>26</sup>Uwo mwuka mubi uramutigisa cyane, umusohokamo uvuza induru. <sup>27</sup>Abantu bose barumirwa bituma babazanya bati: “Ibi ni ibiki? Mbega inyigisho nshya itanganye ububasha! Aranategeka imyuka mibi ikamwumvira.”

<sup>32</sup>Uwo mugoroba, izuba rimaze kurenga, bamuzanira abantu bose bari barwaye, n’abatewe n’abadayimoni. <sup>34</sup>Yakijije benshi bari barwaye indwara zitandukanye, yirukana n’amadayimoni. <sup>39</sup>Yesu yazengurutse Galilaya yose, yigisha mu masinagoga yabo arinako yirukana abadayimoni.

### **Gukiza abaremeye-** Mariko 2: 1-12

*Iriburiro:* Ni iki kigoye kurusha ikindi? Gukiza cyangwa kubabarira?

<sup>2:1</sup>Ubwo Yesu yasubiraga mu muji wa Kaperinawumu, abantu bamenye ko ari imuhira. <sup>2</sup>Abantu benshi barahakorana kuburyo nta mwanya wasigaye mu nzu ndetse n’imbere y’umuryango, nuko abigisha ijamba ry’Imana. <sup>3</sup>Bamuzanira umuntu waremeye ahetswe n’abantu bane. <sup>4</sup>kuko batashoboraga kumugeza kuri Yesu bitewe n’ikivunge cy’abantu, batoboye igisenge hejuru y’aho Yesu yari ari, bamaze kuhaca icyuho, bahururutsa ingobyi uwo muntu uremeye yari aryamyemo. <sup>5</sup>Yesu abonye ukwizera kwabo, aramubwira ati: “Mwana wanjye, ibyaha byawe urabibabariwe.”

<sup>8</sup>Ako kanya Yesu mu mutima we, amenya ibyo batekereza mu mitima yabo niko kubabwira ati: “Kuki mutekereza mutyo? <sup>9</sup>Icyoroshye ni ikihe, ari ukubwira uwaremeye ngo: “Ibyaha byawe urabibabariwe,” cyangwa kuvuga ngo: “Haguruka, fata ingobyi yawe maze utahwe.” <sup>10</sup>None rero kugira ngo mumenye ko umwana w’umuntu afite ububasha ku isi bwo kubabarira ibyaha; Yesu abwira uwaremeye ati: “Ndabikubwiye, Haguruka, ufate ingobyi yawe utahwe.” <sup>12</sup>Nuko uwo mugabo wari wararemeye arahaguruka, afata ingobyi ye nuko atambuka bose bamureba. Bose bagwa mu kantu arinako basingiza Imana, bavuga bati: “Nta narimwe twigeze tubona ibintu nkibi.”

### **Umubibyi Mariko 4: 1-20, 33**

*Iriburiro:* Yesu atangira kwigisha abantu akoresha imigani.

<sup>1</sup>Nanone Yesu atangira kwigishiriza impande y’inyanja. Imbaga yakoraniye iruhande rwe yari nyinshi kuburyo yahisemo kwicara mu bwato, naho abantu baguma imusozo ku nkombe y’inyanja. <sup>2</sup>Yabigishije ibintu byinshi abinyujije mu migani, kandi mu nyigisho ze akagira ati: <sup>3</sup>“Nimwumve! Umuhinzi yavuye iwe ajya kubiba imbuto ze, <sup>4</sup>igihe abiba, zimwe zigwa mu nzira, inyoni ziraza zirazirya. <sup>5</sup>izindi zigwa ku rubuye ntizahasanga ubutaka bwinshi, nuko zimera vuba kuko ubutaka bwari buke. <sup>6</sup>Ariko izuba rivuye, ziruma kuko nta mizi zari zifite. <sup>7</sup>Izindi mbuto zaguye mu mahwa, arakura maze arazipfukirana ntizabasha kwera. <sup>8</sup>Naho izindi zigwa ku butaka bwiza zirakura zera imbuto, imwe ikera mirongo itatu, indi mirongo itandatu, indi inshuro ijana. <sup>9</sup>Nuko Yesu avuga ati: “Ufite amatwi yo kumva niyumve.”

<sup>10</sup>Ubwo yari wenyine, Yesu yabwiye abigishwa be ati: “Mwebweho mwahawe kumenya ubwiru bw’ingoma y’Imana.

<sup>13</sup>“Ntabwo mwumva uyu mugani? <sup>14</sup>Umuhinzi ni ijambo ry’Imana abiba. <sup>15</sup>Abantu bamwe bameze nk’imbuto zaguye ku nzira, aho ijambo ryabibwe. Bamara kuryumva, Satani akaza akabakuramo ijambo ryabibwe mu mitima yabo. <sup>16</sup>Abandi nabo, nk’imbuto zabibwe ku rubuye, bumva ijambo ako kanya bakaryakirana ibyishimo. <sup>17</sup>Ariko kuko nta mizi bagira, bamara igihe gito. Hatera amagorwa cyangwa batotezwa kubera iryo jambo, bagahita bagwa. <sup>18</sup>Abandi nabo, ni nk’imbuto zibibwa mu mahwa, bumva ijambo; <sup>19</sup>ariko imihihibikano y’ubuzima, ibishuko by’ubukungu n’irari ryo kwifuza ibindi bintu, biraza bikaniga ijambo, maze ntirere na gato. <sup>20</sup>Abandi nabo, ni nk’imbuto ziguye ku butaka bwiza, bumva ijambo, bakaryakira, imwe ikera mirongo itatu, indi mirongo itandatu indi inshuro ijana.”

<sup>33</sup>Akoresheje imigani nk’iyo, Yesu yabwiye abantu byinshi bishoboka, mu buryo bashobora kumva.

### **Yesu acubya umuhengeri-** Mariko 4:35-40

*Iriburiro:* Intumwa zishaka kumenya uwo Yesu ari we?

<sup>35</sup>Uwo mugoroba Yesu abwira abagishwa be ati: “Nimureke twambuke tuje hakurya y’inyanja.” <sup>36</sup>Basiga imbaga inyuma, bamutwara mu bwato. <sup>37</sup>Nibwo umuhengeri waje, imivumba yawo irenga ubwato, kuburyo bwari bugiye kubirinduka. <sup>38</sup>Yesu yari mu bwato, asinziriye ku musego. Intumwa zimubyutsa zimubwira ziti: “Mwigisha, ntacyo bikubwiye ko tugiye kurohama?”

<sup>39</sup>Yesu arahaguruka, akangara umuyaga anabwira imivumba ati: “Ceceka!Tuza!” Nuko umuyaga urahosha, ituze riraganza. <sup>40</sup>Abwira intumwa ze ati: “Kuki mufite ubwoba, nta kwizera muragira?” <sup>41</sup>Intumwa ziratinya nuko zirabazanya ziti: “Uyu yaba ari nde wumvirwa n’imiyaga n’inyanja!”

### **Uwahanzweho w’i Gerasa-** Mariko 5: 1-21

*Iriburiro:* iyo abantu bamaze gukira, bakorera Imana.

<sup>5:1</sup>Bajya hakurya y’inyanja, mu gihugu cy’abanyagerasa. <sup>2</sup>Yesu akiva mu bwato, umuntu wari watewe n’umwuka mubi aturuka mu irimbi aza amusanga. <sup>3</sup>Uyu muntu yiberaga mu marimbi, kandi nta muntu wari ugishobora kumuboha, kabone n’iyo yakoresha umunyururu. <sup>4</sup>Kuko kenshi bamubohesheje ingoyi y’amaguru n’iminyururu y’amaboko, maze agaca iminyururu n’ingoyi akayivunagura. Nta wabashaga kumuhosha. <sup>5</sup>Ijoro n’amanywa yahoraga ari mu marimbi no mu misozi avuza induru kandi anishishimuzamubuye.

<sup>6</sup>Ubwo abona Yesu akiri kure, nuko aza yiruka apfukama imbere ye. <sup>7</sup>Maze atera hejuru cyane agira ati: “Ni iki unshakaho, Yesu, mwana w’Imana Isumbabyose? Rahira Imana ko utari buntoteze!” Koko Yesu yari yawubwiye ati: “Va muri uyu muntu, wowe mwuka mubi!”



<sup>9</sup>Nuko Yesu aramubaza ati: “Witwa nde?” Undi aramusubiza ati: “Izina ryanjye ni Ingabo, kuko turi benshi.”

<sup>11</sup>Kuri uwo musozi, hari umukumbi munini w’ingurube zarishaga, nuko ayo madayimoni amwinginga agira ati: “Twohereze mu ngurube; utureke tuzituriemo.” <sup>13</sup>Ayaha uruhushya, nuko imyuka mibi irasohoka ijya mu ngurube. Umukumbi w’ingurube zigera ku bihumbi bibiri, ukonkoboka mu manga, wiroha mu nyanja urarohama.

<sup>14</sup>Nuko abashumba bazo barahunga bajya kubimenyesha abo mu migi no mu byaro, nabo baza kureba ibyabaye.<sup>15</sup>Basanga Yesu, babona na wa muntu wari warahanzweho n’Ingabo z’amadayimoni, yicaye, yambaye, kandi yagaruye ubwenge, nuko bagira ubwoba. <sup>16</sup>Ababyiboneye batekerereza abandi ibyabaye kuri wa mugabo wari wahanzweho ndetse n’ibyabaye ku ngurube. <sup>17</sup>Nuko abantu binginga Yesu ngo abavire mu gihugu.

<sup>18</sup>Ubwo Yesu yari yicaye mu bwato, wa mugabo wari wahanzweho yamusabye kujyana nawe. Maze Yesu aramubwira ati: “Taha usange umuryango wawe, maze uwubwire ibyo Nyagasani yakugiriye byose, n’ukuntu yakugiriye impuhwe. <sup>20</sup>Nuko uwo mugabo aragenda, atangira kwamamaza I Dekapoli ibyo Yesu yamukoreye. Nuko abantu baratangara.

## **Yayiro-** Luka 8:40-56

*Iriburiro:* Umugore asubizwa mu murwa we, n’umwuka w’umwana w’umukobwa ugarurwa.

<sup>40</sup> Yesu ava hakurya y’inyanja, abantu baramwakiriye, kuko bose bari bamutegereje. <sup>41</sup>Nuko haza umutware w’isinagogi witwaga Yayiro, yikubita imbere y’ibirenge bya Yesu, aramwinginga ngo aze iwe; kuko yari afite umukobwa umwe, w’imyaka cumi n’ibiri wari ugiye gupfa.

Ubwo Yesu yajyanaga na Yayiro, abantu benshi baramubyigaga. <sup>43</sup>Haza umugore wari umaze imyaka cumi n’ibiri ava amaraso, kandi nta wigeze ashobora kumukiza, <sup>44</sup>amuturuka inyuma, akora ku ncunda z’igishura cye, ako kanya arekeraho kuva. <sup>45</sup>Nuko Yesu aravuga ati: “Ni nde unkozeho?” Mu gihe bose bahakanaga, Petero avuga ati: “Databuja, abantu baragukikije, kandi barakubyiga!” <sup>46</sup>Ariko Yesu aravuga ati: “Hari umuntu unkozeho, kuko numvise ububasha bumvamo.”

<sup>47</sup>Umugore abonye ko yamenyekanye, aza ahinda umushyitsi, nuko amwikubita imbere, avugira mu ruhame icyatumye amukoraho, n’ukuntu yahise akira. <sup>48</sup>Nuko aramubwira ati: “Mwana wanjye, ukwizera kwawe kuragukijije; genda amahoro.”

<sup>49</sup>Mu gihe akivuga ibyo, haza umuntu uvuye kwa wa mutware w’isinagogi, aramubwira ati: “Umukobwa wawe amaze guca; wikomeza kurushya umwigisha.” <sup>50</sup>Ariko Yesu abyumvise, aramusubiza ati: “Witinya; izere gusa, ubundi arakira.”

<sup>51</sup>Ageze mu rugo, nta wundi yemereye kwinjirana na we uretse Petero, na Yohana na Yakobo, hamwe na se na nyina b’umwana. <sup>52</sup>Abantu barariraga, banamuborogera, ariko Yesu

arababwira ati: “Murekere aho kurira, kuko atapfuye, ahubwo asinziriye.” <sup>53</sup>Nuko batangira kumuseka, kuko bari bazi ko yapfuye. <sup>54</sup>Nyamara Yesu amufata ikiganza, nuko aramuhamagara ati: “Mwana kanguka.” Umukobwa agarura umwuka, ako kanya arahaguruka; Yesu abategeka kumugaburira. <sup>56</sup>Ababyeyi be baratangara; ariko Yesu ababuza kugira uwo baganiriza ibyari bimaze kuba.

### **Nikodemu-** Yohani 3

*Iriburiro:* Yesu atangira guhindura imyumvire y’abafarisayo

<sup>3:1</sup>Mu bafarisayo hari umugabo witwaga Nikodemo, akaba umwe mu bategetsi b’A bayahudi. <sup>2</sup>Aza nijoro asanga Yezu aramubwira ati: “Mwigisha, tuzi ko uri umwigisha waturutse ku Mana. Kuko nta muntu Wabasha gutanga bene ibi bimenyetso bitangaje ukora, atari kumwe n’Imana.”

<sup>3</sup>Yesu aramusubiza ati: “Ni ukuri, ni ukuri, nta muntu ushobora kubona ubwami bw’Imana atavutse ubwa kabiri.

<sup>4</sup>Nikodemo aramubaza ati: “Ni gute umuntu ashobora kuvuka, kandi ashaje? Ntibyashoboka ko yongerera gusubira mu nda ya nyina ngo akunde abyarwe!”

<sup>5</sup>Yesu aramusubiza ati: “Ndakubwira ukuri, nta wabasha kwinjira mu bwami bw’Imana atavutse ku bw’amazi no ku bw’umwuka. <sup>6</sup>Umubiri ubyara umubiri, naho Umwuka ukabyara umwuka. <sup>7</sup>Ntutangazwe n’imvugo yanjye igira iti: “Ugomba kuvuka ubwa kabiri.” <sup>8</sup>Umuyaga uhuha werekeza aho ushaka, uwumva uhuha, nyamara ntumenya aho uhuha uturuka cyangwa werekeza. Nguko uko bimera k’umuntu wese wavutse ku bw’umwuka.”

<sup>9</sup> Nikodemo aramubaza ati: “Ese ibyo bishobora kubaho bite?”

<sup>10</sup>Yesu aravuga ati: “Ukaba umwigisha w’abisirayeli, maze ibyo ntubimenye? <sup>12</sup>Nababwiye iby’isi ntimwemera, muzemera mute nimbabwira iby’ijuru?

<sup>16</sup> “Koko Imana yakunze isi cyane, bigeza aho itanga umwana wayo w’ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. <sup>17</sup>kuko, Imana ntiyohereje umwana wayo mu isi ngo ayicire iteka, ahubwo yagira ngo isi ikire binyujijwe muri we.

### **Umugore ku iriba-** Yohana 4:3-42

*Iriburiro:* Abasamariya babanaga n’abayahudi muri Isirayeli, nyamara ntibashyikiranaga.

<sup>3</sup>Yesu ava muri Yudeya asubira i Galilaya. <sup>4</sup>Yagombaga rero kwambukiranya Samariya, ‘ni n’aho hari iriba rya Yakobo. Yesu yari yananjwe n’urugendo, nuko yicara hasi, hafi y’iryo riba,

mu gihe abigishwa be bari bagiye mu mudugudu kugura umugati. <sup>7</sup>Hari nko ku isaha ya gatandatu, ubwo umusamariyakazi yaje kuvoma amazi, nuko Yesu aramubwira ati: “Ushobora kumpa amazi yo kunywa?” <sup>9</sup>Umusamariyakazi aramubwira ati: “Uri umuyahudi, nkab’umusamariyakazi. Unsaba ute amazi yo kunywa?”(Koko abayahudi ntibashyikiranaga n’abasamariya.)

<sup>10</sup>Yesu aramusubiza ati: “Iyo uzakumenya impano y’Imana, ukamenya n’ugusabye icyo kunywa uwo ari we, wajyaga kumusaba akaguha amazi y’ubugingo.

<sup>11</sup>Umugore aramubwira ati: “Nyakubahwa, nta kintu ufite cyo kuvomesha kandi iriba ni rirerire. Ni hehe wakura ayo mazi atanga ubugingo? <sup>12</sup>Uruta se Umubyeyi wacu Yakobo, waduhaye iri riba nawe akarinyweraho?”

<sup>13</sup>Yesu aramusubiza ati: “Unywa aya mazi wese, azongera agire inyota, <sup>14</sup>ariko unywa amazi ntanga ntazigera inyoti ukundi. Ni koko amazi muha azamubamo isoko idudubiza kugeza mu bugingo bw’iteka.” <sup>15</sup>Umugore aramubwira ati: “Nyakubahwa, mpa ayo mazi kugira ngo ntazagira inyota ukundi, igatuma nguma ngaruka hano kuvoma amazi.”

<sup>16</sup>Yesu aramubwira ati: “Jya guhamagara umugabo wawe, ubundi ugaruke hano.” <sup>17</sup>Aramusubiza ati: “Nta mugabo ngira.” Yesu aramubwira ati: “Uvuze neza ko udafite umugabo, ni koko wagize abagabo batanu, kandi n’uwo muri kumwe ubu si umugabo wawe. Ibyo uvuze ni ukuri.”

<sup>19</sup> Umugore aramubwira ati: “Nyakubahwa, ndabona uri umuhanuzi. <sup>20</sup>Ba sogokuruza bacu basengeraga kuri uyu musozi, ariko mwebwe Abayahudi muvuga ko i Yerusalemu ari ho hantu tugomba gusengera.” <sup>21</sup>Yesu aramubwira ati: “Nyizera, igihe kiregereje ntimube mugisengera Imana Data kuri uyu musozi cyangwa i Yerusalemu.<sup>23</sup>Ndetse isaha yageze, maze abasenga by’ukuri bagasenga Data mu mwuka no mu kuri, kuko abantu nk’abo nibo Data ashaka ko bamusenga. <sup>24</sup>Imana ni umwuka, n’abayisenga bakwiye kuyisenga mu mwuka no mu kuri.”

<sup>25</sup>Umugore aramubwira ati: “Nziko Mesiya (ari we witwa Kristo) agiye kuza. Naza azadusobanurira byose.” <sup>26</sup>Nuko Yesu aramusubiza ati: Ni jye uvugana nawe.” <sup>27</sup>Abigishwa ba Yesu baba bavuye mu mugari aho bari bagiye kugura ibyo kuryo, nuko batangazwa no kumusanga avugisha uwo mugore.

<sup>28</sup>Nuko umugore asiga ikibindi cye aho asubira mu mugari, abwira abantu ati: <sup>29</sup>“Nimuze murebe umugabo wambwiye ibyo nakoze byose. Ese yaba ari we Kristo?”

<sup>30</sup>Bava mu mujyi, baza bamusanga. <sup>39</sup>Abanyasamariya benshi bo muri uwo mugari bamweye ku bw’ubuhamba bw’uwo musamariyakazi bugira buti: “Yambwiye ibyo nakoze byose.”

<sup>40</sup>Abanyasamariya bamusanze baramwinginga ngo agumane na bo, nuko agumaho iminsi ibiri. Ku bw’amagambo Yesu yababwiraga abantu benshi baremeye. <sup>42</sup>Babwira umugore bati: “Ntitucyemezwa gusa n’ibyo watubwiye; noneho twabyiyumviye, twamenye ko uyu muntu ari we Mucunguzi w’isi koko.”

## **Umusamariya mwiza-** Luka 10:25-37

*Iriburiro:* Ni ibiki Yesu yibandaho muri iyi nkuru?

<sup>25</sup>Umunsi umwe umuhanga mu mategeko y'Abayahudi, yarahagurutse abaza Yesu amwinja ati: "Mwigisha, ni iki nkwiye gukora kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho?" <sup>26</sup>Yesu aramusubiza ati: "Mu mategeko handitsemo iki? Usumamo iki?"

<sup>27</sup>Uwo muhanga arasubiza ati: "Kunda Nyagasani Imana yawe n'umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose; kandi ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda."

<sup>28</sup>Yesu aramusubiza ati: "Ushubije neza, ubigenze utyo, uzabona ubugingo."

<sup>29</sup>Nyamara we, kugira ngo yikure mu isoni, abaza Yesu ati: "Mugenzi wanjye ni nde?"

<sup>30</sup>Yesu amusubiza agira ati: "Umuntu yamanutse i Yerusalemu aya i Yeriko, agwa mu gico cy'abajura. Bamwambura imyenda ye, baramukubita, bamusiga ari intere. <sup>31</sup>Umutambyi w'Umuyahudi amanuka muri iyo nzira, amubonye yinyurira ku rundi ruhande rw'inzira. N'Umulewi ahageze nawe, abigenza atyo nuko arihitira. <sup>33</sup>Ariko Umusamariya wari mu rugendo aza aho uwo mugabo yari ari; amukubise amaso, amugirira impuhwe. <sup>34</sup>Aramwegera, amupfuka ibikomere amaze kubyomoza amavuta na vino. Nuko amuheka ku ndogobe ye, amujyana ku icumbi, amwitaho. <sup>35</sup>Bukeye afata amadenari abiri, ayaha nyir'icumbi, aramubwira ati: "Umwiteho, maze ibindi uzamutangaho nzabikwishyura ngarutse."<sup>36</sup>Ni nde muri abo batatu mugenzi w'uwiguye mu gico cy'abajura?"

<sup>37</sup>Wa mwigishamategeko arasubiza ati: "Ni uwamugiriye impuhwe." Yesu aramubwira ati: "Genda, ugenza utyo."

## **Umuntu wamugaye ikiganza-** Matayo 12:1-14; Mariko2:27

*Iriburiro:* Abafarisayo bafite kibazo ki?

<sup>1</sup>Hari ku isabato, ubwo Yesu yanyuraga mu mirima y'ingano, kuko abigishwa be bari bashonje, batangira kumamfuzza ingano, barazirya. <sup>2</sup>Abafarisayo babibonye, baramubwira bati: "Dore re! Abigishwa bawe barakora ibyabujijwe ku isabato!" <sup>7</sup>Yesu arabasubiza ati: "Iyo musobanukirwa n'aya magambo, "Icyo nshaka ni impuhwe kurusha ibitambo", ntimuba mwarahamije icyaha abaziranenge. <sup>Mk.2:27</sup>Isabato yahangiwe umuntu, ntabwo ari umuntu wahangiwe isabato."

<sup>9</sup>Nuko Yesu aya mu isinagogi yabo, abona umugabo wari ufite ikiganza kiremeye. Babaza Yesu bagira ngo babone icyo bamurega bati: "Ese biremewe gukiza umuntu ku muni w'isabato?"

<sup>11</sup>Nuko arababwira ati: "Ni nde muri mwe wagira intama imwe, yagwa mu mwobo ku muni w'isabato ntajye kuyikuramo? <sup>12</sup>Mbese umuntu ntarusha intama agacaciro! Nuko rero, biremewe kugira neze ku muni w'isabato."

<sup>13</sup>Nuko abwira uwo mugabo ati: “Rambura ikiganza cyawe.” Arakirambura, kimera neza, kiba kizima nk’ikindi. <sup>14</sup>Nibwo Abafarisayo basohotse baja gutegura uko bakwica Yesu.

### **Uburyarya bw’Abafarisayo- Matayo 15: 1-20**

*Iriburiro:* Yesu yakuriye mu Bafarisayo. Arabazi neza.

<sup>1</sup>Abafarisayo n’abigishamategeko basanga Yesu bavuye i Yerusalemu ni ko kumubaza bati: <sup>2</sup>“Kuki abigishwa bawe bica umuco w’abakurambere? Ntibakaraba intoki mbere yo gufungura!” <sup>3</sup>Yesu arabasubiza ati: “Mwebwe se, kuki mwica itegeko ry’Imana mubikurije k’umuco wanyu?” <sup>4</sup>Imana yaravuze iti: ‘Jya wubaha so na nyoko.’<sup>5</sup>Mwebweho muvuga ko umuntu ubwira se na nyina ati: ‘Ubufasha bwose nari kuzabaha, nabutuye Imana,’ aba atagitegetswe kubaha se. bityo mukaba mukuyeho ijamba ry’Imana mukurikije umuco wanyu. <sup>7</sup>Mwa ndyarya mwe! Yesaya yavuze ukuri ubwo yabahanuyeho agira ati: <sup>8</sup> “Aba bantu banyubahisha iminwa, naho imitima yabo indi kure. <sup>9</sup>Bansengera ubusa; inyigisho zabo ni amategeko yigishwa n’abantu.”

<sup>10</sup>Yesu ahamagara rubanda, ni ko kubabwira ati: “Nimwumve kandi musobanukirwe. <sup>11</sup>Ikijya mu kanwa si cyo ‘gihumanya’ umuntu, ahubwo ikiva mu kanwa ni cyo ‘gihumanya umuntu.’”

<sup>12</sup>Nuko abigishwa be baramusanga, <sup>15</sup>maze Petero aramubaza ati: “Dusobanurire uwo mugani.”

<sup>16</sup> Yesu arababaza ati: “Na nubu ntimurasobanukirwa? <sup>17</sup>Ntimubona ko ikinjiye mu kanwa, kijya mu nda ubundi kikajya hanze y’umubiri? <sup>18</sup>Nyamara ibisohoka mu kanwa biba biva mu mutima, akaba ari na byo ‘bimuhumanya’. <sup>19</sup>Koko rero, mu mutima ni ho haturuka ibitekerezo bibi, kwica, ubusambanyi, ubuhehesi, ubujura, ububeshyi, n’ubutukanyi. <sup>20</sup>Ngibyo ibituma umuntu ‘ahumana’; naho kurya udakarabye si byo ‘bihumanya’ umuntu.”

### **Ukugaburira 4000- Matayo 15: 29-38**

*Iriburiro:* Yesu yerekana urukundo rw’Imana, ahaza abantu mu buryo butangaje.

<sup>29</sup>Yesu ajya ku nkombe y’inyanja ya Galilaya, nuko aterera umusozi. <sup>30</sup>Abantu benshi baramusanga, bazanye abacumbagira, abamugaye, abahumye, abatavuga n’abandi benshi, babamushyira imbere, arabakiza. <sup>31</sup>Nuko rubanda baratangara babonye abatavuga bavuze, abamugaye bakize, abacumbagira bagenda, n’abari bahumye babona; basingiza Imana ya Isirayeli.

<sup>32</sup>Yesu ahamagara abigishwa be, arababwira ati: “Aba bantu mbafitiye impuhwe, kuko hashize iminsi itatu turi kumwe, kandi ntibafite ibyo barya; sinshaka kubasezerera batariye, hato isari itabatsinda ku nzira.

<sup>33</sup>Abigishwa babwira Yesu bati: “Ni he muri ubu butayu, dushobora gukura imigati yahaza abantu bangana batya?” <sup>34</sup>Yesu arababwira ati: “Mufite imigati ingahe?” Baramubwira bati:

“Irindwi n’udufi dukeya.” <sup>35</sup>Yesu ategeka abantu kwicara hasi. <sup>36</sup>Afata ya migati irindwi n’amafi; ashima Imana, arayimanyura ayiha abigishwa nuko bayiha rubanda. <sup>37</sup>Bose barariye barahaga, bakoranya ibisate byasigaye byuzura inkangara ndwi. <sup>38</sup>Abariye bose bari ibihumbi bine, hatabariwemo abagore n’abana. <sup>39</sup>Amaze kubasezerera, ajya mu bwato, berekeza i Madagani.

## **Umwana w’ikirara-** Luka 15:11-32

*Iriburiro:* Yesu yabwiye uyu mugani abafarisayo n’abigishamategeko.

<sup>11</sup>“Umugabo yari afite abahungu babiri. <sup>12</sup>Umuto abwira se ati: ‘Data, mpa umunani ungenewe.’ Nuko se abagabanya umutungo we. <sup>13</sup>Hashize iminsi mike, umuto akoranya ibye, ajya mu gihugu cya kure, nuko arabihatagaguriza yibera mu maraha. <sup>14</sup>Abimaze byose, inzara ikaze itera mu gihugu cyose, nuko atangira gukena. <sup>15</sup>Nibwo agiye gusaba akazi umuturage w’icyo gihugu, nuko amwohereza kuragira ingurube mu isambu ye. <sup>16</sup>Yifuzaga kuba yahemburwa n’ibishishwa ingurube zaryaga, ariko ntihagire ubimuha.

<sup>17</sup> “Agaruye ubwenge, aribwira ati: ‘Nyamara se kwa data hari abagaragu bangana iki barya bakanabisigaza, naho jye nicirwa n’inzara hano! <sup>18</sup> Nzahaguruka maze nsubire kwa data mubwire nti: Data, nacumuye ku Yo mu ijuru no kuri wowe. <sup>19</sup>Singikwiriye kwitwa umwana wawe; none ngira nk’umwe mu bagaragu bawe.’ <sup>20</sup>Nuko arahaguruka ajya kwa se. Akiri kure, se aramurabukwa, yumva impuhwe ziramusabye, arirukanka aramuhobera, aramusoma.

<sup>21</sup>Uwo mwana aramubwira ati: “Data, nacumuye ku Yo mu ijuru no kuri wowe. Sinkikwiriye kwitwa umwana wawe.” <sup>22</sup>Naho se abwira abagaragu be ati: ‘Mwihute vuba! Muzane ikanzu iruta izindi ubwiza, muyimwambike. Mumwambike n’impeta ku rutoki, n’inkweto mu birenge. <sup>23</sup>Mureke dukore umunsi mukuru kandi twizihirwe. <sup>24</sup>Kuko uyu mwana wanjye yari yarapfuye none yazutse; yari yarazimiye none yatahutse.’ Nuko batangira kwishima.”

<sup>25</sup>Icyo gihe umwana we w’imfura yari mu murima. Arahinguka, ageze hafi y’urugo, yumva baririmba, banabyina. <sup>26</sup>Nuko ahamagara umwe mu bagaragu amubaza ibyo ari byo. <sup>27</sup>Aramusubiza ati: “ Murumuna wawe yatahutse, none so yamubagiye ikimasa cy’umushishe kuko yamugarukiye ari mutaraga.

<sup>28</sup>Aherako ararakara, yanga no kwinjira. Nuko se arasohoka, aramwinginga. <sup>29</sup>Ariko amusubiza agira ati: “Iyi myaka yose maze ngukorera, nta narimwe narenze ku mategeko yawe. Nyamara ntiwigeze umpa n’agahene ngo nishimane n’inshuti zanjye. <sup>30</sup> None uwo muhungu wawe wamariye umutungo wawe mu ndaya, aratahaye aba ari we ubagira ikimasa cy’umushishe!”

<sup>31</sup> se aramubwira ati: “Mwana wanjye, wowe iteka tuba turi kumwe, kandi ibyanjye byose ni ibyawewe. <sup>32</sup>Ariko byari ngombwa ko twishima tukanezerwa, kuko murumuna wawe yari yarapfuye none yazutse; yari yarazimiye none yatahutse.”

**Uri kristo-** Matayo 16: 13-28

*Iriburiro:* iyi nkuru yabaye amezi atandatu mbere y'urupfu rwa Yesu.

<sup>13</sup>Yesu ageze mu gihugu cya Kayisariya ya Filipino, abaza abigishwa be ati: "Abantu bavuga ko ndi nde?" <sup>14</sup>Abigishwa baramusubiza bati: "Bamwe bavuga ko uri Yohana Umubatiza; abandi ko uri Eliya, abandi nabo ngo uri Yereimiya, cyangwa umwe mu bahanuzi." <sup>15</sup>Yesu arababaza ati: "Mwebwe se muvuga ko ndi nde?" <sup>16</sup>Simoni Petero aramusubiza ati: "Uri kristo, umwana w'Imana Nzima."

<sup>17</sup>Yesu aramusubiza ati: "Urahirwa, Simoni mwene Yona, kuko ibi utabihishuriwe n'umuntu ahubwo ni Data uri mu ijuru. <sup>18</sup>Nanjye nkubwiye ko uri Urutare, kandi kuri urwo rutare nzubakaho itorero ryanjye, amarembo y'ikuzimu ntazaritsinda. <sup>19</sup>Nzaguha imfunguzo z'ubwami bwo mu ijuru, icyo uzaba waboshye ku isi, kizabohwa no mu ijuru, n'icyo uzaba wabohoye ku isi, kizabohorwa no mu ijuru." <sup>20</sup>Nuko yihanangiriza abigishwa be kutagira uwo babwira ko ari we Kristo.

<sup>21</sup>kuva icyo gihe, Yesu atangira gusobanurira abigishwa be ko agomba kujya i Yerusalemu kuhababarizwa cyane n'abakuru b'imiryango, n'abatambyi, n'abigishamategeko, akicwa kandi akazazuka ku munsu wa gatatu. <sup>22</sup>Petero aramwihugikana, aramutonganya avuga ati: "Biragatsindwa Nyagasani! Ibyo ntibizigera bikubaho!" <sup>23</sup>Yesu ahindukirana Petero aramubwira ati: "Jya inyuma yanjye Satani! Umbereye igitsitaza; ibyo utekereje ntibiva ku Mana ahubwo ku bantu.

<sup>24</sup>Nuko Yesu abwira abigishwa be ati: "Niba hari ushaka kunkurikira, aje yiyibagirwa ubwe, aheke umusaraba we maze ankurikire. <sup>25</sup>kuko uzashaka gukiza ubugingo bwe azabubura, naho uzabuhara ari jye agirira, azabukiza. <sup>26</sup>Byamarira iki umuntu gutunga iby'isi yose, ariko akabura ubugingo bwe?"

**Lazaro n'umukungu-** Luka 16:13-31

*Iriburiro:* Yesu yavuze iyi nkuru ubwo yaganirizaga abakunzi b'amafaranga.

<sup>13</sup>Yesu aravuga ati: "Nta mugaragu ucyeye ba shebuja babiri. Azanga umwe akundi undi, cyangwa azibanda kuri umwe asuzugure undi. Ntimushobora gukorera Imana n'amafaranga.

<sup>14</sup>Abafarisayo, bikundiraga amafaranga, babyumvise baramukwena. <sup>15</sup>Arababwira ati: "Ni mwe mwigira intungane mu maso y'abantu, ariko Imana imenya ibiri mu mitima yanyu. Icyo abantu baha agaciro cyane, ni cyo kiba kigayitse mu maso y'Imana.

<sup>19</sup>"Habayeho umugabo w'umukungu wambaraga imyambaro myiza y'umuhemba n'iy'imyeru, iminsi yose agahora adamaraye. <sup>20</sup>Ku irembo rye, harambararaga umusabirizi witwaga Lazaro, yari yaramazwe n'ibisebe, agahora yifuza kurya ibyagwaga hasi bivuye ku meza y'uwo mukungu. Imbwa zarazaga zikarigata ibisebe bye.

<sup>22</sup> “Igihe cyarageze, uwo mukene arapfa, abamarayika bamushyikiriza Aburahamu. N’uwo mukungu nawe yarapfuye baramuhamba. <sup>23</sup>Ikuzimu, ahageze arababara cyane, yubuye amaso nuko abonera kure Aburahamu arikumwe na Lazaro. <sup>24</sup>Nuko atera hejuru ati: ‘Mubyeyi Aburahamu, mbabarira woherewe Lazaro, akoze umutwe w’urutoki rwe mu mazi, maze ambobeze ururimi, kuko nazahajwe n’umuriro.’

<sup>25</sup> “Ariko Aburahamu aramusubiza ati: ‘Mwana wanjye, ibuka ko wahawe ibyiza byawe ukiriho, Lazaro we yahawe ibibi, none aguwe neza wowe urababazwa. <sup>26</sup>Uretse n’ibyo, hagati yacu namwe hari umworera munini washyizweho, kugira ngo abashaka kuva aha baza aho ntibabishobore, namwe kandi ntimushobore kuva aho muri ngo mudusange.’

<sup>27</sup>Aramusubiza ati: ‘Ndakwinginze Mubyeyi, ohereza Lazaro kwa data, <sup>28</sup>Kuko mfite bene data batanu. Mureke ababurire, hato na bo batazaza aha hantu h’ububabare.’ <sup>29</sup>Aburahamu aramusubiza ati: ‘Bafite Mose n’Abahanuzi, nibabumvire.’ <sup>30</sup>Umukungu aramubwira ati: ‘Oya mubyeyi Aburahamu, ahubwo umwe mu bapfuye nabasanga, bazihana.’

<sup>31</sup> “Aburahamu aramubwira ati: ‘Nibatumvira Mose n’Abahanuzi, ntibakwemera n’aho hagira uzuka mu bapfuye.’

### **Imbabazi-** Matayo 18: 15-35

*Iriburiro:* Yesu yigisha abigishwa be kubabarire.

<sup>15</sup>Yesu aravuga ati: “Niba mwene so acumuye. Genda umwereke amakosa ye mwiherereye, nakumva, uzaba umukijije. <sup>16</sup>Natakumva, uzashake undi muntu umwe cyangwa babiri, kugira ngo IJAMBO RYOSE RIBE IHAME MU KANWA K’ABAGABO BABIRI CYANGWA BATATU.

<sup>17</sup> “Niba yanze kubumvira, mubibwire itorero; niyanga kumvira itorero, azakubeho nk’umupagani cyangwa umusoresha.

<sup>21</sup>Nuko Petero araza aramubwira ati: “Nyagasani, mwene data nancumuraho, nzamubabarire kangahe? Nzageze ku ncuro ndwi?” <sup>22</sup>Yesu aramubwira ati: “Sinkubwiye kugeza kuri karindwi, ahubwo kuri mirongo irindwi karindwi.

<sup>23</sup> “Ubwami bwo mu ijuru bwagereranywa nk’umwami washatse ko abagaragu be bamumurikira ibintu bye.

<sup>24</sup>Umugaragu umwe yari amurimo amatalenti ibihumbi icumi. <sup>25</sup> “Ariko uwo mugaragu nta bushobozi yari afite bwo kuriha umwenda we, shebuja ategeka ko bamugurisha, we n’umugore we n’abana be, n’ibye byose, bityo umwenda ushire. <sup>26</sup> “Nuko umugaragu aramupfukamira agira ati: “Nyahanganira, nzakwishyura byose.” <sup>27</sup>Nuko shebuja amugirira impuhwe aramubabarira.

<sup>28</sup> “Ariko uwo mugaragu arasohoka asanga umugaragu mugenzi we wari umurimo amadenari ijana; nuko aramufata atangira kumuniga, agira ati: “Ishyura ibyo undimo byose.” <sup>29</sup>Nuko mugenzi we amupfukama imbere, aramwinginga ati: “Nyahanganira, nzakwishyura.” <sup>30</sup>Ariko



ntiyakunda nuko amuroha mu nzu y'imbohe kugeza aho azamarira kwishyura umwenda.  
<sup>31</sup>Abagaragu bagenzi be babibonye, barababara cyane, nuko ibyabaye byose babibwira shebuja.

<sup>32</sup> "Nuko shebuja atumiza wa mugaragu, aramubwira ati: 'Wa mugaragu mubi we, nakurekeye umwenda wawe wose kuko wanyinginze. <sup>33</sup>Wowe se ntiwagombaga kugirira mugenzi wawe impuhwe nkuko nazikugiriye?' <sup>34</sup>Nuko shebuja ararakara, amugabiza abamubabaza kugeza aho azamarira kwishyura umwenda we wose. <sup>35</sup>Nguko uko Data wo mu ijuru azabagirira, niba buri wese atababariye mwene se abikuye ku mutima."

### **Abafarisayo n'abasoresha-** Luka 18: 9-14

<sup>9</sup>Yesu yaciriye uyu mugani abantu bamwe bibwiraga ko ari intungane, bagasuzugura abandi:  
<sup>10</sup>"Abagabo babiri bazamutse bajya ku rusengero gusenga, umwe yari umufarisayo undi ari umusoresha. <sup>11</sup>Umufarisayo aremarara, asengera mu mutima we avuga ati: 'Mana, ndagushimira ko ntameze nk'abandi bantu, b'ibisambo, b'abehumu, b'abasambanyi, cyangwa se nk'uyu musoresha. Niyiriza kabiri mu cyumweru; ngatanga icyacumi cy'ibyonyonyo ntunze byose.'

<sup>13</sup>Umusoresha we, yihagararira kure, atinya no kubura amaso ngo ayerekeze hejuru, maze yikomangaga mu gituzo avuga ati: 'Mana, mbabarira jyewe w'umunyabyaha!'

<sup>14</sup>Nuko Yesu aravugaga ati: "Ndabibabwiye, uwo musoresha yasubiye iwe atunganye kurusha umufarisayo; kuko uwikuzwa wese azacishwa bugufi, naho uwicishwa bugufi azakuzwa."

### **Zakayo-** Luka 19:1-11

*Iriburiro:* umuntu waje kumenya Imana nuko asubizwa mu muryango.

<sup>19:1</sup> Yesu ageze i Yeriko, hari umugabo witwaga Zakayo, yari umutware w'abasoresha, kandi akaba umukungu. <sup>3</sup>Zakayo yifuzaga kubona Yesu ariko hari abantu benshi kandi akaba mugufi cyane. <sup>4</sup>Nuko Zakayo ariruka abacaho, yurira igiti cy'umuvumu kugira ngo arebe Yesu.

<sup>5</sup> Yesu yegereye igiti, areba hejuru abona Zakayo, aramubwira ati: "Zakayo, ururuka vuba, kuko uyu muni ndarara iwawe." <sup>6</sup>Nuko Zakayo aramanuka, yakira Yesu n'umunezero. <sup>7</sup>Ariko abantu babibonye, bose barijijuta, baravugaga bati: "Agiye gucumbika ku munyabyaha."

<sup>8</sup>Nuko Zakayo arahagarara, aravugaga ati: "Nyagasani, kimwe cya kabiri cy'ibyonyonyo ntunze mbihaye abakene; niba kandi hari icyo natwaye umuntu muhuguje, ndakimusubiza nkubye kane."

<sup>9</sup>Nuko Yesu aravugaga ati: "Uyu muni agakiza kaje muri iyi nzu, kuko uyu na we ari umwana w'Aburahamu; <sup>10</sup>Koko rero, Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no kurokora icyazimiye."

### **Kwinjira nk'uwatsinze-** Luka 19:29-40; 45-48/Johana 12:15

<sup>29</sup>Yesu agiye kugera i Yerusalemu, hafi y'umudugudu w'i Betaniya, yohereza abigishwa be babiri ababwira ati: "Nimujye mu ngo ziri imbere, nimwinjira, murahasanga icyana cy'indogobe kiziritse, kitigeze kigira uwo giheka. Mukiziture, mukizane. <sup>31</sup>Nihagira ubabaza ati: 'kuki mukizituye?' mumubwire muti: 'Nyagasani aragikeneye.' <sup>32</sup>Nuko abo bigishwa babiri baragenda basanga bimeze uko Yesu yabibabwiye. <sup>33</sup>Bakirimo kukizitura banyiracyo barababaza bati: "Kuki mukizitura?" <sup>34</sup>Barabasubiza bati: "Nyagasani aragikeneye."

<sup>35</sup>Nuko bazanira Yesu icyo cyana cy'indogobe, bakigerekaho ibishura byabo, maze Yesu acyicaraho. <sup>36</sup>Benshi barambura imyambaro yabo mu nzira, abandi bahakwiza amashami bari bakimara gutema mu mirima. <sup>37</sup>Ageze hafi y'ahamanuka ku musozi w'Imizeti, imbaga y'abigishwa itangira guhimbaza Imana n'ibyishimo mu majwi aranguruye kubera ibitangaza bari babonye, nuko batera hejuru bati:

<sup>38</sup>"Hahirwa umwami uje mu izina rya NYAGASANI!

Amahoro mu ijuru, n'ikuzo mu bushorishori bwaryo!

Kuko haranditse ngo: "Dore umwami wawe araje, yitonze kandi yicaye ku cyana cy'indogobe." <sup>Yn.12:15</sup>

<sup>39</sup>Bamwe mu bafarisayi bari muri iyo mbaga babwira Yesu bati: "Mwigisha, cyaha abigishwa bawe!"

<sup>40</sup>Yesu arabasubiza ati: "Ndabibabwiye, niyo baceceka, amabuye yo yarangurura."

<sup>45</sup>Hanyuma Yesu yinjira mu Ngoro y'Imana, atangira kuyirukanamo abaguraga n'abacuruzaga, anagwisha ameza y'abagurana amafaranga. Arababwira ati: <sup>46</sup> "Inzu yanjye izaba iyo amahanga yose asengeramo, none mwayigize indiri y'abajura."

<sup>47</sup>Nuko buri munsu Yesu yigishirizaga mu Ngoro. Ariko abatambyi bakuru, n'abigishamategeko, n'abakuru b'Abayahudi hagati yabo bakagerageza kumwica. <sup>48</sup>Nyamara ntibabone aho bahera kuko abantu bari bateze amatwi bumva amagambo ya Yesu.

### **Mariya asiga amavuta Yesu-** Yohana 12/Matayo 26:13

*Iriburiro:* Yesu yari inshuti n'umuryango wo kwa Mariya na Marita na musaza wabo Lazaro yazuye mu bapfuye.

<sup>1</sup>Hasigaye iminsi itandatu Pasika ikaba, Yesu agaruka i Betaniya aho Lazaro yari yarazuye mu bapfuye yabaga. Nuko bamuzimanira ibya nimugoroba, Marita niwe waherezaga, Lazaro we

yari mu basangiraga na we. <sup>3</sup>Nuko Mariya areba incuro y'amavuta y'umubavu uhenze, ayasiga ku birenge bya Yesu, amuhanaguza ibirenge n'imisatsi ye; maze umubavu utama mu nzu yose.

<sup>4</sup>Ni bwo Yuda Isikariyoti, umwe mu bigishwa be, wateguraga kumugambanira, avuze ati: "Kuki uyu mubavu utagurishijwe amadenari Magana atatu, ngo ahabwe abakene?"

<sup>6</sup>Ibyo ariko ntiyabivugiraga ko yari ababajwe n'abakene, ahubwo ni uko yari umujura, n'ubundi ni we wari umubitsi, akajya yiha ibyo bamubikije. <sup>7</sup>Yesu aramubwira ati: "Mureke uyu mugore, uyu mubavu yawubikiye umunsi nzashyingurwa. <sup>8</sup>Abakene muzabahorana ariko jye ntimuzamporana. <sup>Mt.26:13</sup>Ndababwira ukuri, aho iyi nkuru nziza izigishirizwa mu isi yose, ibyo uyu mugore ankoreye bizavugwa, bamwibuke."

### **Igaburo rya nyuma-** Matayo 26:14-35 Yohani 14: 1-6; 15

*Iriburiro:* Yesu aragambanirwa, ariko asangira n'abigishwa be igaburo ry'umugoroba rya nyuma.

<sup>14</sup>Nuko umwe muri ba bigishwa cumi na babiri witwaga Yuda Isikariyoti, asanga abatambyi bakuru arababaza ati: "Murampa iki nimbagabiza Yesu?" Nuko bamubarira ibiceri mirongo itatu bya feza. <sup>16</sup>Kuva ubwo atangira gushaka uburyo buboneye bwo kumutanga.

<sup>17</sup>Ku mugoroba w'umunsi mukuru wo kurya imitsima idasembuye, Yesu yari yicaranye n'aba Cumi na babiri. <sup>21</sup>Mu gihe bafunguraga, arababwira ati: "Ndababwira ukuri, umwe muri mwe arangambanira." <sup>22</sup>Bose barababara cyane, batangira kumubaza umwe umwe bati: "Mbese yaba ari jye, Nyagasani?" Yesu arabasubiza ati: <sup>23</sup>"Uwo twahuriye intoki mu mbehe agiye kungambanira. <sup>24</sup>Byari kumubera byiza kurushaho iyo aza kuba ataravutse. <sup>25</sup>"Nuko Yuda, uwo wari kumugambanira, aravuga ati: "Ntabwo yaba ari jye, Mwigisha?" Yesu aramusubiza ati: "Yego, ni wowe." Nuko Yuda akimara kurya umugati, ahita asohoka.

<sup>26</sup>Abigishwa bagifungura, Yesu afata umugati, arashimira, arawumanyura nuko awuhereza abigishwa be avuga ati: "Nimwakire murye, uyu ni umubiri wanjye." Ibi mujye mubikora bibe urwibutso rwanjye. <sup>27</sup>Afata n'inkongoro, arashima arayibahereza, avuga ati: "Nimunyweho mwese. <sup>28</sup>Aya ni amaraso yanjye ay'isezerano, agiye kumenerwa benshi ngo bababarirwe ibyaha.

<sup>Jn. 14:1</sup> "Ntimugakuke umutima; mwemera Imana, nanjye munyemere. <sup>2</sup>Mu rugo rwa Data hari amazu menshi; iyo bitaba ibyo, mba narabibabwiye. Ngiye kubategurira ahanyu. <sup>3</sup>Kandi ubwo ngiye kubategurira umwanya wanyu, nzagaruka mbajyane hamwe nanjye, kugira ngo aho ndi, namwe abe ari ho muba. <sup>4</sup>Kandi aho ngiye murahazi n'inzira murayizi." <sup>5</sup>Toma aramubwira ati: "Nyagasani, ntituzi aho ugiye, ubwo twamenya gute inzira?" <sup>6</sup>Yesu aramubwira ati: "Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo. Nta we ugera kwa Data atanyuzeho."

<sup>15:5</sup> "Ni jye muzabibu; mukaba amashami. Uguma muri jye nanjye nkamuguma mo, azera imbuto nyinshi; tutari kumwe ntacyo mwashobora. <sup>12</sup>Ngiri itegeko ryanjye: nimukundane

nk'uko nanjye nabakunze. <sup>13</sup>Nta wagira urukundo ruruta urw'uhara ubuzima bwe kubera incuti ze. <sup>16</sup>Si mwe mwantoye, ahubwo ni jye wabatoye, maze mbashyiraho kugira ngo mugende mwere imbuto, kandi imbuto yanyu igumeho, bityo icyo muzasaba Data mu izina Ryange azakibahe.

<sup>30</sup>Bamaze kuririmba, barasohoka bagana ku musozi w'Imizeti. <sup>31</sup>Nuko Yesu arababwira ati: "Iri joro, ibyanjye biratuma muhungabana, kuko handitse ngo: "Nzakubita umwungeri, maze umukumbi w'intama utatane."

<sup>31</sup>Petero aramusubiza ati: "Niyo abandi bose ibyawe byabagusha, jyewe sinteze kugwa."<sup>34</sup>Yesu aramusubiza ati: "Ndakubwira ukuri, iri joro, mbere y'uko isake ibika, uranyihakana gatatu."<sup>35</sup>Ariko Petero aramwerurira ati: "N'aho nagomba gupfana nawe, sinzakwihakana." N'abandi bigishwa bavuga batyo.

### **Urubanza-** Luka 22: 40-71

<sup>40</sup>Yesu n'abigishwa be bageze ku musozi w'Imizeti, arababwira ati: "Musenge mutagwa mu bishuko." <sup>41</sup>Arabitarura umwanya ureshya n'aho umuntu yatera ibuye, arapfukama asenga agira ati: "Data, nubishaka undenze iki gikombe, ariko bye kuba uko mbishaka ahubwo bibe uko ubishaka." <sup>43</sup>Umumarayika ava mu ijuru aramubonekera, aramukomeza. <sup>44</sup>Kuko yarafite agahinda kenshi, arushaho gusenga, n'ibyuya bye byari bimeze nk'ibitonyanga by'amaraso bigwa ku butaka.

<sup>45</sup>Yesu amaze gusenga arahaguruka ajya ku bigishwa be, asanga basinzirijwe n'agahinda. <sup>46</sup>Arababaza ati: "Kuki musinziriye? Muhaguruke maze musenge, hatu mutagwa mu bishuko." <sup>47</sup>Akivuga ibyo, hatunguka igitero cy'abantu babanjirijwe n'uwitwa Yuda, umwe mu ba Cumi na babiri. Yegera Yesu kumusoma, ariko Yesu aramubaza ati: "Yuda, uragambanira umwana w'umuntu umusoma?"

<sup>49</sup>Abari kumwe na Yesu babonye ibigiye kuba, baravuga bati: "Nyagasani, turwanishe inkota?" <sup>50</sup>Nuko umwe muri bo, ayikubita umugaragu w'umutambyi mukuru, amuca ugutwi. <sup>51</sup>Ariko Yesu aramusubiza ati: "Nimusigeho!" Aherako amukora ku gutwi aramukiza.

<sup>52</sup>Hanyuma Yesu abwira abatware b'abatambyi, abakuru b'abasirikare barinda Ingoro, n'abakuru b'imiryango bari baje kumutwara, ati: "Hari ubwo nyoboye agatsiko k'ibisambo, ko munteye mufite inkota n'ibibando?" <sup>53</sup>Buri munsu nari kumwe namwe mu Ngoro, nyamara ntimwagira icyo munkoraho. Ariko ubu ni igihe cyanyu aho umwijima uyoboje. <sup>54</sup>Yesu baramufata, abarinzi b'Ingoro n'abakuru b'imiryango baramushorera bamujyana ku nzu y'umutambyi mukuru.

Petero arabakurikira barenga ahinguka. <sup>55</sup>Ariko bamaze gucana umuriro hagati mu gikari, baricara, Petero yicarana nabo. <sup>56</sup>Umuja aramubona yicaye ku ikome. Aramwitegereza, aramubwira ati: "Uyu mugabo yari kumwe na we." <sup>57</sup>Ariko arihakana agira ati: "Wa mugore we, simuzi."

<sup>58</sup>Nyuma undi muntu amubonye aramubwira ati: “Nawe uri umwe muri bo.” Petero aramusubiza ati: “Wa mugabo we, sindi we.

<sup>59</sup>Nyuma y’isaha, undi muntu arahamya ati: “Ni ukuri: uyu muntu yari kumwe na we, kuko ni Umunyagalilaya!” <sup>60</sup>Petero aramusubiza ati: “Wa mugabo we, sinzi ibyo uvuga!” Akivuga, isake iba irabitse. <sup>61</sup>Nuko Nyagasani arahindukira areba Petero. Petero aba yibutsa ijambo Nyagasani yari yamubwiye ati: “Mbere yuko isake ibika, uraba unyihakanye gatatu.” <sup>62</sup>Nuko Petero ajya hanze, ararira cyane.

<sup>66</sup>Bumaze gucya, inama y’abakuru b’umuryango n’abatware b’abatambyi, n’abigishamategeko, iraterana, nuko Yesu bamushyira imbere. <sup>67</sup>Baramubaza bati: “Tubwire, niba uri Kristo!”

Arabasubiza ati: “Murabyivugiye.”

<sup>71</sup>Nuko abakuru b’imiryango baravuga bati: “Ubundi buhamya ni ubw’iki? ko twumvise ubwacu abyivugiye ubwe!”

**Ibambwa**- Luka 23/ Yohani 18:

*Iriburiro:* Bameze gushinja Yesu, Abayahudi bari bakeneye uruhushya ruva mu buyobozi bwa Roma kugira ngo bamubambe. Iyi ni inkuru y’ijambo ry’Imana.

<sup>1</sup>Nuko abakuru b’itorero barahaguruka, bajyana Yesu kwa Pilato umuyobozi w’Umunyaroma.

<sup>2</sup>Nuko batangira kumushinja, bagira bati: “Twasanze uyu mugabo agandisha igihugu cyacu. Abuzanya gutanga umusoro wa Kayisari, kandi akiyita Kristo, umwami.”

<sup>Jn 18:33</sup> Nuko Pilato abaza Yesu ati: “Uri umwami w’Abayahudi?” <sup>36</sup>Yesu aramusubiza ati: “Ubwami bwanjye si ubwo kuri iyi si. <sup>37</sup>Pilato aramubwira ati: “Noneho, uri umwami!” Yesu aramusubiza ati: “Urabyivugiye, ndi umwami. icyo ni cyo navukiye kandi ni cyo cyanzanye mu isi, kugira ngo mpamye ukuri. Uw’ukuri wese yumva ijwi ryanjye.” <sup>38</sup> Pilato aramubaza ati: “Ukuri ni iki?” Amaze kubivuga ajya hanze asanga Abayahudi, abwira abakuru b’itorero ati: “Nta cyaha mubonyeho.”

<sup>Luke 23:21</sup> Ariko abatware b’abatambyi basomborotsa imbaga nuko irasakuza iti: “Mubambe, mubambe!” <sup>22</sup>Nuko Pilato arababwira ati: “Kuki, ni iki kibi yakoze? Nta mpamvu namusanganye ikwiye kumwicisha. <sup>23</sup>Ariko abayobozi b’Abayahudi barahatiriza, basaba n’amajwi arenga ngo nabambwe. Amajwi y’abatware b’abatambyi n’ay’imbaga araganza. <sup>24</sup> Nuko Pilato yemeza ko icyo bashegeye gikorwa, maze bashorera Yesu kubambwa.

<sup>26</sup> Igihe bashoreye Yesu, abasirikare bafatirana Simoni w’i Sireni, wiviraga imusozi, bamuhekesha umusaraba, agenda inyuma ya Yesu awumutwaje.

<sup>32</sup>Abagabo bandi babiri b’abagiranabi, na bo bari bashoreranywe hamwe na Yesu kugira ngo bajye kwicwa. <sup>33</sup>Bageze ahantu hitwa I Nyabihanga, babambana Yesu n’abo bagome, umwe iburyo bwe, undi ibumoso. <sup>34</sup>Yesu aravuga ati: “Data, bababarire, kuko batazi icyo bakora.” Nuko abasirikare bigabanya imyambaro ye, bayikoreyeho ubufindo. <sup>35</sup>Rubanda bahagarara aho, bamushungereye, abatware na bo bakamunyangaga, bavuga bati: “Yakijije abandi, ngaho na we

niyikize, niba ari Kristo, Intore y’Imana!” <sup>36</sup>Abasirikare na bo baraza baramukwena. Bamuhereza vino irura bavuga bati: “Niba uri umwami w’Abayahudi, ikize.” <sup>38</sup>Hejuru ye hari handitse itangazo ngo: UYU NI UMWAMI W’ABAYAHUDI.

<sup>39</sup>Nuko umwe mu bagiranabi bari babambanywe aramutuka ati: “Niba uri Kristo, ikize ubwawe, natwe udukize!” <sup>40</sup>Ariko mugenzi we aramucyaha ati: “Mbese ntutinye Imana? <sup>41</sup>Twebwe turazira ukuri, kuko turaryozwa ibibi twakoze. Ariko uyu mugabo nta kibi yakoze.” <sup>42</sup> Nuko aramubwira ati: “Yesu, uranyibuke, igihe uzazira mu bwami bwawe.” <sup>43</sup>Yesu aramusubiza ati: “Ndakubwira ukuri, uyu muni, uraba uri kumwe nanjye muri paradiso.

<sup>44</sup>Hari nko ku isaha ya gatandatu, maze mu gihugu cyose hacura umwijima kugeza ku isaha ya cyenda, nuko umubambiko wo mu Ngoro utanyukamo kabiri. <sup>46</sup>Nuko Yesu arangurura ijwi ati: “Data, nshyize umwuka wanjye mu biganza byawe.” Amaze kuvuga atyo umwuka urahera.

<sup>50</sup> Nuko hagoboka Yosefu w’Arimateya, umwe mu bagize Inama Nkuru y’Abayahudi, akaba umugabo ugira imico myiza, kandi ntiyari yashyigikiye icyemezo cy’Inama nkuru, nuko asaba Pilato ko yatwara umurambo wa Yesu, akawumanura ku musaraba ubundi akawushyngura. <sup>53</sup> Yozefu azingira umurambo wa Yesu mu mwenda nuko awushyngura mu mva yari yacukuwe mu rutare, itigeze igira uyihambwamo.

<sup>55</sup>Abagore bari baturukanye na Yesu i Galilaya bitegereza imva ye. <sup>56</sup>Nuko barataha baja gutegura imibavu n’ibindi bihumura. Maze ku isabato bararuhuka nk’uko byari bitegetswe.

## **Izuka-** Luka 24/ Ibyakozwe n’intumwa 1

Iriburiro: Iyi nkuru yahinduye amateka.

<sup>1</sup>Ku muni wa mbere w’icyumweru, mu museso wa kare, ba bagore bafata imibavu baribateguye, baja ku mva. <sup>4</sup>Ako kanya babona abagabo babiri bambaye imyenda ibengerana nk’umurabyo babahagaze iruhande. <sup>5</sup> Nuko abo bagabo barababaza bati: “Ni kuki mushakira umuzima mu bapfuye? <sup>6</sup>Ntari hano; yazutse!”

<sup>9</sup>Nuko abo bagore bava ku mva, baja kubitekerereza intumwa. <sup>11</sup>Nyamara intumwa ntizemera ibyo bavuga. <sup>12</sup>Ariko Petero arahaguruka yiruka ajya ku mva. Abona umwenda wari wazingiwemo umurambo, ntiyabona umurambo, nuko Petero asubira yo atangazwa n’ibyabaye.

<sup>13</sup>Kuri uwo muni nyine, babiri mu bigishwa baja mu rusisiro rwitwa Emawusi.

<sup>15</sup>Bagendaga baganira ibyari bimaze kuba, nuko Yesu ubwe arabegera ajyana na bo, ariko babuzwa kumumenya. <sup>17</sup>Arababaza ati: “Ese ibyo mugenda muvugana ni ibiki?” baramusubiza bati: “Ni wowe wenyine uba i Yerusalemu utazi ibyabaye muri iyi minsi?”

<sup>19</sup>Yesu arababaza ati: “Ni ibiki se?” Baramusubiza bati: “Ibyabaye kuri Yesu w’i Nazareti. Yari umuhanuzi, ukomeye mu mvugo no mu ngiro imbere y’Imana n’imbere y’abantu bese.

<sup>20</sup>Abatware b'abatambyi, n'abakuru bacu bamutanze ngo acirwe urwo gupfa, nuko baramuhamba. <sup>22</sup>None mu gitondo, abagore bacu bavuye ku mva batubwira ko babonekewe n'abamarayika, bavuga ngo Yesu ni muzima.

<sup>27</sup>Nuko Yesu ahera kuri Mose, n'Abahanuzi asobanurira abo bigishwa babiri ibyari bimwanditseho mu bitabo bitagatifu.

<sup>28</sup> Bageze hafi y'urusisiro bajyagamo, Yesu asa n'uwikomereza urugendo. <sup>29</sup>Ariko abo bagabo baramwinginga bati: "Gumana natwe, dore buragorobye; umunsi uciye ikibu." Nuko Yesu arinjira ngo agumane na bo. <sup>30</sup>Igihe rero yari ku meza hamwe na bo, afata umugati, ashimira Imana, arawumanyura nuko arawubahereza. <sup>31</sup>Nuko amaso yabo arahumuka noneho baramumenya, maze arazimira ntibongera kumubona.

<sup>32</sup>Nuko abo babiri barabwirana bati: "Mbega ukuntu imitima yacu yari yuzuye ibinezaneza igihe yatuganirizaga mu nzira, adusobanurira ibyanditswe!" <sup>33</sup>Nuko bahita bahaguruka basubira i Yerusalemu. Bahasanga ba Cumi n'umwe bateranye, nuko abo babiri bababwira ibyabaye mu nzira, n'ukuntu Yesu bamumenye ubwo yamanyuraga umugati.

<sup>36</sup>Bose bakivuga ibyo, Yesu araza ubwe ahagarara hagati yabo arababwira ati: "Amahoro abe kuri mwe". <sup>37</sup>Barakangarana, bashya ubwoba, bakeka ko babonye umuzimu. <sup>38</sup>Arababwira ati: "Kuki muhungabanye, kandi mutewe n'iki gushidikanya mu mitima yanyu?" <sup>39</sup> Nimurebe ibiganza byanjye n'ibirenge byanjye! Munkoreho murebe ko ari jye ubwanjye, kuko umuzimu nta mubiri n'amagufwa agira nk'uko mbifite.

<sup>44</sup>Yesu aravuga ati: "Ibi ni byo nababwiraga nkiri kumwe na mwe: Ni ngombwa ko huzuzuzwa ibinyerekeyeho byose byanditswe mu mategeko ya Mose, y'Abahanuzi no muri Zaburi."

<sup>45</sup>Nuko Yesu ahugura ubwenge bwabo ngo bajye bumva ibyanditswe. <sup>46</sup>Arababwira ati: "Haranditswe ngo: Kristo azababara kandi ku munsi wa gatatu azuke mu bapfuye. <sup>47</sup> None kwihana ngo bababarirwe ibyaha, bigomba kwigishwa mu izina rye mu mahanga yose. <sup>49</sup>Kandi nzabohereza ibyo Data yabasezeranyije.

Acts 1:3, <sup>8</sup>Yesu abonekera intumwa ze mu gihe cy'iminsi mirongo ine. Nuko arababwira ati: "Muzahabwa imbaraga ubwo Umwuka wera azabamanukira, kandi muzambara abahamya i Yerusalemu, i Yudeya n'i Samariya, no ku mpera z'isi yose."

Luke 24:51 Nuko Yesu yerekeza intumwa ze ku nzira igana i Betaniya, azamura ibiganza hejuru abaha umugisha, akibaha umugisha atangira kuzamuka mu kirere nuko ayanwa mu ijuru. Abigishwa basubira i Yerusalemu n'ibyishimo byinshi, nuko bagahora mu Ngoro basingiza Imana.

## **Pentekote-** Ibyakozwe n'intumwa 2

*Iriburiro:* Nyuma y'imyaka 50 Yesu abambwe akazuka, Itorero riravuka.

<sup>1</sup>Umunsi wa Pentekote uragera, abigishwa bese bari bakoraniye ahantu hamwe. <sup>2</sup>Ako kanya bumva urusaku nk'urw'inkubi y'umuyaga ruva mu ijuru rwuzura inzu yose aho bari bicaye.

<sup>3</sup>Abigishwa babona ibisa nk'indimi z'umuriro zigabanya zijya kuri buri umwe wese. <sup>4</sup>Bose buzura Umwuka wera batangira no kuvuga mu zindi ndimi nk'uko Umwuka yabaye kuzivuga.

<sup>5</sup>Aho rero i Yerusalemu habaga Abayahudi bubahaga Imana, bari baturutse mu mahanga yose ari muni y'ijuru. <sup>6</sup>Bumvise urwo rusaku, rubanda rwose barakorana maze barumirwa, kuko buri wese yumvaga bavuga mu rurimi rwe bwite. <sup>7</sup>Baratangara cyane maze barabaza bati: "Aba bavuga si Abanyagalilaya? <sup>8</sup>Bishoboka bite se ko buri muntu muri twe abumva bavuga mu rurimi rwe kavukire? <sup>12</sup>Barumirwa nuko barabazanya bati: "Ibi bivuga iki?" <sup>13</sup>Abandi na bo bakeka ko basinze, nuko baravuga bati: "Bagomba kuba banyweye vino nyinshi."

<sup>14</sup>Nuko Petero ahagurukana n'abigishwa, arangurura ijwi abwira iyo mbaga ati: "Yemwe Bayahudi bagenzi bacu, namwe mwese mutuye i Yerusalemu, mureke mbasobanurire; mwumve neza ibyo mbabwira. <sup>15</sup>Aba bagabo ntibasinze nkuko mubikeka. <sup>16</sup>Ibi ni ibyavuzwe n'Umuhanuzi Yoweli ati: <sup>17</sup>Imana yaravuze iti: "Mu minsi ya nyuma nzasendereza Umwuka wanjye ku bantu bose. Abahungu n'abakobwa banyu bazahanura, yaba abagabo n'abagore; abasore banyu bazerekwa, abakambwe banyu babonere mu nzosi, <sup>21</sup>Kandi buri wese uzambaza izina rya Nyagasani azakizwa."

<sup>22</sup> "Yemwe bagabo ba Isirayeli mwe, nimwumve aya magambo: Yesu w'i Nazareti yari umuntu Imana yabahamirishije mu bitangaza, mu bikorwa no mu bimenyetso, Imana yamukoresheje rwagati muri mwe, nk'uko namwe mubizi. <sup>23</sup>Bikurikije umugambi n'ugushaka kw'Imana, uwo muntu mwaramugabijwe, mubifashishijwemo n'abagome, mumwica mumubambye ku musaraba. <sup>24</sup>Ariko Imana imuzura mu bapfuye, kandi twese turi abahamya b'uku kuri. <sup>36</sup>Nuko rero, Isirayeli yose nimenye idashidikanya ko: Uwo Yesu mwabambye, Imana yamugize umwami na Kristo."

<sup>37</sup> Abantu babyumvise, barakangarana niko kubaza Petero n'izindi ntumwa bati: "Bavandimwe dukore iki?" <sup>38</sup>Petero arabasubiza ati: "Mwihane kandi buri muntu muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo, kugira ngo ababarirwe ibyaha bye. Muzanahabwa impano y'Umwuka wera." <sup>41</sup>Abemeye ubutumwa bwe barabatizwa, kandi uwo muni biyongeraho abantu bagera ku bihumbi bitatu.

<sup>42</sup> Abemeye, bashishikarira kumva ibyo intumwa zigisha, gushyira hamwe kivandimwe, kumanyura umugati no gusenga. <sup>43</sup>Buri wese agirira icyubahiro Intumwa ku bw'ibitangaza n'ibimenyetso bihambaye zakoraga. <sup>44</sup>Abizeye bese babaga hamwe bagasangira ibyabo byose. <sup>45</sup>Bagurishaga ibyo batunze bakabigabana bakurikije icyo umuntu akeneye. <sup>46</sup>Bamanyuraga umugati mu ngo za bo n'imitima yuje ibyishimo no kwiyoroshya.

### **Gukiza ku irembo Ryiza** Ibyakozwe n'Intumwa 3

*Iriburiro:* Imana ikuza umugaragu wayo Yesu.

<sup>1</sup>Mu mugoroba umwe, mu gihe cyo gusenga Petero na Yohana baja mu Ngoro y'Imana. Hari umuntu wavutse ari ikirema bakamutwara ku irembo ryitwaga Ryiza, aho bamushyiraga kugira ngo asabe abinjiraga mu Ngoro. Abonye Petero na Yohana bagiye kwinjira, abasaba



amafaranga. Petero areba uwo mugabo, maze aravuga ati: “Ngaho turebe!” Nuko abahanga amaso ategereje ko hari icyo bari bumuhe.

<sup>6</sup>Nuko Petero aravuga ati: “Nta feza cyangwa zahabu mfite, ariko icyo mfite ndakiguhaye. Mu izina rya Yesu Kristo w’i Nazareti, haguruka ugende.” <sup>7</sup>Petero amufata ikiganza cy’iburyo aramuhagurutsa, ako kanya ibirenge bye n’utugombambari birakomera. <sup>8</sup>Arabaduka, ahagarara ku birenge bye nuko atangira kugenda. Nuko uwo wasabirizaga ajyana na Petero na Yohana mu Ngoro, agenda, asimbuka arinako asingiza Imana.

<sup>9</sup>Abantu bose bamubonye agenda kandi asingiza Imana, baramumenya ko ari we wajyaga yicara asabiriza ku iremba ry’Ingoro ryitwa Ryiza, nuko batangazwa n’ibyamubayeho.

<sup>11</sup>Uwo wasabirizaga agifashe Petero na Yohana, abantu bari batangaye nuko biruka babasanga. <sup>12</sup>Petero abibonye, arababwira ati: “Bagabo ba Isirayeli, kuki ibi bibatangaje? Kuki mutureba nkaho duhaye uyu muntu kugenda ku bw’imbaraga zacu, cyangwa ubutungane bwacu? <sup>13</sup>Imana y’Aburahamu, ya Isaka na Yakobo, Imana y’abakurambere bacu, yakujije umugaragu wayo Yesu. <sup>14</sup>Mwaramutanze ngo bamwice, mumwihakanira imbere ya Pilato kandi we yari yiyemeje kumurekura. <sup>15</sup>Mwishe umugenga w’ubugingo, ariko Imana iramuzura mu bapfuye kandi turi abahamya b’izuka rye. <sup>16</sup>Kwiringira izina rya Yesu, byatumye uyu mugabo murora akira.

<sup>17</sup> “None rero, benedata, nzi ko mwabikoranye ubujiji, kimwe n’abatware banyu. <sup>19</sup>Nimwihane rero mugarukire Imana, kugira ngo mubabarirwe ibyaha, <sup>20</sup>bityo ibihe by’ihumure bibe byabazaho biva kuri Nyagasani. <sup>24</sup>Abahanuzi bose bavuze iby’iyi minsi turimo. <sup>25</sup>Kandi muri abaragwa b’Abahanuzi, n’ab’Isezerano Imana yagiranye n’Aburahamu igira iti: ‘Mu rubyaro rwawe, imiryango yose yo mu isi izaherwamo imigisha.’”

### **Petero na Yohana mu rukiko-** Ibyakozwe n’Intumwa 4

*Iriburiro:* Mu gihe Petero yarimo avugisha rubanda, haza abakuru b’itorero.

<sup>1</sup>Abatambyi, umutegeka w’Ingoro, n’abasadukayo basanga Petero na Yohana barimo bavugisha rubanda. <sup>2</sup>Abatambyi barakazwa n’uko Intumwa zigishaga rubanda kandi zamamaza izuka ry’abapfuye bahereye kuri Yesu. <sup>3</sup>Bafata Petero na Yohani, babaraza mu buroko. <sup>4</sup>Abantu benshi bumvaga ubu butumwa barizeraga, nuko umubare wa bo ukabakaba ibihumbi bitanu.

<sup>5</sup> Bukeye bw’uwo munsu, Umutambyi mukuru, abatware b’Abayahudi, abakuru b’imiryango, n’abigishamategeko bakoranira i Yerusalemu. <sup>7</sup>Batumiza Petero na Yohana, nuko batangira kubabaza bati: “Biriya mwabikoze ku buhe bubasha cyangwa se ku bw’irihe zina?”

<sup>8</sup>Ubwo Petero, yuzuye Umwuka wera aramubwira ati: “Batware namwe bakuru b’umuryango! <sup>9</sup>Niba uyu munsu duhamagariwe kubazwa iby’ineza twagiriye umuntu waremaye, none tukaba tubazwa uburyo yakize, <sup>10</sup>Rero mumenye ibi: mwebwe n’abantu bose ba Isirayeli: ni mu izina rya Yesu w’i Nazareti, umwe mwabambye ariko Imana yo ikamuzura mu bapfuye, ni ryo ryatumye uyu mugabo abahagarara imbere ari mutaraga. <sup>11</sup>Ni we “buye ryahinyuwe namwe

bubatsi, nyamara rikaba irikomeza imfuruka.’ <sup>12</sup>Nta wundi wundi agakiza kabonerwamo, kuko nta rindi zina muni y’ijuru ryahawe abantu dushobora gukirizwamo.”

<sup>13</sup>Abatware n’abakuru b’umuryango babonye ukuntu Petero na Yohana bavuga bashize amanga, kandi ari abantu basanzwe batanize, barumirwa nuko bibuka ko bagendanaga na Yesu. <sup>14</sup>Ariko kuko babonaga uwo mugabo wakijijwe abahagaze imbere, nta cyo bari kurenzaho. <sup>15</sup>Nuko babategeka kuva mu rukiko, maze bajya inama bati: <sup>16</sup>“Aba bantu tubagenze dute? Buri wese utuye i Yerusalemu azi ko bakoze igitangaza gihamye, kandi ntitwabihakana. <sup>17</sup>Ariko kugira ngo bidakomeza kwamamara muri rubanda, tugomba kubihanangiriza ntibongere kugira uwo bavugisha muri iri zina.”

<sup>18</sup>Nuko bongera kubahamagaza, bababuza rwose kuvuga no kwigisha mu izina rya Yesu. <sup>19</sup>Ariko Petero na Yohana barasubiza bati: “Mutekereza ko icyo Imana ishaka ari ikihe? Kubumvira cyangwa kuyumvira?” <sup>20</sup>Twe ntiduteze kurekeraho kuvuga ibyo twabonye n’ibyo twumvise.” <sup>21</sup>Bamaze kongera kubakanga, barabarekura. Bari babuze uko babahana kuko rubanda basingizaga Imana ku bw’ibyari byabaye. <sup>22</sup>Koko kandi uwo muntu wari wakijijwe ku buryo bw’agatangaza yari arengeje imyaka mirongo ine.

<sup>23</sup>Bakirekurwa, Petero na Yohana basanga bagenzi babo babatekerereza ibyo abatware b’abatambyi n’abakuru b’umuryango bari bababwiye. <sup>24</sup>Abizera babyumvise, bazamura amajwi icyarimwe basenga Imana.

<sup>31</sup>Uko basengaga, ahantu bari batereniye hahinda umushyitsi. Bose buzura Umwuka, nuko batangira kuvuga ijamba ry’imana bashize amanga.

<sup>32</sup>Abizeye bese bari umwe mu mutima no mu bitekerezo. Nta n’umwe wibwiraga ko icyo atunze ari icye bwite, ahubwo basangiraga byose bari bafite. <sup>33</sup>Intumwa zakomeje guhamya izuka rya Nyagasani Yesu n’ububasha bukomeye, kandi ubuntu bw’Imana bwari bubariho. <sup>34</sup>Nta bakene babarangwagamo. Ababaga bafite amasambu n’amazu barabigurishaga, bakazana ikiguzi cyabyo, <sup>35</sup>bakagisaranganya abantu, umuntu wese agahabwa icyo akennye.

<sup>36</sup>Umugabo wari uturutse i Shipure, Intumwa zari zarise Barinaba (bivuga umwana w’Ugukomeza), agurisha isambu, ikiguzi cyayo agishyikiriza Intumwa.

### **Ananiya na Safira-** Ibyakozwe n’Intumwa 5: 1-12

*Iriburiro:* Imana izi icyo dukora.

<sup>1</sup>Hari umugabo witwaga Ananiya, hamwe n’umugore we Safira, agurisha umutungo we, <sup>2</sup>azana igice cy’icyo kiguzi agishyikiriza Intumwa. Ariko ikindi gice arakigumana, n’umugore we abizi neza. <sup>3</sup>Ariko Petero aravugaga ati: “Ananiya, ni iki gitumye Satani yuzuza umutima wawe kubeshya Umwuka Wera, maze ukagumana igice cy’ikiguzi cy’isambu yawe? <sup>4</sup>Igihe yari itaragurishwa se ntabwo yari iyawe? Nyuma y’aho se uyigurishije, si wowe wari umugenga w’ikiguzi cyayo? Kuki wacuze uyu mugambi mu mutima wawe? Ntiwabeshye abantu ahubwo wabeshye Imana.” <sup>5</sup>Ananiya ngo yumve ayo magambo, yitura hasi araca; maze ababyumvise

bose bashya ubwoba. <sup>6</sup>Nuko abasore barahaguruka baramupfuka, bamaze kumusohora baramuhamba.

<sup>7</sup>Ubwo nyuma y'amasaha atatu, umugore w'Ananiya arinjira atazi ibyabaye. <sup>8</sup>Nuko Petero aramubaza ati: "Mbwira niba iki kiguzi ari cyo mwagurishije isambu yanyu?" Aramusubiza ati: "Yego, ni icyo ngicyo."

<sup>9</sup>Maze Petero aramubwira ati: "Ni kuki mwahuje umugambi wo kugerageza Umwuka wa Nyagasani? Dore ibirenge by'abamaze guhamba umugabo wawe bigeze ku muryango, barakujyana nawe." <sup>10</sup>Ako kanya yikubita hasi umwuka urahera, nuko ba basore barinjira basanga yapfuye, bamujyana kumuhamba iruhande rw'umugabo we.

<sup>11</sup>Nuko itorererose, n'abumvise ibyabaye bashya ubwoba.

<sup>12</sup>Nuko Intumwa zikomeza gutanga ibimenyetso no gukorera ibitangaza mu bantu.

Sitefano- Ibyakozwe n'Intumwa 6: 8-15; 7:1-60

*Iriburiro:* Muri iyi nkuru, abasokuruza bishingikiriza ku bakurambere b'Abayahudi, cyane cyane abana ba Yakobo.

<sup>8</sup>Ubwo umugabo witwaga Sitefano wari wuzuye ukwemera n'imbaraga z'Umwuka wera yakoraga mu bantu ibitangaza n'ibimenyetso bihambaye. <sup>11</sup>Ariko abagabo bamwe barahaguruka batuma abandi bavuga bati: "Twamwumvise avuga amagambo atuka Mose n'Imana." <sup>12</sup>Nuko boshya rubanda, abakuru b'umuryango, n'abanditsi, bamushyikiriza urukiko. Ni ko kuzana abashinjabinyoma baravugaga bati: "Uyu muntu ntahwema kuvuga amagambo asebya aha hantu hera kimwe n'amategeko; kuko twamwumvise avuga ngo Yesu w'i Nazareti azasenyaye iyi Ngoro, anahindure imigenzo twahawe na Mose." <sup>15</sup>Nuko abari mu rukiko bose babona mu maso ha Sitefano habengerana nk'ah'umumarayika. <sup>7:1</sup>Nuko Umutambyi mukuru aramwitegereza, maze aramubwira ati: "Ibi se koko ni ko biri?"

<sup>2</sup>Nuko Sitefano aramubwira ati: "Benedata namwe babyeyi, nimunyumve! Imana nyir'Ikuzo yabonekeye umubyeyi wacu Aburahamu, maze iramubwira iti: 'IMUKA MU GIHUGU CYAWE, USIGE BENE WANYU, MAZE UJYE MU GIHUGU NZAKWEREKA.'"<sup>4</sup>Nuko Aburahamu arimuka. <sup>8</sup>Maze Aburahamu abyara Isaka, Isaka abyara Yakobo, Yakobo abyara abasokuruza bacu cumi na babiri. <sup>9</sup>"Abo basokuruza bigiriye ishyari Yosefu maze bamugurisha muri Egipta. Ariko Imana yari kumwe na we, <sup>10</sup>maze imugobotora mu magorwa ye yose, nuko imuha ubutoni n'ubwenge mu maso ya Farawo, umwami wa Egipta, nuko Farawo amugira umutware w'igihugu cyose cya Egipta.

<sup>11</sup>Ubwo inzara iratera muri Egipta n'i Canani, <sup>15</sup>nuko Yakobo aramanuka ajya muri Egipta.

<sup>18</sup>Nyuma haje kwima undi mwami utari uzi Yosefu, <sup>19</sup>nuko apyinagaza umuryango wacu anafata nabi abasokuruza bacu. <sup>20</sup>Ni muri icyo gihe Mose yavutse <sup>29</sup>nyuma aza guhungira Farawo mu gihugu cy'i Midiyani.

<sup>30</sup> “Nyuma y’imyaka mironko ine, umumarayika abonekera Mose mu gihuru cyaka umuriro. <sup>31</sup>Mose abonye icyo gihuru, yegera imbere ashaka kwitegereza neza nuko yumva ijwi rivuga riti: <sup>32</sup>“NDI IMANA Y’ABASEKURUZA BAWE, IMANA Y’ABURAHAMU YA ISAKA NA YAKOBO. <sup>33</sup>KURAMO INKWETO Zawe, KUKO AHA HANTU UKANDAGIYE ARI AHERA. <sup>34</sup>NITEGEREJE AMAGORWA Y’UMURYANGO WANJYE MURI EGIPUTA KANDI NUMVISE N’IMIBOROGO YABO NONE NAJE KUBAGOBOTORA. NGWINO RERO NGUTUME MURI EGIPUTA.”

<sup>36</sup> “Uwo Mose yavanye abantu bacu muri Egiputa, akora ibitangaza n’ibimenyetso muri icyo gihugu no ku Nyanja itukura. <sup>46</sup>Nyuma Dawidi yagize ubutoni imbere y’amaso y’Imana, ayisaba kuyubakira ubuturo. <sup>48</sup>Ariko Imana ntitura mu mazu yubatswe n’amaboko y’abantu; nk’uko abahanuzi babivuze bati:

<sup>49</sup> ‘IJURU NI INTEBE YANJYE Y’UBWAMI, ISI IKABA AKABAHO NKANDAGIZAHU IBIRENGE; MUZANYUBAKIRA INZU NYABAKI?’ UWO NI NYAGASANI UBIVUGA. ‘CYANGWA NZARUHUKIRA HANTU KI?’ <sup>50</sup>MBESE IBIGANZA BYANJYE SI BYO BYAREMYE IBI BYOSE?’

<sup>51</sup>“Mwa Bayahudi mwe b’inkubaganyi, ntimwakebwe mu mitima kandi muhora murwanya Umwuka wera, mukora kimwe n’abasekuruza banyu. <sup>52</sup>Ni nde mu Bahanuzi, abasekuruza banyu batatoteje? Bishe n’abahanuye mbere ukuza kwa ya Ntungane, imwe mwabereye abagambanyi n’abicanyi; <sup>53</sup>mwahawe Amategeko muyashyikirijwe n’abamarayika nyamara ntimwayakurikiza.

<sup>54</sup>Abatware b’abayahudi babyumvise barakazwa cyane n’ibirego bya Sitefano nuko bahekenya amenyo kubera umujinya. <sup>55</sup>Naho we kuko yari yuzuye Umwuka wera, ahanga amaso ijuru abona ikuzo ry’Imana, na Yesu ahagaze iburyo bw’Imana, nuko Sitefano aravugaga ati: “Dore ndabona ijuru rikinguye, n’Umwana w’Imana ahagaze iburyo bw’Imana.” <sup>57</sup>Ariko ababyumvaga bavuzaga induru, batangira kumutera amabuye. Abamushinjaga bari barambitse imyambaro yabo imbere y’umusore witwaga Saul. <sup>59</sup>Bakomeza gutera amabuye Sitefano, yambaza izina rya Nyagasani agira ati: “Nyagasani Yesu, akira umwuka wanjye!” <sup>60</sup>Nuko arapfukama maze atera hejuru ati: “Nyagasani, ntubahore iki cyaha!” Amaze kubivugaga, araca.

### **Simoni umukonikoni-** Ibyakozwe n’Intumwa 8:1-24

*Iriburiro:* Iyi nkuru yabayeye ako kanya nyuma y’urupfu rwa Sitefano.

<sup>1</sup>Itotezwa rikomeye ryadutse ku itorero i Yerusalemu, nuko bose usibye Intumwa batatanira i Yudeya n’i Samaliya. <sup>4</sup>Abari batatanye bamamazaga Inkuru nziza aho bajyaga hose.

<sup>5</sup>Umwigishwa witwaga Filipino ajya mu murwa wa Samariya, ahigisha Kristo. <sup>6</sup>Abantu bumvise banabona ibitangaza Filipino yakoraga, bose batega amatwi ibyo yavugaga. <sup>7</sup>Nuko imyuka mibi iva mu bantu n’induru, abari baramugaye n’abaremeye barakira. <sup>8</sup>Nuko muri uwo murwa haba ibyishimo byinshi.

<sup>9</sup>Muri uwo murwa hari umugabo witwaga Simoni, wari umupfumu agatangaza Abanyasamariya bose. Yirataga avugaga ko akomeye, <sup>10</sup>abantu bose guhera ku mukuru kugeza ku

muto bakamukurikira kuko yari yarabatangaje igihe kirekire n'ubwo bupfumu bwe. <sup>12</sup>Ariko aho bamariye kwizera Filipino ubwo yigishaga Inkuru nziza y'ubwami bw'Imana n'izina rya Yesu Kristo, abagabo n'abagore bose barabatijwe. <sup>13</sup>Simoni ubwe arizera maze arabatizwa. Nuko agakurikira Filipino aho yajyaga hose, agatangazwa n'ibimenyetso bihambaye ndetse n'ibitangaza yabonaga.

<sup>14</sup>Intumwa ziri i Yerusalemu zumva ngo i Samariya bemeye ijambo ry'Imana, niko kuhohera Petero na Yohana. <sup>15</sup>Bahageze, barabasengera kugira ngo bahabwe Umwuka wera, <sup>16</sup>kuko ari nta n'umwe yari yamanukiyeho; bari babatijwe gusa mu izina rya Nyagasani Yesu. <sup>17</sup>Nuko Petero na Yohana babarambikaho ibiganza nuko bakira Umwuka wera.

<sup>18</sup>Simoni abonye Umwuka atangwa no kuramburirwaho ibiganza n'Intumwa, abazanira amafaranga agira ati: "Nanjye nimumpe ubu bubasha kugira ngo uwo ndambitseho ibiganza aje ahabwa Umwuka wera."

<sup>20</sup>Petero aramusubiza ati: "Amafaranga yawe aragapfana nawe, kuko utekereza ko ingabire y'Imana igurwa amafaranga! <sup>21</sup>Nta murage, nta n'umugabane ufite muri ibi, kuko umutima wawe udatunganiye Imana. <sup>22</sup>Ihane ubwo bugome bwawe kandi usenge Nyagasani. Wenda yazakubabarira kuba wagize bene icyo gitekerezo mu mutima wawe. <sup>23</sup>Koko ndabona wuzuye ubusharire kandi uri mu ngoyi y'icyaha."

<sup>24</sup>Nuko Simoni aramusubiza ati: "Nsabira Nyagasani, kugira ngo ibyo mwavuze ntibizambeho."

## **Inzira igana i Damasiko-** Ibyakozwe n'Intumwa 9

*Iriburiro:* Umufarisayo witwaga Sawuli ahinduka uwizera.

<sup>1</sup>Ubwo umufarisayo witwaga Sawuli akomeza kujujubya no gukangisha kwica abigishwa ba Nyagasani. Asanga Umutambyi mukuru amusaba amabaruwa yo kujya mu masinagogi y'i Damasiko, kugira ngo nagira abo ahabona batangiye gukurikira Yesu, baba abagabo cyangwa abagore, abajyane mu buroko i Yerusalemu. <sup>3</sup>Agiye kugera i Damasiko, ako kanya urumuri ruturutse mu ijuru ruramugota. <sup>4</sup>Yikubita hasi, nuko atangira kumva ijwi rimubwira riti: "Sawuli, Sawuli, urantotereza iki?"

<sup>5</sup> Sawuli arabaza ati: "Uri nde, Nyagasani?"

<sup>6</sup> Aramusubiza ati: "Ndi Yesu, uwo uriho utoteza! <sup>7</sup>Ngaho haguruka ujye mu murwa, uzabwirwa icyo ugomba gukora."

<sup>8</sup> Sawuli arahaguruka, ariko afunguye amaso ntiyabona. Nuko abantu bagendanaga baramurandata bamugeza i Damasiko. <sup>9</sup>Iminsi itatu ayimara atabona, ntiyarya ntiyanywa n'ikintu na kimwe.

<sup>10</sup> I Damasiko hari umwigishwa witwaga Ananiya. <sup>11</sup>Nyagasani aramuhamagara agira ati: “Ananiya! Jya ku nzu ya Yuda iri ku muhanda witwa Ugorotse, uhabaze umugabo uvuye i Taruso witwa Sawuli, kuko arimo arasenga. <sup>12</sup> Yeretswe umugabo witwa Ananiya aza akamurambikaho ibiganza kugira ngo amuhumure.”

<sup>13</sup>Ananiya aramusubiza ati: “Nyagasani, numvise byinshi kuri uyu mugabo n’inabi yagiriye intungane zawe i Yerusalemu. None yaje aha afite n’uruhushya rw’abatware b’abatambyi kugira ngo abohe abambaza izina ryawe bese.” <sup>15</sup>Ariko Yesu aramubwira ati: “Genda! Uyu muntu ni igikoresho cyanjye nahisemo kugirango azamenyekanishe izina ryanjye mu banyamahanga n’abami ba bo, n’imbere y’Abayisirayeli. <sup>16</sup> Nzanamwereka ukuntu agomba kubabazwa, ahorwa izina ryanjye.”

<sup>17</sup>Nuko Ananiya ajya kuri iyo nzu, arambika ibiganza kuri Sawuli, maze aravuga ati: “Sawuli mwenedata, Nyagasani Yesu wakubonekeye ku nzira igihe wazaga, yakuntumyehe kugira ngo wongere ubone, kandi wuzuremo Umwuka wera.” <sup>18</sup>Ako kanya, ibintu bisa n’ibishishwa bihubuka ku maso ya Sawuli, nuko yongera kubona. Arahaguruka maze arabatizwa, <sup>19</sup>nyuma yo kurya, agarura intege.

<sup>20</sup> Sawuli aherako yigisha mu masinagoga ko Yesu ari umwana w’Imana. <sup>21</sup>Abamwumvise bese barumirwa niko kuvuga bati: “Uyu si wa muntu wazanywe aha no kuboha Abakirisito akabashyira abatware b’abatambyi i Yerusalemu?” <sup>22</sup>Ariko Sawuli arushaho gukomera, agatsinda impaka z’Abayahudi babaga i Damasiko, abemeza ko Yesu ari we Kristo. <sup>23</sup>Hashize iminsi myinshi, Abayahudi bajya inama yo kumwica, ariko Sawuli aza kumenya ubwo bugambanyi bwabo. Nuko abizera baramucikisha ari nijoro bamwururukiriza mu gitebo, bamucisha mu nkike z’urukuta.

<sup>26</sup>Ubwo yazaga i Yerusalemu, yagerageje kwegera abigishwa, ariko bese bakamutinya, batemera ko nawe ari umwigishwa koko. <sup>27</sup>Ariko Barinaba aramujyana, amushyikiriza Intumwa. Abatekerereza uko Sawuli yabonye Nyagasani ku nzira, ajya i Damasiko, n’uko Nyagasani yamubwiye, n’ukuntu i Damasiko yigishije mu izina rya Yesu nta bwoba namba.

<sup>28</sup>Nuko Sawuli agumana na bo, akagenda muri Yerusalemu nta cyo yishisha, yigisha yemye mu izina rya Yesu. <sup>29</sup>Yavuganaga akanajya impaka n’Abayahudi bavugaga ikigereki, ariko bashaka kumwica. <sup>30</sup>Abavandimwe babimenye, bamwohereza i Taruso.

### **Petero na Koruneliyo-** Ibyakozwe n’Intumwa 10

*Iriburiro:* Petero ageze aho yumva ko agakiza k’Imana ari ak’amahanga YOSE.

<sup>1</sup>Mu mugwi wa Kayisariya, hari umuntu wategekaga umutwe w’abasirikare, akitwa Koruneliyo. <sup>2</sup>We n’umuryango we bubahaga Imana, bakanayitinya; yagiriraga ubuntu abakene, kandi agakunda gusenga. <sup>3</sup>Umunsi umwe mariyika w’Imana aramubwira ati: “Koruneliyo!” <sup>4</sup>Arasubiza ati: “Ni iki se Nyagasani?” Marayika aramusubiza ati: “Amasengesho n’ubuntu byawe byageze ku Mana nk’urwibutso wayituye. <sup>5</sup>None, ohereza abantu i Yopa, utumize umuntu witwa Petero. <sup>6</sup>Acumbitse kwa Simoni w’umukannyi, inzu ye iri iruhande rw’inyanja.”

<sup>9</sup>Bukeye bw'aho mu ma saa sita, Petero azamuka urusenge rw'inzu, ngo asenge. <sup>10</sup>Nuko aza gusozza yifuza kurya, mu gihe bari bagitegura ifunguro, aratwarwa. <sup>11</sup>Abona ijuru rikinguye, ikintu kimeze nk'umwenda munini gifashwe mu mfuruka enye, cyururuka kigana ku isi. <sup>12</sup>Cyari kirimo ubwoko bwose bw'inyamaswa z'amaguru ane, n'ibikurura nda byo ku isi, ndetse n'inyoni zo mu kirere. <sup>13</sup>Nuko ijwi riramubwira riti: "Petero haguruka. Ica maze urye." Petero arasubiza ati: "Oya Nyagasani! Nabera sindarya icyanduye cyangwa igihumanye." <sup>15</sup>Ijwi rimuvugisha ubwa kabiri riti: "Icyo Imana yahumanuye ntukacyite icyanduye!" <sup>16</sup>Ibyo biba inshuro eshatu, nuko wa mwenda uzamurwa mu ijuru.

<sup>17</sup>Mu gihe Petero yari akibaza igisobanuro cy'uko kwerekwa, ba bantu boherejwe na Koruneliyo babona inzu ya Simoni bahagarara ku irembo. <sup>18</sup>Barahamagara, babaza niba Petero ari ho acumbitse. <sup>19</sup>Petero agitekereza kuri kwa kwerekwa, Umwuka uramubwira uti: "Hari abantu batatu bagushaka. <sup>20</sup>Ngaho manuka. Ntushidikanye kujyana na bo kuko ari jye wabohereje.

<sup>23</sup>Bukeye, Petero na bene data bavuye i Yapa, basubiranayo <sup>24</sup> ku muni ukurikiyeho bagera i Kayisariya. Koruneliyo yari abategereje, nuko atumira bene wabo n'inshuti ze z'amagara. <sup>25</sup>Petero yinjiye mu nzu, Koruneliyo aramusanganira, agwa hasi imbere ye, aramuramya. <sup>26</sup>Ariko Petero aramuhagurutsa. Aramubwira ati: "Haguruka, nanjye ubwanjye ndi umuntu."

<sup>27</sup>Petero arinjira asanga ikoraniro rinini ry'abantu. <sup>28</sup>Arababwira ati: "Muzi neza ko ku Muyahudi bibujijwe n'amategereko gushyikirana n'umunyamahanga cyangwa kumusura. Ariko Imana yanyeretse ko nta muntu n'umwe nkwiye kunena cyangwa ngo mwite uwahumanye. <sup>29</sup>Ni yo mpamvu naje ntabanje kwanga. None ndababaza icyo mwantumiriye?"

<sup>30</sup>Koruneliyo aramusubiza ati: "Iminsi ine ishize, ku isaha nk'iyi ya saa cyenda z'amanywa, nari ndi mu nzu yanjye nsenga. Uwo mwanya umuntu wambaye imyenda irabagirana ahagarara imbere yanjye <sup>31</sup>nuko arambwira ati: 'Koruneliyo, Imana yumvise amasengesho yawe, kandi yibuka n'impano zawe ku bakene. <sup>32</sup>Ohereza abantu i Yopa, batumize Petero. Ni umushyitsi mu rugo rwa Simoni w'umukannyi, uba hafi y'inyanja.' <sup>33</sup>Nuko ngutumaho, kandi wagize neza kuza. None turi hano twese imbere y'Imana kugira ngo twumve ibintu byose Nyagasani yagutegetse kutubwira."

<sup>34</sup>Nuko Petero atangira kuvuga ati: "Ubu noneho numvise mu by'ukuri ko Imana itarobanura ahubwo inyurwa n'abantu ba buri hanga iryo ari ryo ryose, bayitinya kandi bagakora igikwiye. <sup>38</sup>Imana yasutse kuri Yesu w'i Nazareti, Umwuka wera n'ububasha, nuko agenda hose agira neza kandi anakiza abari barigaruriwe na Satani, kuko Imana yari kumwe na we.

<sup>39</sup>"Turi abahamya b'ibyo Yesu yakoze byose mu gihugu cy'Abayahudi n'i Yerusalemu. Bamwishe bamumanitse ku musaraba, <sup>40</sup>ariko Imana imuzura mu bapfuye ku muni wa gatatu, imuha no kwigaragaza. <sup>42</sup>Yadutegetse kwigisha abantu no guhamya ko Yesu ari we Kristo Imana yashyizeho ngo abe umucamanza w'abazima n'abapfuye. <sup>43</sup>Abahanuzi bese bemeza ko umwemera wese azahabwa imbabazi z'ibyaha bye abikesha izina rye."

<sup>44</sup> Petero akivuga ayo magambo, Umwuka wera amanukira abumvise bese ubwo butumwa.  
<sup>45</sup>Abizera bo mu bakebwe bari batangajwe n'uko impano y'Imana yari yasutswe no ku banyamahanga. <sup>46</sup>Koko bari babumvise bavuga mu ndimi kandi basingiza Imana.

Nuko Petero aravuga ati: <sup>47</sup>"Hari uwashobora se kubuza aba bantu kubatirishwa amazi? Bakiriye Umwuka wera kimwe natwe." <sup>48</sup>Nuko ateguka ko babatizwa mu izina rya Yesu Kristo. Nuko basaba Petero kugumana na bo iminsi mike.

### **Umurinzi w'uburoko w'Umunyafilipini-** Ibyakozwe n'Intumwa 16: 11-40

*Iriburiro:* Intumwa Pawulo agenda yigisha inkuru nziza hamwe n'itsinda ry'abantu.

<sup>16:11</sup> Kuva i Tirowa twambuka inyanja tugana Filipi, yigaruriwe n'Abanyaroma akaba ariyo murwa mukuru w'intara ya Masedoniya. <sup>13</sup>Ku isabato twagiye hanze y'irembo ry'umujyi ku umugezi, aho twakekaga ko twasengera. Twaricaye nuko dutangira kuvugisha abagore bari bahateraniye. <sup>14</sup>Umwe muri abo bagore bari bateze amatwi yitwaga Lidiya, yacuruzaga imyenda y'imihemba, akaba yari asanzwe asenga Imana. Nyagasani akingura umutima we kugira ngo yite k'ubutumwa bwa Pawulo.

<sup>15</sup>We n'abo mu rugo rwe bamaze kubatizwa, adutumira iwe. Nuko avuga ati: "Niba mumfata nk'uwizera Nyagasani, nimuze mucumbike iwanjye." Niko kubitwemeza.

<sup>16</sup>Ubwo twajyaga ahantu basengeraga, twahuye n'umukobwa w'umucakara wari ufite umwuka utuma avuga ibizaba. Yaronkeraga ba shebuja amafaranga menshi, igihe yavugaga ibizaba. <sup>17</sup>Uwo mukobwa yakurikiye Pawulo natwe twese, asakuza ati: "Aba bantu bababwira inzira y'umukiro, ni abakozi b'Imana isumba byose." <sup>18</sup>Amara iminsi myinshi abigenza atyo. Pawulo abirambiwe, arahindukira abwira uwo mwuka ati: "Mu izina rya Yesu Kristo ngutegetse kuva muri uwo mukobwa!" Ako kanya uwo mwuka umuvamo.

<sup>19</sup>Ba shebuja babonye icyizere cyabo cyo kubona amafaranga kiyoyotse, bafata Pawulo n'uwamufashaga ari we Silasi barabakurubana no mu iguriro, babashyikiriza abategetsu. <sup>20</sup>Baravuga bati: "Aba bantu ni Abayahudi, kandi barateza imvururu mu mugu wacu, bamamaza imigenzo yabo tudashobora kwemera cyangwa ngo dukurikize kuko turi Abanyaroma."

<sup>22</sup>Ubwo rubanda na bo barabahagurukira, nuko abacamanza bategeka ko bashishimurirwa imyambaro bakanakubitwa. <sup>23</sup>Nyuma yo gukubitwa bikabije, bajugunywa mu buroko, nuko umurinzi w'uburoko ategukwa kubarinda ashishikaye. <sup>24</sup>Amaze guhabwa iryo tegeko, abashira mu nzu yo hagati cyane, abohera amaguru yabo ku biti.

<sup>25</sup>Ahagana mu gicuku, ubwo Pawulo na Silasi barimo basenga banaririmbira Imana ibisingizo, izindi mfungwa zabateze amatwi. <sup>26</sup>Ako kanya haba umutingito ukomeye, imfatizo z'uburoko ziranyeganyega. Imiryango yose y'uburoko ihita yikingura, iminyururu yari iboshye buri mfungwa iracikagurika. <sup>27</sup>Umurinzi w'uburoko akangutse, abone imiryango yose ikinguye,



akura inkota ashaka kwiyica kuko yibazaga ko imfungwa zose zatorotse. <sup>28</sup>Ariko Pawulo atera hejuru cyane ati: “Uramenye, ntiwigirire nabi! Twese turi hano!”

<sup>29</sup>Uwo murinzi asaba urumuri, yinjira ahinda umushyitsi, maze yikubita imbere ya Pawulo na Silasi. <sup>30</sup>Arabasohora maze arababaza ati: “Banyakubahwa, ni iki nakora ngo nkizwe?” <sup>31</sup>Baramusubiza bati: “Izere Nyagasani Yesu, uzakizwa wowe n’umuryango wawe.” <sup>32</sup>Nuko bamwigisha ijambo ry’Imana we n’abo mu rugo rwe bose. <sup>33</sup>Kuri iyo saha mu gicuku, uwo murinzi arabasohora abavura ibikomere; nuko we n’umuryango we bahita babatizwa. <sup>34</sup>Uwo murinzi abajyana iwe, abaha n’ifunguro; yari yuzuye ibyishimo kuko yari yemeye Imana we n’umuryango we wose.

<sup>35</sup>Bumaze gucya, abacamanza bohereza abantu kuri wa murinzi w’uburoko, n’itegeko rigira riti: “Rekura abo bantu!” <sup>36</sup>Wa murinzi w’uburoko abwira Pawulo ati: “Abacamanza bategetse ngo wowe na Silasi murekurwa. None mushobora kwigendera. Mugende amahoro.” <sup>37</sup>Ariko Pawulo abwira abo bantu ati: “Badukubitiye mu ruhame nta n’urubanza rwadutsinze, ndetse batujugunya mu buroko kandi dufite ubwenegihugu bw’Abanyaroma. None baragira ngo batwikize rwihishwa? Oya! Nibiyizire ubwabo baduherekeze.”

<sup>38</sup>Abo bantu batumwe bajya kubibwira abacamanza, ngo bumve ko Pawulo na Silasi bafite ubwenegihugu bw’Abanyaroma bibatera ubwoba. <sup>39</sup>Baraza babitwaraho, basohoka mu buroko babaherekeje, maze babasaba kubavira mu mug. <sup>40</sup>Pawulo na Silasi bamaze kuva mu buroko, bajya kwa Lidiya, babonana na benedata babakomeza umutima. Nuko baragenda.

## **Ku Mana itazwi** Ibyakozwe n’Intumwa 17:16-34

*Iriburiro:* Pawulo aganiriza abahanga bo mu muji wa Atene

<sup>16</sup>Nuko Pawulo ajya Atene, akiri yo ashengurwa cyane no kubona uwo mugiriyemo ibigirwamana. <sup>17</sup>Buri munsu akajya impaka mu isinagogi n’Abayahudi n’Abagereki batinyaga Imana, ndetse no ku karubanda akajya impaka n’abahahagaze. <sup>18</sup>Bamwe mu bahanga batangira kuburana. Bamwe barabaza bati: “Mbese iyi ndondogozi irashaka kuvuga iki?” Abandi n’abo bati: “Agomba kuba ari kwamamaza imana z’inyamahanga.” Babivugiraga ko Pawulo yigishaga inkuru nziza yerekeye Yesu n’izuka. <sup>19</sup>Nuko baramufata, bamujyana mu nama y’abayobozi babo nuko baramubwira bati: “Dushobora se kumenya iby’izo nyigisho nshya wamamaza? <sup>20</sup> Uzanye amagambo y’inzaduka mu matwi yacu, none turashaka kumenya icyo asobanura.” (Abanyatene n’abanyamahanga bahatuye, nta kindi bakoraga uretse kumva no kubara inkuru z’inzaduka.)

<sup>22</sup> Nuko Pawulo ahagarara rwagati mu nama, maze aravugaga ati: “Yemwe bantu ba Atene! Ndabona muri byose mushishikariye iyobokamana. <sup>23</sup>kuko ubwo nagendagenda, nitegerezaga amashusho musenga, ndetse nabonye n’urutambiro rwanditsweho ngo: URW’IMANA ITAZWI. None rero Iyo musenga mutayizi, ni yo nje kubamenyesha.

<sup>24</sup> “Imana yaramye isi n’ibiyirimo byose ni yo Mugenga w’ijuru n’isi kandi ntitura mu Ngoro zubatswe n’ibiganza. <sup>25</sup>Kandi ntikorera n’abantu, nk’aho hari icyo ikennye, ahubwo ni yo iha bese ubugingo n’umwuka n’ibindi byose. <sup>26</sup>Yaremye amoko yose y’abantu ikurije ku muntu umwe, kugira ngo bature ku isi yose; yabashyiriyeho ibihe n’ahantu hihariye bakwiye kuba. <sup>27</sup>Imana yakoze ibi byose kugira ngo abantu bayishakashake, wenda banayigereho, n’ubwo itari kure ya buri wese muri twe. <sup>28</sup>Ni yo dukesha ubugingo, ubwinyagambure n’ukubaho.’

<sup>29</sup> “Ubwo rero dukomoka ku Mana, ntitugomba gutekereza ko kamere y’ Imana imeze nka zahabu, feza cyangwa se ibuye-igishushanyo cyakozwe n’ubukorikori n’ubwenge bwa muntu. <sup>30</sup>Kera Imana yirengagije ubwo bujiji, ariko noneho itegeka abantu bese iyo bava bakagera kwihana. <sup>31</sup>kuko yashyizeho umunsi igomba gucira isi urubanza rutabera, ikoresheje umuntu yabigeneye. Ibyo yabihamirije bese ubwo yamuzuraga mu bapfuye.”

<sup>32</sup> Bumvise iby’izuka ry’abapfuye, bamwe muri bo bamuha urw’amenyo, abandi bati: “Turashaka ko uzongera ukatubwira kuri icyo ngingo.” <sup>34</sup>Bake mu bumvise Pawulo bifatanyaga na we barizera.

## **Ibyahishuwe** ibyahishuwe 1/4/5/7/20/21/22

*Iriburiro:* Intumwa Yohana yeretswe agace k’iby’ijuru

<sup>1:1</sup> Ibyahishuwe na Yesu Kristo, Imana yarabimuhaye, kugira ngo yereke abagaragu bayo ibigomba kuba bidatinze, nuko yohereza umumarayika wayo, ngo abimenyeshe Yohana, umugaragu wayo.

<sup>8</sup> Nyagasani Imana iravugaga iti: “Ndi intangiriro n’iherezo, Uriho, Uwahozeho, kandi Ugiye kuza, Ushoborabyose. Mwitinye. Ndi Imana nzima; narapfuye, ariko dore ndiho ubu n’iteka ryose! Kandi mfite imfunguzo z’urupfu n’ikuzimu.”

<sup>4:1</sup> Nyuma y’ibyo, jyewe Yohana, ndareba, <sup>2</sup>nuko mbona imbere yanjye mu ijuru uwicaye ku ntebe y’ubwami. <sup>3</sup>Umukororombya wari ukikije iyo ntebe y’ubwami <sup>4</sup>kandi hari abakambwe makumyabiri na bane bicaye ku ntebe z’ubwami. <sup>6</sup>Imbere y’intebe y’ubwami hakaba inyanja isa n’ikirahure kibonerana. <sup>5:6</sup>Nuko mbona Umwana w’Intama usa nk’aho yishwe, ahagaze hagati y’intebe y’ubwami.

<sup>7:9</sup> Nyuma y’ibyo, mbona imbere yanjye imbaga nyamwinshi y’abantu, umuntu atashoboraga kubarura, iturutse mu mahanga yose, mu miryango yose, mu moko yose no mu ndimi zose, bahagaze imbere y’intebe y’ubwami, kandi imbere y’Umwana w’Intama. Bari bambaye amakanzu yererana, kandi bafashe imikindo mu ntoki. <sup>10</sup>Nuko bavugaga mu ijwi riranguruye bati:

“Ubucunguzi ni ubw’Imana yicaye ku ntebe y’ubwami, n’ubw’Umwana w’Intama.”

<sup>11</sup>Abamarayika bose bari bahagaze bakikije intebe y'ubwami, hamwe na ba Bakambwe na bya Binyabuzima bine; nuko bose bagwa bubitse uruhanga imbere y'intebe y'ubwami, maze baramya Imana.

<sup>20:1</sup> Nuko mbona umumarayika amanuka ava mu ijuru <sup>2</sup> afata cya gikoko, Inzoka ya kera na kare, ari yo Sekibi, cyangwa Satani, maze akiboha ku ngoyi y'imyaka igihumbi. <sup>7</sup>Imyaka igihumbi nirangira, Satani azarekurwa, ave mu buroko bwe <sup>8</sup>ubundi ajye kuyobya amahanga, abakoranyirize hamwe kugira ngo barwanye abantu b'Imana.

Ariko umuriro uzaturuka mu ijuru ubatsembe bose. <sup>10</sup>Nuko Sekibi, wari warabayobeje ajugunnye mu nyenga y'umuriro. Azahababarira umunsi n'ijoro iteka ryose.

<sup>11</sup> Nuko mbona intebe nini yererana n'Uwari uyicayeho. <sup>12</sup>Nuko mbona abapfuye, abakuru n'abato, bahagaze imbere y'intebe y'ubwami, nuko ibitabo birabumburwa. Habumburwa ikindi gitabo, ari cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza hakurikijwe ibikorwa byabo byanditswe muri ibyo bitabo. <sup>14</sup>Nuko urupfu n'Ukuzimu birohwa mu nyenga y'umuriro. Iyo nyenga y'umuriro ni urupfu rwa kabiri. <sup>15</sup>Kandi n'umuntu wese izina rye ritari ryanditse mu gitabo cy'ubugingo, yaroshywe muri iyo nyenga y'umuriro.

<sup>21:1</sup> Hanyuma mbona ijuru rishya n'isi nshya, koko rero ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byazimiye, n'inyanja itakibaho. <sup>2</sup>Nuko mbona Umurwa wera, Yerusalemu nshya, yururuka iva mu ijuru ku Mana <sup>3</sup>hanyuma ijwi rirangurura rituruka mu ntebe y'ubwami rivuga riti: "Dore Ingoro y'Imana mu bantu, none Imana izabana na bo. <sup>4</sup>Izahanagura amarira mu maso yabo. Urupfu, icyunamo, amarira n'umubabaro ntibizongera kubaho ukundi, kuko ibya kera byose byarangiyeye. <sup>22:1</sup>Nuko umumarayika anyereka uruzi rw'amazi y'ubugingo, <sup>2</sup>hakurya no hakuno y'urwo ruzi hari igiti cy'ubugingo, kikagira imbuto z'ubwoko cumi na bubiri, kandi kikera buri kwezi. Amababi y'icyo giti ni ayo gukiza amahanga.

<sup>22:16</sup> "Jyewe Yesu, nohereje umumarayika wanjye kugira ngo ababwire ubu buhamya bugenewe amatorero." <sup>17</sup>Umwuka n'umugeni baravuga bati: "Ngwino! Ufite inyota wese naze, n'ushaka wese naze ajyane ku buntu impano y'amazi y'ubugingo."

<sup>20</sup> Uhamya ibyo ngibyo aravuga ati: "Koko, ngiye kuza bidatinze!" Amen. Ngwino, Nyagasani Yesu.

## **Gukora inkuru yo muri Bibiliya Mvugo**

Icyiza cy'isemurwa rya Bibiliya mu kinyejana cya 21 ni uko indimi z'ubucuruzi zose nk'Icyongereza, Igifaransa, icyespanyoro, ikimandarini, igihindu, ikiyurudi, igiswahili, icyarabu n'izindi, ubu zifite isemurwa rya Bibiliya ryanditse\*. Nihagira Inkuru ya Bibiliya Mvugo ikorwa mu rurimi Bibiliya itasemuwemo, hazifashishwa inyandiko ya Bibiliya isemuwe mu rurimi rw'ubucuruzi rukoresha aho hantu, kugira ngo Inkuru ya Bibiliya ivugwa, ikorwe muri urwo rurimi gakondo. Nk'ubu hakozwe inkuru ya Bibiliya ivugwa, mu gikisi, rumwe mu ndimi gakondo zo muri Ginea muri Afurika y'Iburengerazuba, hazifashishwa Igifaransa rwo rurimi rw'ubucuruzi kugirango hakorwe isemurwa ryanditse rya Bibiliya mu rurimi rw'igikisi, nuko bazabonereho gukora Inkuru ya Bibiliya ivugwa mu rurimi rw'igikisi. Mbese tugendeye kuri uru rugero, intambwe ya mbere yaba guhindura izo nkuru zari mu Cyongereza zigashyirwa mu Gifaransa, nuko zikandikwa na mudasobwa maze zikaza gusomwa mu rurimi rw'igikisi arinako hafatwa amajwi.

Icyakurikiraho ni ukugena itsinda rigizwe na bakavukire bagera kuri batanu cyangwa batandatu (baba bake bakaba batatu) bumva neza ururimi rw'ubucuruzi. Buri muntu mu itsinda (urugero: Kisi) azahabwa inkuru (mu gifaransa) nuko atangire ayige. Iri tsinda rigizwe n'abantu 5-6 ba kavukire rizicara hamwe riganire ku mvugo (terminology) zinyuranye zizakoresha nyuma kuri uwo munsu nyine, mu kubara inkuru mu rurimi rwabo gakondo (Kisi) Intego y'icyo kiganiro ni ugushaka uburyo buboneye amagambo atandukanye yavugwamo mu rurimi rw'igikisi kugirango isemura riva mu nyandiko z'igifaransa rwo rurimi rw'ubucuruzi, rijyana mu rurimi gakondo ribe rihamye. Abo bantu bashyira hamwe mu gushakisha igisobanuro cy'ijambo runaka muri iyo nkuru, kugeza ubwo bemeje uburyo buboneye bwo kurikoresha nk'ijambo cyangwa nk'interuro, mu rurimi rwabo gakondo. Buri muntu yongerera kwiga inkuru ye noneho akoresha invugo yemejwe n'itsinda. Buri wese ageraho akabara inkuru yahawe mu rurimi gakondo (Kisi), mu gihe bafata amajwi, undi muntu aba ateze amatwi arinako asoma inyandiko (iri mu Gifaransa) kugira ngo arebe ko ari ko biri. Ibi bituma habaho igenzura rya kabiri ry'isemura. Ibyo byose bisubirwamo, kugeza aho buri muntu abara inkuru 10-12 bitewe n'umubare w'abagize itsinda, gufata amajwi birangira nko mu cyumweru kimwe.

Inkuru ya Bibiliya ivugwa mu gikisi irongera igakorerwa igenzura ku nshuro ya nyuma, arinako ikosorwa. Kavukire atega amatwi inkuru zafashwe amajwi, arinako asoma inyangandiko ya zo, ukosora ahindura ibikwiye guhindurwa, azirikana ko inkuru ivugwa (Kisi) igomba guhura n'inyandiko iri mu rurimi rw'ubucuruzi, mu rugero twafasha akaba ari Igifaransa. Ukosora hamwe na kavukire batondeka inkuru bakurikije igihe zabereyemo.

Izo nkuru zifatwa amajwi kuri mudasobwa ifite porogaramu yitwa Audacity, ikaba ivanwa kuri interineti ku buntu. Nyuma yo gukosora izo nkuru hakoreshejwe "Audacity", zishobora kubikwa kuri CD, cyangwa se kuri "Audible" dore ko ihendutse cyane kandi ikaba ikore neza rwose ([www.davarpartners.com](http://www.davarpartners.com)). Kugeza aha inkuru ya Bibiliya ivugwa yawe iba itunganye ikaba yanakwirakwizwa mu bantu.

\*Hari ahantu ushobora gusanga nta rurimi rw'ubucuruzi rukoreshwa, nko mu bice bimwe na bimwe byo muri Papua New Guinea. Ariko ubundi ahantu henshi haba hari ururimi rw'ubucuruzi runanditse.

[www.oralbibles.org](http://www.oralbibles.org)

feature2thoroughnesth;;;s

